Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

N°001/16/10/TC ryo ku wa 26/01/2016
Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza yerekeye imari……2
N°001/16/10/TC of 26/01/2016
Ministerial Order relating to financial regulations…….2
N°001/16/10/TC du 26/01/2016
Arrêté Ministériel portant réglementations financières…….2

ITEKA RYA MINISITIRI N°001/16/10/TC RYO KU WA 26/01/2016 RISHYIRAHO AMABWIRIZA YEREKEYE IMARI

MINISTERIAL ORDER N°001/16/10/TC OF 26/01/2016 RELATING TO FINANCIAL REGULATIONS

ARRETE MINISTERIEL N°001/16/10/TC DU 26/01/2016 PORTANT REGLEMENTATIONS FINANCIERES

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: UBUBASHA N'INSHINGANO MU MICUNGIRE Y'IMARI YA LETA

Ingingo ya 4: Amabwiriza afasha ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko afite ingaruka zerekeye imari

Ingingo ya 5: Gutanga ububasha bikozwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta

Ingingo ya 6: Ububasha n'inshingano by'Ubuyobozi Nshingwabikorwa bw'urwego rw'ibanze

Ingingo ya 7: Ububasha n'inshingano by'Inama Njyanama y'Urwego rw'Ibanze

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Scope of application

Article 3: Definitions

CHAPTER II: POWERS AND RESPONSIBILITIES IN PUBLIC FINANCE MANAGEMENT

Articles 4: Executive directives with financial implications

Article 5: Delegation of powers by the Chief Budget Manager

Article 6: Powers and responsibilities of the Executive Authority of a decentralized entity

Article 7: Powers and responsibilities of a Council of a decentralised entity

TABLE DES MATIERS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Champ d'application

Article 3: Définitions

CHAPITRE II: POUVOIRS ET RESPONSIBILITES DANS LA GESTION DES FINANCES PUBLIQUES

Articles 4: Directives d'exécution ayant des implications financières

Article 5: Délégation de pouvoirs par le Gestionnaire Principal du Budget de l'Etat

Article 6: Pouvoirs et responsabilités de l'Autorité Exécutive d'une entité décentralisée

Article 7: Pouvoirs et responsabilités d'un Conseil d'une entité décentralisée

Ingingo ya 8: Imirimo n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru ushinzwe ingengo y'imari y'Igihugu	**Article 8: Responsibilities of the Director General of National Budget**	**Article 8: Attributions du Directeur Général du Budget National**
Ingingo ya 9: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu muri Minisiteri	**Article 9: Responsibilities of the Ministry's Chief Economist**	**Article 9: Attributions de l'Economiste en Chef du Ministère**
UMUTWE WA III: IGENAMIGAMBI, ITEGURWA N'IYEMEZWA BY'INGENGO Y'IMARI	**CHAPTER III: PLANNING, PREPARATION AND APPROVAL OF THE BUDGET**	**CHAPITRE III: PLANIFICATION, PREPARATION ET ADOPTION DU BUDGET**
Ingingo ya 10: Amahame rusange y'igenamigambi n'itegurwa by'ingengo y'imari mu nzego za Leta	**Article 10: General planning and budgeting principles for public entities**	**Article 10: Planification générale et principes budgétaires pour les entités publiques**
Ingingo ya 11: Ingamba z'igenamigambi mu nzego za Leta	**Article 11: Strategic planning for public entities**	**Article 11: Planification stratégique pour les entités publiques**
Ingingo ya 12: Ibirebana n'amafaranga azakoreshwa mu gihe giciriritse	**Article 12: Medium term expenditure framework**	**Article 12: Cadre de dépenses à moyen terme**
Ingingo ya 13: Imiterere y'ubukungu mu gihe giciriritse n'ingamba zo kwinjiza no gukoresha amafaranga mu ngengo y'imari	**Article 13: Medium term macroeconomic framework and fiscal strategy**	**Article 13: Cadre macro-économique à moyen terme et stratégie budgétaire**
Ingingo ya 14: Uburyo ingengo y'imari itegurwa	**Article 14: Budget preparation process**	**Article 14: Processus de préparation du budget**
Ingingo ya 15: Inyandiko y'imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta	**Article 15: Budget framework paper of the State finance bill**	**Article 15: Document-cadre du budget de projet de loi des finances de l'État**
Ingingo ya 16: Inshingano z'abayobozi bakuru mu itegurwa ry'ingengo y'imari	**Article 16: Role of executive heads in budget planning**	**Article 16: Rôle des responsables exécutifs dans la planification budgétaire**

Ingingo ya 17: Igenamigambi n'amabwiriza ahamagarira gutegura ingengo y'imari n'igihe bikorwamo	**Article 17: Planning and budget call circulars and calendar**	**Article 17: Planification et circulaires d'appel budgétaire et le calendrier**
Ingingo ya 18: Inyandiko zijyana n'ingengo y'imari	**Article 18: Budget documentation**	**Article 18: Documentation budgétaire**
Ingingo ya 19: Imiterere, ibyiciro n'impinduka ku miterere by'ingengo y'imari	**Article 19: Budget formats, classifications and changes to formats**	**Article 19: Canevas du budget, classifications et modifications aux canevas**
Ingingo ya 20: Itegurwa ry'ikigereranyo cy'ingengo y'imari ivuguruye	**Article 20: Preparation of revised budget estimates**	**Article 20: Préparation des prévisions budgétaires révisées**
Ingingo ya 21: Amasezerano agira ingaruka ku ngengo y'imari ku myaka myinshi	**Article 21: Contracts with multi-year budget implications**	**Article 21: Contrats avec des implications budgétaires pluri-annuelles**
Ingingo ya 22: Kwimura amafaranga ku mirongo y'ingengo y'imari mu nzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta	**Article 22: Budget reallocation in Central Government entities**	**Article 22: Réaffectation budgétaire au sein des entités de l'Administration Centrale**
Ingingo ya 23: Kwimura ingengo y'imari mu nzego z'ibanze	**Article 23: Budget reallocation in decentralised entities**	**Article 23: Réaffectation budgétaire dans des entités décentralisées**
Ingingo ya 24: Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta	**Article 24: Public Investment Committee**	**Article 24: Comité d'Investissement Public**
UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'AMAFARANGA YINJIYE	**CHAPTER IV: REVENUE MANAGEMENT**	**CHAPITRE IV: GESTION DES RECETTES**
Ingingo ya 25: Ikigo gishinzwe gucunga amafaranga yinjiye	**Article 25: Authority for revenue management**	**Article 25: Office chargée de gestion des recettes**
Ingingo ya 26: Inshingano ku micungire y'amafaranga yakiriwe	**Article 26: Responsibility for revenue management**	**Article 26: Responsabilité pour la gestion des recettes**

Ingingo ya 27: Inyandiko zijyana amafaranga yakirwa	**Article 27: Documentation of revenue**	**Article 27: Documentation sur les recettes**
Ingingo ya 28: Ibyiciro by'amafaranga yinjira	**Article 28: Classification of revenue**	**Article 28: Classification des recettes**
Ingingo ya 29: Amafaranga yinjiye mu buryo bw'inkunga	**Article 29: Revenues in the form of grants**	**Article 29: Recettes sous forme de subventions**
Ingingo ya 30: Amafaranga yinjiye atanzwe n'abaterankunga baturuka hanze	**Article 30: Revenue from external donors**	**Article 30: Recettes provenant des donateurs extérieurs**
Ingingo ya 31: Impano	**Article 31: Donations**	**Article 31: Dons**
Ingingo ya 32: Ihuzabikorwa ry'imfashanyo ziturutse hanze	**Article 32: Coordination of external assistance**	**Article 32: Coordination de l'aide extérieure**
Ingingo ya 33: Imicungire y'imyenda abantu babereyemo Leta	**Article 33: Management of Accounts Receivables**	**Article 33: Gestion des comptes débiteurs**
UMUTWE WA V: IMICUNGIRE Y'IKORESHWA RY'AMAFARANGA	**CHAPTER V: EXPENDITURE MANAGEMENT**	**CHAPITRE V: GESTION DES DEPENSES**
Ingingo ya 34: Gutegura no kwemeza gahunda y'amafaranga azakoreshwa mu Butegetsi Bwite bwa Leta	**Article 34: Preparation and approval of expenditure plan at the Central Government**	**Article 34: Préparation et adoption du plan de dépenses au sein de l'Administtration Centrale**
Ingingo ya 35: Kwiyemeza kwishyura no gusohora amafaranga hashingiwe ku ngengo y'imari yagenwe	**Article 35: Commitments and disbursement made in accordance with appropriation**	**Article 35: Engagements et décaissements effectués conformément à la dotation**
Ingingo ya 36: Gutegura no kwemeza gahunda y'uko amafaranga azakoreshwa mu nzego z'ibanze	**Article 36: Preparation and approval of expenditure plan at the decentralised entities**	**Article 36: Préparation et approbation du plan de dépenses au sein des entités décentralisées**

Ingingo ya 37: Amasoko y'ibintu na serivisi by'inzego za Leta

Ingingo ya 38: Uburyo bwo kwishyura binyuze mu Kigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta

Ingingo ya 39: Inshingano z'ishami rishinzwe imari mu rwego rwa Leta ku birebana no kwishyura

Ingingo ya 40: Inshingano z'ishami rishinzwe Imicungire y'Ikigega rusange cy'Imari ya Leta mu kwishyura no kohereza amafaranga

Ingingo ya 41: Agasanduku k'amafaranga yihariye akoreshwa byihutirwa

Ingingo ya 42: Agasanduku k'amafaranga yihutirwa

Ingingo ya 43: Kwishyura imishahara

Ingingo ya 44: Imisanzu n'ibindi byishyurwa nta mpaka

Ingingo ya 45: Amafaranga yasagutse ku ngengo y'imari

Ingingo ya 46: Ikoreshwa ry'amafaranga y'ingengo y'imari y'ingoboka

Ingingo ya 47: Ingengo y'imari y'ingoboka mu nzego z'ibanze

Article 37: Procurement of goods and services by public entities

Article 38: Mode of payment from the Consolidated Fund

Article 39: Responsibilities of a finance function in a public entity on processing payments

Article 40: Responsibilities of the Treasury Management Function in processing payments and transfers

Article 41: Special imprest

Article 42: Petty cash imprest

Article 43: Payment of salaries

Article 44: Contributions and compulsory payments

Article 45: Unspent budget balances

Article 46: Utilisation of emergency budget reserve

Article 47: Decentralised entities emergency budget reserve

Article 37: Marchés de biens et de services faits par des entités publiques

Article 38: Mode de paiement provenant du Fonds Consolidé

Article 39: Responsabilités d'une fonction de finance au sein d'une entité publique dans le traitement des paiements

Article 40: Responsabilités de la Fonction de Gestion de Trésorerie dans le traitement des paiements et transferts

Article 41: Caisse spéciale d'avance

Article 42: Avance sur petite caisse

Article 43: Paiement des salaires

Article 44: Contributions et décaissement d'office

Article 45: Soldes budgétaires non dépensés

Article 46: Utilisation des réserves budgétaires d'urgence

Article 47: Réserves budgétaires d'urgence des entités décentralisées

.

Ingingo ya 48: Gukurikirana raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari

Article 48: Monitoring of budget execution report

Article 48: Suivi du rapport sur l'exécution budgétaire

UMUTWE WA VI: INGUZANYO, UMWENDA, ISHORAMARI N'IBIJYANA N'IMIKORANIRE N'AMABANKI

CHAPTER VI: LOAN, DEBT, INVESTMENT AND BANKING ARRANGEMENTS

CHAPTER VI: EMPRUNT, DETTE, INVESTISSEMENT ET MECANISMES BANCAIRES

Ingingo ya 49: Impamvu n'ububasha ku micungire y'imyenda ya Leta

Article 49: Purpose of and athority for public debt management

Article 49: Objectif et responsabilité de gestion de la dette publique

Ingingo ya 50: Imicungire y'umwenda wa Leta

Article 50: Public debt management

Article 50: Gestion de la dette publique

Ingingo ya 51: Biro ishinzwe imicungire y'umwenda muri Minisiteri

Article 51: Debt management function in the Ministry

Article 51: Fonction de gestion de la dette au sein du Ministère

Ingingo ya 52: Inguzanyo zisabwe n'urwego rw'ibanze n'imyanzuro y'Inama Njyanama ku mwenda

Article 52: Loans by a decentralised entity and Council resolutions on debt

Article 52: Emprunts fait par une entité décentralisée et résolutions du Conseil sur la dette

Ingingo ya 53: Ibibujijwe mu gutanga ingwate bikozwe n'inzego z'ibanze

Article 53: Restrictions on pledging of securities by decentralised entities

Article 53: Restrictions sur les garanties de titres émis par des entités décentralisées

Ingingo ya 54: Kuguza bikozwe n'ibigo bya Leta

Article 54: Laon by public institutions

Article 54: Emprunts des établissements publics

Ingingo ya 55: Inguzanyo zisabwe n'inzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta

Article 55: Loan by Central Government entities

Article 55: Emprunts des entités de l'Admnistration Centrale

Ingingo ya 56: Ikigega gihurizwamo Amafaranga y'Ubutegetsi Bwite bwa Leta

Article 56: Consolidated Fund for Central Government

Article 56: Fonds Consolidé de l'Admnistration Centrale

Ingingo ya 57: Ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta cy'urwego rw'ibanze

Article 57: Consolidated fund of a decentralized entity

Article 57: Fonds consolidé d'une entité décentralisée

Ingingo ya 58: Inzego z'imiyoborere ya Komite ishinzwe Imicungire y'Ikigega cya Leta	**Article 58: Governance structures for Treasury Management Committee**	**Article 58: Structures de Gouvernance pour le Comité de Gestion du Trésor**
Ingingo ya 59: Ubugenzuzi bw'ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta	**Article 59: Control of the consolidated funds**	**Article 59: Contrôle des fonds consolidés**
Ingingo ya 60: Amahame ngenderwaho mu micungire y'amafaranga	**Article 60: Fundamental principles for cash management**	**Article 60: Principes fondamentaux de gestion du trésor**
Ingingo ya 61: Imicungire y'amafaranga n'imikoranire n'ama banki	**Article 61: Cash management and banking arrangements**	**Article 61: Gestion de la trésorerie et mécanismes bancaires**
Ingingo ya 62: Inshingano zo gufunguza konti muri banki	**Article 62: Responsibility for opening of bank accounts**	**Article 62: Responsabilité pour l'ouverture des comptes bancaires**
Ingingo ya 63: Ubugenzuzi ku mikoranire n'amabanki	**Article 63: Oversight of banking correlations**	**Article 63: Surveillance des corrélations bancaires**
Ingingo ya 64: Ishyirwaho ry'ibiro bishinzwe imicungire y'ikigega cy'imari muri Minisiteri	**Article 64: Establishment of treasury management function in the Ministry**	**Article 64: Mise en place de la fonction de gestion de trésorerie au sein du Ministère**
Ingingo ya 65: Kwakira no kubitsa amafaranga ya Leta	**Article 65: Collection and deposit of public Funds**	**Article 65: Collecte et dépôt des fonds publics**
Ingingo ya 66: Ishoramari ry'amafaranga yasagutse	**Article 66: Investment of surplus funds**	**Article 66: Placement des fonds excédentaires**
Ingingo ya 67: Ishoramari ry'amafaranga yasagutse bikozwe n'inzego z'ibanze	**Article 67: Investment of surplus funds by decentralised entities**	**Article 67: Placement des fonds excédentaires par des entités décentralisées**
Ingingo ya 68: Abasinya ku makonti	**Article 68: Signatories of bank accounts**	**Article 68: Signataires des comptes bancaires**
Ingingo ya 69: Konti zishyirwaho amafaranga yinjijwe	**Article 69: Revenue bank accounts**	**Article 69: Comptes bancaires des recettes**

Ingingo ya 70: Inshingano ku mafaranga n'umutungo by'indagizo

Ingingo ya 71: Umutekano w'amafaranga ari mu nzira ajyanwa ku ma konti

Ingingo ya 72: Guhuza imibare ku makonti

UMUTWE WA VII: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA LETA

Ingingo ya 73: Inshingano ku micungire y'umutungo wa Leta

Ingingo ya 74: Imirimo yo gucunga umutungo wa Leta

Ingingo ya 75: Inshingano z'Abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga Imari ya Leta mu ihererekanya ry'umutungo wa Leta

Ingingo ya 76: Kwikuraho no gukodesha imitungo ya Leta

Ingingo ya 77: Umutungo wabonywe binyuze mu itegeko, impano n'irage

Ingingo ya 78: Ibihombo by'umutungo wa Leta

Ingingo ya 79: Gucunga ibihombo by'imitungo no gusaba indishyi z'ubwishingizi

Ingingo ya 80: Ibihombo n'ibyangijwe bitewe n'ibikorwa cyangwa ibitakozwe n'abakozi ba

Article 70: Responsibility for fund and property in trust

Article 71: Protection of cash in transit

Article 72: Reconciliation of bank accounts

CHAPTER VII: MANAGEMENT OF STATE PROPERTY

Article 73: Responsibility for public property management

Article 74: Management functions for custodial State assets

Article 75: Chief Budget Managers' responsibilities on transfer of public property

Article 76: Disposal and lease of public assets

Article 77: Property acquired through operation of the law, donations and bequests

Article 78: Losses of public property

Article 79: Managing asset losses and insurance compensation

Article 80: Losses and damages through acts committed or omitted by public servants

Article 70: Responsabilité pour les fonds et le patrimoine en fiducie

Article 71: Protection des espèces en transit

Article 72: Réconciliation des comptes bancaires

CHAPITRE VII: GESTION DU PATRIMOINE DE L'ETAT

Article 73: Responsabilité pour la gestion du patrimoine publique

Article 74: Fonctions de gestion des actifs de l'Etat

Article 75: Responsabilités des Gestionnaires Principaux des Budgets lors du transfert du patrimoine public

Article 76: Aliénation et location des actifs publics

Article 77: Patrimoine acquis du fait de la loi, dons et legs

Article 78: Pertes du patrimoine public

Article 79: Gestion de perte des actifs et des indemnités d'assurance

Article 80: Pertes et dommages découlant des actes commis ou omis par les agents de l'Etat

Leta

Ingingo ya 81: Inshingano z'abakozi ba Leta zo gutanga raporo y'igihombo cy'amafaranga n'umutungo bya Leta

Article 81: Responsibility of public servants to report loss of public fund and property

Article 81: Responsabilité des agents de l'Etat de déclarer la perte de l'argent et des biens publics

Ingingo ya 82: Kwemera uburyozwe

Article 82: Admission of liability

Article 82: Reconnaissance d'une résponsabilité

UMUTWE WA VIII: IBIGEGA BYIHARIYE

CHAPTER VIII: SPECIAL FUNDS

CHAPITRE VIII: FONDS SPECIAUX

Ingingo ya 83: Ishyirwaho ry'ibigega byihariye

Article 83: Establishment of special funds

Article 83: Création des fonds spéciaux

Ingingo ya 84: Ibisabwa mu ishyirwaho ry'ikigega cyihariye

Article 84: Requirements for the establishment of a special fund

Article 84: Conditions requises pour l'établissement d'un fonds spécial

Ingingo ya 85: Umuyobozi w'ikigega cyihariye

Article 85: Administrator of special fund

Article 85: Administrateur d'un fonds spécial

Ingingo 86: Politiki n'uburyo bwo gutanga raporo mu rwego rwo guha icyerekezo abayobozi

Article 86: Policy and reporting framework that provide guidance to administrators

Article 86: Politique et cadre de rapports pour donner des orientations aux administrateurs

Ingingo ya 87: Amakonti y'ibigega byihariye

Article 87: Bank accounts of special funds

Article 87: Comptes bancaires des fonds spéciaux

Ingingo ya 88: Ibisabwa mu kugena inkunga y'ikigega cyihariye n'amafaranga gikoresha

Article 88: Requirements for determining fund of the special fund and its expendutures

Article 88: Conditions de financement du fonds spécial et ses dépenses d'utilisation

Ingingo ya 89: Gukurikirana no gutanga raporo z'ibigega byihariye

Article 89: Monitoring and reporting of special funds

Article 89: Suivi et rapports des fonds spéciaux

Ingingo ya 90: Kwegurira undi umutungo w'ikigega cyihariye no gusubiza amafaranga asaguka ku yateganyijwe

Article 90: Disposal of assets of a special fund and remittance of surplus funds

Article 90: Aliénation des actifs d'un fonds spécial et remise des fonds excédentaires

Ingingo ya 91: Iseswa ry'ikigega cyihariye

Article 91: Dissolution of a special fund

Article 91: Dissolution d'un fonds spécial

UMUTWE WA IX: IHURIRO RY'INZEGO ZA LETA KU MIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI

Ingingo ya 92: Ishyirwaho, intego n'imikorere by'Ihuriro ry'Inzego za Leta ku mikoreshereze y'Ingengo y'Imari

Ingingo ya 93: Abagize IGFRF

Ingingo ya 94: Inshingano IGFRF

Ingingo ya 95: Uburyo bwo korohereza IGFRF mu nshingano zaryo

UMUTWE WA X: IBARURAMARI, GUTANGA RAPORO N'UBUGENZUZI BW'IMARI BUKOZWE N'ABATURUTSE HANZE

Ingingo ya 96: Amahame shingiro mu gutegura raporo z'imari

Ingingo ya 97: Gahunda y'ibaruramari ikoreshwa

Ingingo ya 98: Uburyo bw'ikoranbuhanga bukoreshwa mu bijyanye n'imari

Ingingo ya 99: Amabwiriza agenga Ibaruramari akurikizwa mu nzego za Leta

Ingingo ya 100: Inshingano zijyanye n'uburyo bw'Ikoranabuhanga mu Micungire y'Amakuru yerekeye Imari (IFMIS)

CHAPTER IX: INTERGOVERNMENTAL FISCAL RELATIIONS FURUM

Article 92: Establishment, purpose and functioning of Intergovernmental Fiscal Relatiions Furum

Article 93: Composition of IGFRF

Article 94:Responsibilities of IGFRF

Article 95: Means of facilitating IGFRF responsibilities

CHAPTER X: ACCOUNTING, REPORTING AND EXTERNAL AUDIT

Article 96: Fundamental principles for preparing financial statements

Article 97: Standardised chart of accounts

Article 98: Financial information system

Article 99: Accounting standards applicable to public entities

Article 100: Responsibilities related to the automated Integrated Financial Management Information System (IFMIS)

CHAPITRE IX: FORUM SUR DES RELATIONS BUDGETAIRES INTERGOUVERNEMENTAL

Article 92: Création, objet et fonctionnement du Forum Intergouvernemental sur des relations budgétaires

Article 93: Composition de IGFRF

Article 94: Attributions de IGFRF

Article 95: Moyens de faciliter IGFRF dans l'exercice de ses attributions

CHAPITRE X: COMPTABILITE, RAPPORT ET AUDIT EXTERNE

Article 96: Principes fondamentaux pour la préparation des états financiers

Article 97: Plans comptables modèles

Article 98: Système d'information financière

Article 99: Normes comptables applicables aux entités publiques

Article 100: Attributions relatives au Système Intégré de Gestion Financière automatisée (IFMIS)

Ingingo ya 101: Ibiro by'imari mu rwego rwa Leta z'icungamutungo n'ibaruramari	**Article 101: Finance function in a public entity**	**Article 101: Fonction de Finance au sein d'une entité publique**
Article 102: Inyandiko z'icungamutungo n'imari	**Article 102: Accounting and financial records**	**Article 102: Documents comptables et financiers**
Ingingo ya 103: Kubika inyandiko z'icungamutungo n'iz'ibaruramari	**Article 103: Preservation of accounting and financial records**	**Article 103: Conservation des documents comptables et financiers**
Ingingo ya 104: Ibikurikizwa mu mpera z'umwaka byerekeye gufunga ibitabo by'ibaruramari	**Article 104: Year-end procedures for closing books of accounts**	**Article 104: Procédures de clôture des livres comptables à la fin de l'année**
Ingingo ya 105: Gusiba imitungo n'imyenda mu bitabo	**Article 105: Write-off of assets and liabilities**	**Article 105: Radiation des actifs et passifs**
Ingingo ya 106: Gutegura no gutanga raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari	**Article 106: Preparation and submission of budget execution reports**	**Article 106: Préparation et transmission des rapports d'exécution du budget**
Ingingo ya 107: Gutegura no gutanga raporo z'imari	**Article 107: Preparation and submission of financial statements**	**Article 107: Préparation et transmission des rapports financiers**
Ingingo ya 108: Itegurwa n'itangazwa rya za raporo z'umwaka zerekeye ibyakozwe	**Article 108: Preparation and submission of annual activity reports**	**Article 108: Préparation et transmission des rapports annuels d'activités**
Ingingo ya 109: Gutanga raporo y'ibikorwa by'Ikigega cya Leta	**Article 109: Reporting of Treasury operations**	**Article 109: Rapports des opérations du Trésor**
Ingingo ya 110: Gutegura no gutanga raporo z'imari zihujwe	**Article 110: Preparation and submission of consolidated financial statements**	**Article 110: Préparation et transmission des états financiers consolidés**
Ingingo ya 111: Igenzurwa rya raporo y'imari	**Article 111: Audit of financial statements**	**Article 111: Audit des états financiers**
Ingingo ya 112: Ibikurikizwa mu byerekeye imari nyuma y'ivugurura ry'imiterere y'inzego	**Article 112: Financial procedures following reorganisation of public entities**	**Article 112: Procédures financières suivant la réforme des entités publique**

za Leta

Ingingo ya 113: Raporo y'ibaruramari itangwa n'inzego zishamikiye kuri Leta	**Article 113: Financial reporting by subsidiary entities**	**Article 113: Rapports financiers des entités affiliées**
UMUTWE WA XI: IMICUNGIRE Y'IBYATEZA INGORANE N'IGENZURA RY'IMBERE	**CHAPTER XI: RISK MANAGEMENT AND INTERNAL CONTROL**	**CHAPITRE XI: GESTION DU RISQUE ET CONTROLE INTERNE**
Ingingo ya 114: Imicungire y'ibyateza ingorane n'igenzura ry'imbere	**Article 114: Risk management and internal control**	**Article 114: Gestion des risques et contrôle interne**
Ingingo ya 115: Ishyirwaho n'ibirebwa n'igenzura bwite	**Article 115: Establishment and Scope of internal audit function**	**Article 115: Mise en place d'une fonction d'audit interne et son champ d'application**
Ingingo ya 116: Imiyoborere y'igenzura bwite mu kigo cya Leta	**Article 116: Governance for internal audit functions in a public entity**	**Article 116: Organisation de la fonction d'audit interne au sein d'une entité publique**
Ingingo ya 117: Komite z'Ubugenzuzi n'imikorere yazo	**Article 117: Audit Committees and their functioning**	**Article 117: Comités d'Audit et leur fonctionnement**
UMUTWE WA XII: IBIGO BYA LETA BIYOBORWA N'URWEGO RUFATA IBYEMEZO	**CHAPTER XII: PUBLIC INSTITUTIONS WITH DECISION MAKING ORGAN**	**CHAPITRE XII: ETABLISSEMENTS PUBLICS AYANT UN ORGANE DE DECISION**
Ingingo ya 118: Ingingo rusange zijyanye n'ibigo bya Leta	**Article 118: General provisions relating to public institutions**	**Article 118: Dispositions générales relatives aux établissements publics**
Ingingo ya 119: Inshingano z'inama y'ubuyobozi y' ikigo cya Leta	**Articles 119: Responsibilities of a decision making organ**	**Article 119: Attributions d'un organe de décision d'un etablissement public**
Ingingo ya 120: Igenamigambi n'ibyitabwaho kurusha ibindi mu kugenerwa amafaranga	**Article 120: Planning and resource prioritisation**	**Article 120: Planification et allocation des ressources selon les priorités**
Ingingo ya 121: Ingengo y'imari y'umwaka y'ibigo bya Leta	**Article 121: Annual Budget of public institutions**	**Article 121: Budget annuel des établissements publics**

Ingingo ya 122: Raporo ya buri gihembwe y'Ibigo bya Leta

Ingingo ya 123: Raporo z'imari za buri mwaka

Ingingo ya 124: Komite z'Ubugenzuzi n'Imiyoborere

Ingingo ya 125: Igenzura bwite n'igenzura ry'imbere mu kigo

Ingingo ya 126: Gushora amafaranga yarenze ayari ateganyijwe n'ikigo cya Leta

Ingingo ya 127: Ububasha bw'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imari mu kigo cya Leta

UMUTWE WA XIII: KUBAHIRIZA NO GUSHYIRA MU BIKORWA AMATEGEKO N'IBIHANO

Ingingo ya 128: Imyitwarire mibi no kutubahiriza inshingano mu by'imari

Ingingo ya 129: Gukora ipereereza ku myitwarire mibi mu by'imari

UMUTWE WA XIV: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 130: Gutanga imirongo ngenderwaho

Article 122: Quarterly reporting by public institution

Article 123: Annual financial Statements

Article 124: Audit Committees and Governance

Article 125: Internal audit and control systems

Article 126: Investment of surplus cash resources by a public institution

Article 127: Competencies of the Chief Finance Officer in a public institution

CHAPTER XIII: COMPLIANCE, ENFORCEMENT AND SANCTION

Article 128: Financial misconduct and breach of financial responsibilities

Article 129: Investigation of alleged financial misconduct

CHAPTER XIV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 130: Issuance of guidelines

Article 122: Rapports trimestriels faits par les établissements publics

Article 123: Etats financiers annuels

Article 124: Comités d'Audit et de Gouvernance

Article 125: Audit et Système de contrôle internes

Article 126: Investissement des ressources excédentaires de trésorerie fait par un établissement public

Article 127: Compétences du Responsable en chef des Finances au sein d'un établissement public

CHAPITRE XIII: COMFORMITE, EXECUTION ET SANCTIONS

Article 128: Faute financière et violation des responsabilités financières

Article 129: Enquête sur la faute financière alléguée

CHAPITRE XIV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Article 130: Emission des lignes directrices

Ingingo ya 131: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 131: Repealing provision

Article 131: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 132: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 132: Commencement

Article 132: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°001/16/10/TC RYO KU WA 26/01/2016 RISHYIRAHO AMABWIRIZA YEREKEYE IMARI

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y' u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 16, iya 19, iya 30, iya 42, iya 50, iya 58, iya 59, iya 60, iya 61, iya 62, iya 63 iya 65, 66 n'iya 68;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 002/07 ryo ku wa 09/02/2007 ryerekeye amabwiriza y'Imari;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/09/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena ibi bikurikira, mu murongo n'intego byo kunoza imikorere iri muri porogaramu na

MINISTERIAL ORDER N° 001/16/10/TC OF 26/01/2016 RELATING TO FINANCIAL REGULATIONS

The Minister of Finance and Economic Planning;

Pursuant to the Constitution of the Republic of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to the Organic Law n° 12/2013/OL of 12/09/2013 on State finances and property, especially in Articles 16, 19, 30, 42, 50, 58, 59, 60, 61, 62, 63, 65, 66 and 68;

Having reviewed the Ministerial Order n° 002/07 of 09/02/2007 relating to financial regulations;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 09/09/2015;

HEREBY ORDERS:

<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS

<u>Article One</u>: Purpose of this Order

This Order prescribes the following, line with the service delivery objectives covered in the

ARRETE MINISTERIEL N° 001/16/10/TC DU 26/01/2016 PORTANT REGLEMENTATION FINANCIERE

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi Organique n° 12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat, speciallement en ses articles 16, 19, 30, 42, 50, 58, 59, 60, 61, 62, 63, 65, 66 et 68;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 002/07 du 09/02/2007 portant réglementation financière;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/09/2015 ;

ARRETE:

<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES

<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté

Le présent Arrêté prescrit ce qui suit, en rapport avec les objectifs de fournir de services couvert

gahunda bya Leta:

1 º imiterere n'imikorere mu micungire y'imari ya Leta;

2 º itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta;

3 º ibaruramari n'itangwa rya raporo zerekeye ibyakozwe byose byerekeye imari;

4 º igenzura ryerekeye imari.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka

Iri teka rireba imicungire y'imari mu nzego zose za Leta harimo inzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta, inzego z'ibanze, ibigo bya Leta n'amashami y'inzego za Leta.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurkira:

1 º **Umubaruramari Mukuru :** umukozi muri Minisiteri ushyirwaho ngo abe Umucungamari Mukuru hashingiwe ku ngingo ya 63 y'Itegeko Ngenga;

2 º **Abakozi bashinzwe ibaruramari:** abakozi ba Leta bakoreshwa n'inzego za Leta kugira ngo bafashe Abayobozi Bakuru bashinzwe

Government plans and programmes:

1 º the structure and functioning of public financial management;

2 º preparation and implementation of the State budget;

3 º accounting and reporting of all financial transactions;

4 º financial control.

Article 2: Scope of application

This Order shall apply to the management of public finances of all public entities including the Central Government entities, decentralised entities, public institutions and subsidiary entities.

Article 3: Definitions

In this Order, the following terms shall have the following meanings:

1 º **Accountant General:** the resiponsible staff in the Ministry designated as the Accountant-General basing on Article 63 of the Organic Law;

2 º **Accountants staff:** public servants employed by public entities to support Chief Budget Managers in carrying out

par des plans et des programmes du Gouvernement :

1 º la structure et le fonctionnement de la gestion des finances publiques ;

2 º la préparation et l'exécution du budget l'Etat;

3 º la comptabilité et les rapports sur toutes les transactions financières;

4 º contrôle financier;

Article 2: Champ d'application

Le présent Arrêté s'applique à la gestion des finances publiques de toutes les entités publiques, y compris les entités du de l'Administration Centrale, les entités décentralisées, les etablissements publics et entités affiliées.

Article 3: Définitions

Dans le présent Arrêté, the termes suivants ont les significations suivantes:

1 º **Comptable Général:** l'agent du Ministère désigné comme Comptable Général en vertu de l'article 63 de la Loi Organique;

2 º **personnel comptable:** les fonctionnaires employés par des entités publiques pour assister les Gestionnaires Principaux du

gucunga Imari ya Leta mu kuzuza inshingano zabo zo gucunga imari ya Leta mu bijyanye n'igenamigambi, ingengo y'imari, ikusanwa ry'imisoro, itangwa ry'amasoko, kwishyura, ibaruramari no gutanga za raporo ;

3 º Ku birebana n'Ibigega by'Imari byihariye bya Leta **Umuyobozi** bivuga**:**

a. Umuyobozi w'Ikigega cyihariye cya Leta ubarizwa mu buyobozi bw'urwego rwa Leta;

b. Umuyobozi Mukuru w'urwego rwa Leta ushinzwe gucunga Imari ya Leta mu gihe Umuyobozi atateganyijwe n'itegeko rishyiraho ikigega cya Leta cyihariye;cyangwa;

c. umukozi wahawe inshingano zo kuyobora ikigega cya Leta cyihariye bikozwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta mu rwego rwa Leta ushinzwe ikigega cyihariye cya Leta ;

4 º **igena ry'ingengo y'imari:** ishyirwaho ry'umubare ntarengwa w'amafaranga urwego rwa Leta rushobora gukoresha no kwishyura ku bintu bizwi mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) gitangira ku itariki ya mbere Nyakanga kikarangira ku ya 30 Kamena ya buri mwaka nk'uko biteganywa n'itegeko rigena ingengo

public financial management responsibilities relating to planning, budgeting, revenue collection, procurement award, payments, accounting and reporting;

3 º In relation to special public funds, **Administrator** shall mean:

a. the head of a special public fund operating within the administration of a public entity;

b. the Chief Budget Manager of a public entity in cases where a dedicated administrator has not been provided for in the instrument establishing the special public fund; or

c. an official assigned to head a special public fund by the Chief Budget Manager of a public entity responsible for the special public fund;

4 º **appropriation:** an approval of the maximum amount that a public entity may allocated in making commitments and payments for specific purposes during a twelve (12) month period starting on 01 July and ending on 30 June of each year as provided for by the State finance law;

Budget dans l'exercice des responsabilités de gestion des finances publiques relatives à la planification, à la budgétisation, à la collecte des recettes, à l'approvisionnement des marchés publics, aux paiements, à la comptabilité et à la transmission des rapports;

3 º Référence faite aux fonds publics spéciaux, A**dministrateur** signifie :

a. le responsable d'un fonds public spécial agissant au sein de l'administration d'une entité publique;

b. le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique au cas où un administrateur désigné n'a pas été prévu dans l'acte instituant l'établissement du fonds public spécial; ou

c. un agent affecté à la tête d'un fonds public spécial par le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique responsable du fonds public spécial ;

4 º **dotation :** la fixation des finances de l'Etat pour le montant maximum approuvé qu'une entité publique peut engager et utiliser pour paiements à des fins spécifiques couvrant une période de douze (12) mois commencant le 1er juillet et se terminant le 30 juin de chaque année

y'imari ya Leta ;

5 º **icyuho mu ngengo y'imari :** umubare w'amafaranga asohoka mu ngengo y'imari nk'uko biteganywa n'ngingo ya 31 y'Itegeko Ngenga, arenze ku mafaranga yinjira mu ngengo y'imari, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 30 y'iryo Itegeko Ngenga;

6 º **Urwego rw'Ubutegetsi bwite bwa Leta:** urwego rwa Leta rugenerwa ingengo y'imari mu itegeko rigena imari ya Leta ya buri mwaka kandi amafaranga yose rukoresha akaba aturuka mu ngengo y'imari ;

7 º **Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta:** Umuyobozi Mukuru w'urwego rwa Leta nk'uko biteganywa mu ngingo ya 18 y'Itegeko Ngenga; cyangwa undi muntu uwo ari we wese ubifitiye ububasha nk'uko biteganywa mu mu ngingo ya 20 y'Itegeko Ngenga;

8 º **umwenda:** inshingano igaragara igihe habaye ubwumvikane, amasezerano cyangwa urwandiko rusaba kugura ikintu rwemejwe kugira ngo hagemurwe igicuruzwa cyangwa hatangwe serivisi ku rwego rwa Leta cyangwa iyo ubwumvikane busaba ko urwego rwa Leta rwishyura urundi ruhande bafitanye amasezerano ;

9 º **amafaranga yishyurwa nta mpaka:** amafaranga agomba kwishyurwa

5 º **budget deficit:** amount of budget expenditure, as provided for in Article 31 of the Organic Law, exceeding budget revenues as provided for in Article 30 of the Organic Law;

6 º **Central Government entity:** a public entity to which the State allocates every year funds in the annual State finance law and which is wholly funded by the national budget;

7 º **Chief Budget Manager:** administrative head of the public entity as provided for in Article 18 of the Organic Law, or any other competent public officer as provided for in Article 20 of the Organic Law;

8 º **commitment:** obligation which arises when an agreement, contract or a purchase order has been duly concluded for the supply of goods or services to a public entity or where such an agreement binds the public entity to make future disbursements to the other contracting party;

9 º **compulsory payments:** payments by the Central Government for contractual

tel que prévu par la loi portant fixation des finances de l'État;

5 º **déficit budgétaire :** le montant des dépenses budgétaires, tel que prévu à l'Article 31 de Loi Organique, excédant les recettes budgétaires tel que prévu à l'Article 30 de cette Loi Organique ;

6 º **Entité de l'Administartion Centrale:** une entité publique à laquelle l'Etat alloue des fonds dans chaque loi des finances de l'Etat et qui est entièrement financée par le budget national;

7 º **Gestionnaire Principal du Budget:** responsable administratif de l'entité publique tel que prévu à l'article 18 de la Loi Organique, ou tout autre agent compétent tel que prévu à l'article 20 de la Loi Organique ;

8 º **engagement** : obligation qui survient lorsqu' un accord, un contrat ou un bon de commande a été dûment conclus pour la fourniture des biens ou services à une entité publique ou lorsqu'un tel accord oblige l'entité publique de faire des remboursements futurs à une autre partie contractante ;

9 º **décaissements d'office:** décaissements découlant des obligations contractuelles,

n'Ubuyobozi bwite bwa Leta kubera ibikubiye mu masezerano Leta yemeye, amasezerano ahoraho cyangwa amategeko yihariye. Ayo mafaranga akubiyemo kandi amafaranga agenewe kwishyura imyenda ya Leta, gusubiza imisoro n'andi mafaranga yinjira iyo biteganywa n'itegeko ndetse n'amafaranga inkiko zitegeka Leta kwishyura. Ku bw'iri teka, inshingano zishingiye ku masezerano ajyanye no kugemura bisanzwe ibicuruzwa no gutanga serivisi ntizirebwa n'iki gisobanuro;

10 º**guhuza:** amafaranga ya Leta mu buryo bwa konti imwe rukumbi y'imari ya Leta no kwishyura hubahirijwe uburyo bukurikizwa bwagenwe n'Itegeko Ngenga ;

11 º**raporo z'imari zihujwe:** raporo y'imari y'inzego za Leta iteguwe nk'aho ari urwego rumwe aho urwego rugenzura ruba rufite urwego rumwe cyangwa nyinshi rugenzura ;

12 º**Ikigega gihurizwamo amafaranga:** ikigega gikubiyemo amafaranga ya Leta yose yinjira n'undi mutungo wa Leta;

13 º**urwego rw'ibanze :** urwego rw'imitegekere y'Igihugu ku rwego rw'ibanze rufite ubuzima gatozi n'ubwigenge mu byerekeye imicungire y'imari n'abakozi barwo, kandi rukagira igice mu ngengo y'imari gituruka mu butegetsi bwite bwa Leta ;

obligations, permanent agreements or special laws. Such payments shall also comprise payments for servicing public debt, refunds of taxes and other revenues in case they are provided for by law and court-issued legal claims on the State. For the purpose of this Order, contractual obligations for ordinary supply of goods and services are excluded;

10 º**consolidation:** channelling public funds through the Treasury Single Account system and making payments according to the procedure prescribed in the Organic Law;

11 º**consolidated financial statements:** financial statement of public entities prepared as one entity in which a controlling entity has one or several controlled entities;

12 º**consolidated Fund:** the fund that includes all the revenues and other funds of the State;

13 º**decentralized entity:** local administrative entity with legal personality, administrative and financial autonomy and whose budget is partially financed by the Central Government;

d'accords permanents ou des lois spéciales dûs par l'Administartion Centrale. Parmi ces décaissements figurent les fonds destinés à honorer le service de la dette publique, la restitution du trop-perçu d'impôts et autres recettes définis par la loi, les créances décidées par les tribunaux contre l'Etat. En vertu du présent Arrêté, les obligations contractuelles découlant de la fourniture des marchandises et services sont exclues ;

10 º**consolidation :** acheminement des fonds publics par l'intermédiaire du système de compte unique du Trésor Public et mode de paiements effectués selon la procédure prévue par la Loi Organique;

11 º**états financiers consolidés :** les états financiers des entités publiques présentés comme étant d'une entité économique unique dans laquelle une entité contrôlant dispose d'une ou plusieurs entités contrôlées sous sa supervision ;

12 º**fonds consolidé:** le fonds qui contient toutes les recettes et autres fonds de l'Etat ;

13 º**entité décentralisée :** entité administrative locale dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière, et dont le budget est partiellement financé par l'Administration Centrale;

14 º**kwivanaho umutungo bijyanye n'umutungo harimo** :

a. kugurisha, gutanga impano, gusenya, gutatanya, cyangwa gushwanyaguza umutungo, cyangwa;

b. ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bukoreshejwe ku mutungo bituma habaho kuwutakazaho ububasha butari uguhererekanya umutungo ;

15 º**impano** : impano ni itanzwe n'umuntu cyangwa urwego, akenshi ku mpamvu z'igikorwa cy'urukundo kandi mu nyungu z'ikigamijwe kugerwaho ;

16 º**kudatwara amafaranga menshi:** kugabanya amafaranga akoreshwa cyangwa asabwa kugira ngo hagerwe ku ntego nyamukuru ziba zateganyijwe ;

17 º**imikorere iboneye :** ikigero gahunda iriho mu kugera ku ntego zayo cyangwa itegerejweho kugira ngo izagere ku ntego zayo koko kandi mu buryo burambye;

18 º**imikorere myiza:** igipimo ku musaruro utegerejwe ugeranije n'ikigereranyo cy'ikiguzi ;

19 º**Ubuyobozi Nshingwabikorwa:** Inama y'Ubutegetsi cyangwa Inama Njyanama, Komisiyo, Inama y'Abishingizi, Inama

14 º**disposal in relation to a capital asset includes:**

a. the sale, donation, demolition, dismantling or destruction of the capital asset; or

b. any other process applied to a capital asset which results into loss of ownership of the capital other asset than by way of transfer of ownership;

15 º**donation:** a gift given by a person or entity, typically for charitable purposes and to benefit a cause;

16 º**economy**: minimising the cost of resources used or required to achieve priority objectives;

17 º**effectiveness:** the extent to which a programme intervention has attained, or is expected to attain, its objectives efficiently in a sustainable manner;

18 º**efficiency:** a measure of how economic resources are converted to results;

19 º**Executive Authority:** Board of Directors, a Council, a Commission, a Board of Trustees, a Management Board or any

14 º**aliénation en rapport avec les actifs permanents comprend**:

a. la vente, le don, la démolition, le démantèlement ou la destruction des actifs permanents ou ;

b. tout autre procédé appliqué à un actif permanent qui entraîne une perte de la propriété de l'actif autrement que par voie de transfert de propriété ;

15 º**don :** un cadeau donné par une personne ou une entité, généralement à des fins de bienfaisance et au profit d'une cause ;

16 º**économie:** minimiser le coût des ressources utilisées ou nécessaires pour atteindre les objectifs prioritaires ;

17 º**efficacité:** la mesure dans laquelle une intervention du programme a atteint ses objectifs, ou on attend de lui l'atteinte efficace des objectifs de manière durable;

18 º**efficience:** une mesure de la façon dont les ressources sont converties économiquement en résultats ;

19 º**Autorité Exécutive :** un Conseil d'Administration, un Conseil, une Commission, un Conseil de Tutelle, un

y'Ubuyobozi cyangwa urundi rwego urwo ari rwo rwose ruyobora urwego rwa Leta;

20 º**Umuyobozi w'urwego rwa Leta:** umuyobozi uhuza ibikorwa byose by'Urwego rwa Leta ;

21 º**inyandiko z'agaciro faranga:** umutungo uwo ari wo wose wacuruzwa, haba amafaranga nyayo ahari, inyandiko igaragaza imigabane, cyangwa uburenganzira bukomoka ku masezerano bwo kwakira cyangwa gutanga amafaranga cyangwa ikindi kintu gihwanyije agaciro n'amafaranga ;

22 º**raporo y'imari:** raporo zisobanurwa mu ngingo ya 113 y'iri Teka ;

23 º**umwaka w'ingengo y'imari :** igihe gihwanye n'amezi cumi n'abiri (12) uhereye ku itariki ya mbere Nyakanga kugera ku ya 30 Kamena y'umwaka ukurikira;

24 º**Uburyo bw'Ikoranabuhanga mu Micungire y'Amakuru yerekeye Imari (IFMIS)** : uburyo bukoreshwa na Leta mu micungire y'ibyerekeye imari bukomatanyiriza hamwe igenamigambi, itegurwa ry'ingengo y'imari, ikoreshwa ry'ingengo y'imari, ibaruramari, imicungire y'ibyerekeye imari no guha Leta y'u Rwanda raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari. Ubwo buryo bukoresha ikoranabuhanga mu mimerere kandi bugafasha kumenya ko amakuru ashyizwemo hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga ku

governing body of a public entity ;

20 º**Executive Head:** a Head who coordinates all the activities of a public entity;

21 º**financial instrument:** a tradable assets of any kind, either cash, evidence of an ownership interest in shares, or a contractual right to receive or deliver cash or cash equivalent;

22 º**financial statements:** reports defined in the Article 113 of this Order;

23 º**fiscal year:** the period of twelve (12) months from 01 July to 30th June of the following year;

24 º**Integrated Financial Management Information System (IFMIS)**: an application for the Government financial management system that conbines together planning, budget preparation, budget execution, accounting, financial management and reporting activities for the Government of Rwanda.The system is integrated in nature and it ensures that data entered at one point is electronically availed to the next stage without duplication of data entry activities;

Conseil de Gestion ou tout organe d'administration d'une entité publique.

20 º**Responsable Exécutif**: un responsable qui coordonne toutes les activités d'une entité publique;

21 º**instruments financiers:** un actif négociable de tout genre; soit en espèces, la preuve d'une participation en actions, ou un droit contractuel de recevoir ou de payer en argent ou par équivalent;

22 º**états financiers :** les rapports définis à l'article 113 du présent Arrêté;

23 º**année budgétaire :** la période de douze (12) mois allant du du 01 juillet au 30 juin de l'année suivante ;

24 º**Système Intégré de Gestion Financière (IFMIS)** : un système de gestion financière du Gouvernement qui rassemble la planification, la préparation du budget, l'exécution du budget, la comptabilité, la gestion financière et les rapports d'activités pour le Gouvernement du Rwanda. Ce système est intégré par nature et garantit que les données saisies à un point donné sont disponibles par voie électronique à l'étape suivante sans duplication des activités de

cyiciro cya mbere ashobora gukomeza ku cyiciro gikurikiyeho nta kuyandika inshuro ebyiri ;

25 º**amafaranga y'ingengo y'imari asohoka binyuranyije n'amategeko:** amafaranga asohoka binyuranyije n'Itegeko Ngenga, cyangwa Ambwiriza cyangwa irindi tegeko ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta ;

26 º**Uburyo Amafaranga y'Ingengo y'Imari Akoreshwa mu Gihe Gicirirtse:** gahunda ngarukagihe igena aho amafaranga azinjira n'azasohoka azava mu ngengo y'imari ya Leta ku gihe gicririts kibarirwa hagati y'imyaka itatu (3) n'itanu (5);

27 º**Minisiteri:** Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo;

28 º**Minisitiri :** Minisitiri ufite imari mu nshingano ze ;

29 º**Itegeko Ngenga :** Itegeko ngenga ryerekeye Imari n'umutungo bya Leta.

30 º**Ikigo cya Leta:** ikigo gifite ubuzimagatozi, gicungwa hakurikijwe amategeko agenga inzego z'imirimo za Leta, cyahawe na Leta umutungo wo kugifasha gukora imirimo yihariye ku nyungu rusange ;

saisie de données ;

Raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari mu gihe cy'amezi atandatu (6) ishyikirizwa Umutwe w'Abadepite igaragaza mu ncamake amafaranga yimuwe ku mirongo y'ingengo y'imari muri icyo gihe.

The mid-year budget execution report submitted to the Chamber of Deputies shall include a summary of reallocations of funds for the period.

Le rapport semestriel d'exécution budgétaire, présenté à la Chambre des Députés comprend un résumé des réaffectations de fonds pour la période en question.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya

The Chief Budget Manager must keep a record of

Le Gestionnaire Principal du Budget doit tenir un

Leta afite inshingano yo gushyingura neza inyandiko n'amakuru ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari.

all reallocations of funds together with supporting documentations.

registre de toutes les réaffectations de fonds avec documents à l'appui.

Ingingo ya 23: Kwimura ingengo y'imari mu nzego z'ibanze

Imirongo mikuru ngenderwaho ikurikira, ikurikizwa mu gihe cyo kuvana amafaranga ku murongo w'ingengo y'imari y'urwego rw'ibanze ashyirwa ku wundi:

1 º kwimura amafaranga yateganyijwe muri gahunda y'ingengo y'imari ashyirwa mu yindi mu rwego rumwe bikorwa iyo bitarenze ikigero cya makumyabiri ku ijana (20%) by'ingengo y'imari yose yagenewe iyo gahunda ;

2 º kuvana amafaranga kuri gahunda imwe y'ingengo y'imari ashyirwa ku yindi ku kigero kirenze makumyabiri ku ijana (20%) by'ingengo y'imari yose ya gahunda, byemejwe n'Umuyobozi Nshingwabikorwa;

3 º kwimura amafaranga hagati y'ingengo y'imari isanzwe n'ingengo y'imari y'iterambere, byemejwe n'Umuyobozi Nshingwabikorwa.

Kwimura amafaranga yaba ava cyangwa ashyirwa ku mirongo y'ingengo y'imari yagenewe imishahara y'abakozi n'ibindi bijyana na yo ntibyemewe keretse byemejwe n'Inama Njyanama

Article 23: Budget reallocation in decentralised entities

The following guidelines shall be followed in reallocation of funds in a decentralised entity:

1 º the budget reallocation from one programme to another within the same entity shall be effected if it does not exceed an accumulative maximum of twenty percent (20%) of total budget for the programme;

2 º the budget reallocation from one programme to another in excess of twenty percent (20%) of total programme budget shall be effected with the approval of the Executive Authority;

3 º the budget reallocations between recurrent and development expenditure budget with the approval of the Executive Authority;

The reallocation of funds from one budgetary line to another shall not be allowed between the employee costs and other expenditure categories except where approved by the Council of the

Article 23: Réaffectation budgétaire dans des entités décentralisées

Les lignes directrices suivantes sont suivies lors de la réaffectation des fonds dans une entité décentralisée:

1 º la réaffectation budgétaire d'un programme à un autre au sein de la même entité est effectuée si elle ne dépasse pas un maximum cumulatif de vingt pour cent (20%) du budget total du programme;

2 º la réaffectation budgétaire d'un programme à un autre de plus de vingt pour cent (20 %) du budget total du programme, est effectuée sur 'approbation de l'Autorite Exécutive;

3 º la réaffectation budgétaire entre dépenses du budget de fonctionnement et le budget de développement, est effectuée sur approbation de l'Autorité Exécutive.

La réaffectation de fonds d'une ligne budgétaire à une autre n'est pas autorisée entre les dépenses du personnel et les autres catégories de dépenses, sauf sur approbation du Conseil de l'entité décentralisée

y'urwego rw'ibanze kandi na Minisitiri yabitangiye uburenganzira.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta mu rwego rw'ibanze ashyikiriza Minisitiri raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari ya buri kwezi, buri gihembwe, ku mezi atandatu na buri mwaka igaragaza amafaranga yimuwe ku mirongo y'ingengo y'imari kandi Umuyobozi Nshingwabikorwa n'Inama Nyanama bakagenerwa kopi.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta mu rwego rw'ibanze afite inshingano yo gushyingura neza inyandiko n'andi makuru ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari.

<u>Ingingo ya 24</u>: Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta

Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta iyoborwa n'Umunyamabanga uhoraho n'Umunyamabanga ushinzwe Ikigega cya Leta kandi ifite inshingano zikurikira:

1 º kwemeza ibigenderwaho mu guhitamo imishinga Leta ishobora gushoramo amafaranga muri Gahunda yayo y'Ishoramari rya Leta (PIP), ari na yo ishingirwaho mu kugena ingengo y'imari y'iterambere;

2 º kwemeza imishinga n'ishoramari bigenerwa amafaranga ku buryo bukomeza bijyanye na Gahunda

decentralized entity and authorized by the Minister.

The Chief Budget Manager shall report all reallocations of funds in the monthly, quarterly, mid-year and annual budget execution reports to the Minister and provide a copy to the Executive authority and the Council.

The Chief Budget Manager shall keep a record of all reallocations of funds together with supporting documentations.

<u>Article 24</u>: Public Investment Committee

The Public Investment Committee shall be chaired by the Permanent Secretary and Secretary to the Treasury with the following responsibilities:

1 º approving criteria for selection of projects or investments for funding in the Public Investment Program (PIP) which forms the basis for the development budget;

2 º approving projects and investments for continued funding in the Public Investment Program;

et autorisation du Ministre.

Le Gestionnaire Principal du Budget fait a Ministre les rapports mensuels, trimestriels, semestriels et annuels d'exécution budgétaire de toutes les réaffectations de fonds effectuées avec copie à l'Autorité Exécutive et au Conseil.

Le Gestionnaire Principal du Budget doit tenir un registre de toutes les réaffectations de fonds avec les documents justificatifs.

<u>Article 24</u>: Comité d'Investissement Public

Le Comité d'Investissement Public est présidé par le Secrétaire Permanent et le Secrétaire au Trésor public et il est chargé de:

1 º approuver les critères de sélection des projets ou des investissements à financer dans le cadre du Programme d'Investissement Public (PIP) qui constitue la base du budget de développement ;

2 º approuver des projets et des investissements pour le financement continu dans le cadre du Programme

y'Ishoramari ya Leta;

3 º gufata icyemezo ku mishinga n'ishoramari bigomba guhagarikwa muri Gahunda y'Ishoramari rya Leta;

4 º kwemeza imishinga mishya cyangwa ishoramari rishya bigomba kugenerwa amafaranga muri Gahunda y'Ishoramari ya Leta;

5 º kwemeza imbanzirizamishinga cyangwa ishoramari bikeneye kubanza gukorerwa inyigo y'uburyo bizashyirwa mu bikorwa;

6 º kwemeza inkomoko y'amafaranga ashorwa mu ishoramari rya Leta no mu mishinga y'iterambere byatoranyijwe.

Abagize Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta ni aba bakurikira:

1 º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubwororzi;

2 º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda;

3 º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo;

4 º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu;

5 º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri

3 º deciding on projects and investments to be discontinued from the Public Investment Program;

4 º approving new projects or investments to be funded through the Public Investment Program;

5 º approving the draft proposals of projects or investments for which feasibility studies have to be conducted;

6 º approving financing sources for selected development projects and Government investments.

Members of the Public Investment Committee shall be composed of:

1 º the Permanent Secretary of Ministry of Agriculture and Animal Resources ;

2 º the Permanent Secretary of Ministry of Commerce and Trade;

3 º the Permanent Secretary of Ministry of Infrastructure;

4 º the Permanent Secretary of Ministry of Local Government;

5 º the Permanent Secretary of Ministry of

d'Investissement Public ;

3 º décider de projets d'investissements à interrompre dans le cadre du Programme d'Investissement Public ;

4 º approuver des nouveaux projets ou investissements qui doivent être financés dans le cadre du Programme d'investissement public;

5 º approuver les avant projets ou investissements pour lesquels les études de faisabilité doivent être menées;

6 º approuver les sources de financement pour des projets de developement et investissements sélectionnés.

Les membres du Comité d'Investissements Publics sont les suivants:

1 º le Secrétaire Permanent du Ministère de l'Agriculture et des Ressources Animales;

2 º le Secrétaire Permanent du Ministère du Commerce et Industrie ;

3 º le Secrétaire Permanent du Ministère de l'Infrastructure ;

4 º le Secrétaire Permanent du Ministère de l'Administration Locale ;

5 º le Secrétaire Permanent du Ministère de

y'Uburezi ;

6 º Umuyobozi Mukuru ushinzwe ibikorwa mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere;

7 º Abayobozi Bakuru ba Minisiteri bafite Ingengo y'Imari y'Igihugu, Igenamigambi ry'Igihugu n'Ubushakashatsi mu nshingano zabo;

8 º Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu bw'Igihugu;

9 º Abayobozi bashinzwe Inkunga ziva hanze y'Igihugu, Ubukungu bw'Igihugu, Imishinga y'Iterambere n'Ishoramari rya Leta (Umunyamabanga wa Komite), no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ya Leta;

Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta iterana buri mezi atandatu (6) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'AMAFARANGA YINJIYE

Ingingo ya 25: Ikigo gishinzwe gucunga amafaranga yinjiye

Mu rwego rw'imicungire nyayo y'ingengo y'imari mu Butegetsi bwite bwa Leta, ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta gikusanya amafaranga yose yinjira, harimo inguzanyo

Education;

6 º the Chief Operating Officer of Rwanda Development Board;

7 º respective Director Generals in charge of National Budget and National Development Planning in the Ministry;

8 º Government Chief Economist;

9 º Directors of External Finance, Macro, Public Investment (Secretary to the committee) and Project Management and Monitoring Unit;

The committee in charge of Government Investiment shall meet every six (6) months and whenever necessary.

CHAPTER IV: REVENUE MANAGEMENT

Article 25: Authority for revenue management

For effective management of the budget in the Central Government, the consolidated fund shall constitute all revenues, including loans and grants.

l'Education ;

6 º le Directeur Général chargé des opérations au sein de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda;

7 º les Directeurs Généraux du Ministère ayant respectivement le Budget National et la Planification Nationale pour le Développement dans leurs attributions ;

8 º l'Economiste en Chef du Gouvernement;

9 º les Directeurs des Finances Externes, de Macro, d'Investissement Public (Secrétaire du Comité) et de l'Unité de Gestion et Suivi des Projets ;

Le Comité chargé de l'Investissement du government se réunit chaque six (6) mois et lorque cela s'avère necessaire.

CHAPITRE IV: GESTION DES RECETTES

Article 25: Office chargée de gestion des recettes

Pour une gestion efficace du budget dans l'Administration Centrale, le fonds consolidé est constitué de l'ensemble des recettes, y compris les prêts et les dons.

n'inkunga.

Imisoro yose ishyirwaho n'itegeko mu nzego z'ibanze n'ibindi bigega bya Leta, harimo n'amafaranga ava mu Butegetsi Bwite bwa Leta, inguzanyo n'inkunga byose bihurizwa mu Kigega cya Leta kimwe gishyirwaho n'Inama Njyanama mu Rwego rw'Ibanze.

All taxes established by Law for decentralized entities and other public funds, including resources from Central Government, loans and grants shall constitute the Consolidated Fund established by the Council for the Decentralized Entity.

Toutes les taxes établies par la loi pour les entités décentralisées et autre fonds publics, y compris les ressources provenant de l'Administration Centrale, les prêts et les subventions constituent le fonds consolidé établi par le Conseil de l'Entité Décentralisée.

Itegeko rishyiraho ingengo y'imari ya Leta cyangwa icyemezo cy'Inama Njyanama gishyiraho ingengo y'imari y'urwego rw'ibanze ni byo bishingirwaho n'urwego rwa Leta mu gukusanya imisoro.

The State finance law or decision of the Council determining the budget of a decentralized entity forms the basis for a public entity, to collect revenues.

La loi des finances de l'Etat ou la décision du Conseil fixant le budget d'une entité décentralisée constitue la base de perception des recettes pour une entité publique.

Hashingiwe ku ngingo ya 7 y'Itegeko Ngenga, amafaranga yose yinjiye, harimo inkunga n'inguzanyo ashyirwa mu ngengo y'imari y'inzego za Leta bireba.

In accordance with Article 7 of the Organic Law, all revenues, including grants and loans shall be included in the budget of the respective public entity.

Conformément à l'article 7 de la Loi Organique, toutes les recettes y compris les dons et les prêts sont inclus dans le budget de l'entité publique concernée.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'Urwego rwa Leta ntagena amafaranga yishyurwa, igipimo cyangwa ibiciro kuri serivisi zatanzwe bitateganyijwe n'itegeko iryo ari ryo ryose cyangwa bitemejwe na Minisitiri cyangwa Inama Njyanama ku birebana n'inzego z'ibanze.

The Chief Budget Manager of a public entity shall not charge fees, rates or tariffs for services rendered that are not fixed by any Law or without the approval of the Minister or the Council in case of the decentralized entities.

Le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique ne peut pas facturer ni frais, ni tarifs, pour des services rendus qui ne sont pas établis par une loi ou approuvés par le Ministre ou le Conseil pour les entités décentralisées.

Amafaranga yakiriwe n'inzego za Leta "nk'umutungo bwite" avuye kuri serivisi zatanzwe n'inzego za Leta agomba kugaragazwa mu ngengo y'imari kandi ntakoreshwa n'urwego rwayakiriye bitabanje kwemezwa na Minisitiri.

Revenues received by public entities as "own revenues" in exchange for services rendered by public entities must be included in the budget and shall not be spent by the receiving public entity at source without prior approval of the Minister.

Les recettes perçues par des entités publiques comme « recettes propres » en échange de services rendus par des entités publiques doivent être incluent dans le budget et ne peuvent pas être dépensées par l'entité publique qui les reçoit à la source sans l'approbation préalable du Ministre.

Minisitiri ufite inzego z'ibanze mu nshingano ze

The Minister in charge of decentralised entities

Le Ministre ayant des entités décentralisées dans

ashobora gutanga andi mabwiriza yo kugena no gukusanya amafaranga avuye kuri serivisi zinyuranye zitangwa na Leta.

Gusaranganya amafaranga yakiriwe n'Ubutegetsi Bwite bwa Leta bikorwa mu nzira zemejwe ku mikoranire y'inzego zose za Leta mu byerekeye imisoro.

Ingingo ya 26: Inshingano ku micungire y'amafaranga yakiriwe

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'Urwego rwa Leta afite inshingano zo gucunga amafaranga yakiriwe harimo kugaragaza aho akomoka, inyandiko zishyuza, iyakirwa ryayo, inyandiko zijyana na yo, uko ashyirwa ku makonti muri banki, ibaruramari na raporo.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta afata ingamba kugira ngo amafaranga yose yishyurwa, yakiriwe, abikwe ku makonti akimara kwakirwa, kandi abarurwe hakurikijwe uburyo bwateganyijwe.

Umubaruramari Mukuru ashobora gutanga ububasha bujyana n'inshingano ku micungire y'amafaranga, izo nshingano zigahabwa Umuyobozi ushinzwe Imari, cyangwa Umukozi ushinzwe kwakira amafaranga cyangwa undi mukozi uwo ari we wese, kandi bigakorwa mu nyandiko.

Inzego z'ibanze zigomba gukurikiza ibikubiye mu Itegeko rigena uburyo amafaranga yakirwa.

may issue other instructions to determine and to collect revenues for various services rendered by public entities.

The sharing of revenues collected by Central Government shall be effected within an approved framework for fiscal decentralization.

Article 26: Responsibility for revenue management

The Chief Budget Manager of a public entity has the responsibility for revenue management including source identification, billing, collection, recording, banking, accounting and reporting.

The Chief Budget Manager shall ensure that all revenues due are collected, banked promptly and accounted for in compliance with the laid down procedures.

The Accountant General may delegate responsibility for revenue management to the Head of Finance, Revenue Collection Officer or any other officer in writing.

Decentralized entities must comply with the relevant law determining revenue collection.

ses attributions peut émettre des instructions supplémentaires pour déterminer les recettes pour divers services rendus par des entités publiques.

Le partage des recettes perçues par l'Administration Centrale s'effectue dans le cadre approuvé pour la décentralisation fiscale.

Article 26: Responsabilité pour la gestion des recettes

Le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique a la responsabilité de la gestion des recettes, y compris l'identification de leur provenance, la facturation, la collecte, l'enregistrement, le dépôt en banque, la comptabilité et les rapports financiers.

Le Gestionnaire Principal du Budget s'assure que toutes les recettes dues sont collectées, déposées rapidement en banques et comptabilisées conformément aux procédures y relatives en vigueur.

Le Comptable Général peut déleguer par écrit la responsabilité de la gestion des recettes au Responsable des Finances, à l'agent chargé de la collecte des recettes ou à tout autre agent.

Les entités décentralisées doivent se conformer à la législation sur la collecte des recettes.

Ingingo ya 27: Inyandiko zijyana n'amafaranga yakirwa

Ku byerekeye inkomoko y'amafaranga yakiriwe, inyandiko zakirirwaho amafaranga zagenwe n'ibitabo byinjizwamo bigomba kwifashishwa kugira ngo hagaragazwe mu buryo burambuye amafaranga agomba kwakirwa, ayakiriwe, n'asigaye kwakirwa, harimo n'uburyo bwakoreshejwe mu kwishyuza ibirarane bitarishyurwa. Ubu buryo bwakoreshejwe bushobora kubikwa hakoreshejwe ikoranabuhanga aho bikwiye.

Imiterere y'amafaranga asabwa agomba kugaragazwa muri raporo y'umwaka y'urwego rwa Leta, harimo n'amakuru yerekeye ibintu bisonerwa kwishyurwa, ibigabanyirizwa ibiciro, serivisi zitishyuzwa n'ikindi kintu icyo ari cyo cyose gishobora kuba cyagira ingaruka ku rwego rw'amafaranga yinjira.

Ibisobanuro ku miterere y'inyandiko z'icungamari ku moko anyuranye y'amafaranga yinjira bigomba gutegurwa mu gatabo k'ibaruramari.

Article 27: Documentation of revenue

In respect to the source of revenues, the prescribed revenue receipts and registers must be used to show details of revenue due, revenue collected and arrears, including a record of modalities used to collect all arrears. Such records may be maintained in electronic form, where appropriate.

Information on the strucuture of cost must be disclosed in the annual report of the public entity, including information on exemptions, discounts, free services and any other aspect of material influence on the revenue earning level.

Details of the format of accounting documents relating to various types of revenues must be elaborated in the accounting manual.

Article 27: Documentation sur les recettes

En ce qui concerne toutes les categories de recettes, les reçus des recettes et les registres des recettes prévus doivent être utilisés pour montrer les détails des recettes dues, les recettes perçues et les arriérés, y compris un dossier concernant les mesures prises pour recouvrer toutes les arriérés. Ces dossiers peuvent être conservés, le cas échéant, sous forme électronique.

L'information sur la structure de frais prélevés doit être indiquée dans le rapport annuel de l'entité publique, y compris des renseignements sur les exonérations, les réductions, les services gratuits et tout autre aspect ayant une influence significative sur le niveau de recettes obtenues.

Les détails sur la présentation des documents comptables relatifs aux différents types de recettes doivent être élaborés dans le manuel de comptabilité.

Ingingo ya 28: Ibyiciro by'amafaranga yinjira

Ingengo y'imari y'amafaranga yinjijwe n'Ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego z'ibanze agomba kugaragazwa kuri gahunda y'ibaruramari.

Gahunda y'ibaruramari igaragaza nibura umutwe, ibyiciro byawo n'utwiciro twa buri cyiciro, ikintu

Article 28: Classification of revenues

The revenue estimates of Central Government and Decentralized entities must adhere to the approved uniform Chart of Accounts.

The uniform chart of accounts shall indicate at least the tittle, chapters and subchapters of each

Article 28: Classification des recettes

Les prévisions de recettes du Gouvernement Central et des Entités Décentralisées doivent adhérer au plan comptable uniforme approuvé.

Le plan comptable uniforme indique au moins le title, ses chapitres, sous-chapitres et l'article

gikomokaho amafaranga n'ibice bikigize.

Ibisobanuro kuri gahunda y'ibaruramari bitangwa mu gatabo kagenwa na Minisiteri.

Ingingo ya 29:Amafaranga yinjiye mu buryo bw'inkunga

Inkunga iyo ari yo yose itanzwe na Leta n'bindi bisabwa biyiherekeje cyangwa ivuye ahandi aho ariho hose ifatwa nka kimwe mu bigize umutungo winjijwe n'urwego rwa Leta kandi ishyirwa mu ngengo y'imari y'urwego rwa Leta, igakoreshwa mu byihutirwa by'ibanze byateganyijwe n'urwego rwa Leta hitawe ku by'ingenzi bishyizwe imbere ku rwego rw'Igihugu.

Inkunga itanzwe ifite ibisabwa kugira ngo ikoreshwe cyangwa ifite icyo igomba gukoreshwa cyagenwe ibarwa ko iri mu mafaranga yinjijwe n'urwego rwa Leta kandi ijya muri gahunda ikandikwa ikanabarurwa hakurikijwe ibyasabwe mu gutanga iyo nkunga.

Inkunga itanzwe na Leta cyangwa iturutse ahandi ifite ibisabwa kugira ngo ikoreshwe cyangwa ifite icyo igomba gukoreshwa cyagenwe ishyirwa mu ngengo y'imari hakurikijwe amasezerano hagati ya Leta cyangwa umuterankunga n'Urwego rwa Leta kandi ibibazo byose bijyana na yo na za raporo ziyireba byemezwa na Minisiteri ibishinzwe cyangwa umuterankunga.

Inkunga zose zigomba gushyirwa ku makonti

chapter, item as source of revenues and parts of its composition.

Details of the uniform chart of accounts shall be provided in a manual issued by the Ministry.

Article 29: Revenues in the form of grants

Any unconditional grant from Government or from other sources shall be considered as part of public entity's revenue and shall be included in the public entity's budget, to be spent on priorities determined by the public entity taking into consideration national priorities.

Conditional or earmarked grants shall form part of revenue of a public entity and shall be planned for, recorded and accounted for according to grant conditions.

Conditional or earmarked grants from Government or from other sources shall be budgeted for following an agreement between Government or donor and the public entity and accountability and reporting for such grants shall be approved by the line Ministry or donor.

All grants must be reserved on accounts and

comme la source des recettes et des pièces de sa composition.

Les détails du plan comptable uniforme sont fournis dans un manuel publié par le Ministère.

Article 29: Recettes sous forme de subventions

Toute subvention inconditionnelle provenant du Gouvernement et d'autres sources est considérée comme faisant partie des recettes de l'entité publique et est inclue dans le budget de l'entité publique pour être dépensée selon les priorités déterminées par l'entité publique en tenant compte des priorités nationales.

Les subventions conditionnelles ou affectées font partie de recettes d'une entité publique et sont planifiées, enregistrées et comptabilisées selon des conditions d'octroi des subventions.

Les subventions conditionnelles ou affectées provenant du Gouvernement et d'autres sources sont budgétisées suivant un accord entre le Gouvernement ou le donateur et l'entité publique et la reddition de comptes et les rapports pour ces subventions sont approuvés par le Ministère concerné ou le donateur.

Tous les dons doivent être comptabilisés et audités

kandi zigakorerwa igenzura hakurikijwe ibisabwa mu gukora za raporo biteganwa n'Itegeko Ngenga n'aya mabwiriza n'iri teka.

audited in accordance with the reporting requirements stipulated in the Organic Law and this Order.

conformément aux exigences de rapports financiers tels que stipulé dans la Loi Organique et le présent arrêté.

Ingingo ya 30: Amafaranga yinjiye atanzwe n'abaterankunga baturuka hanze

Article 30: Revenue from external donors

Article 30: Recettes provenant des donateurs extérieurs

Imishyikirano ijyanye n'inkunga cyangwa inguzanyo bitangwa n'abafatanyabikorwa mu iterambere cyangwa biturutse ahandi aho ariho hose bigenewe Urwego rwa Leta bigomba kugirwaho uruhare na Minisitiri kandi bikabanza kwemezwa na we.

Negotiations for grants and loans from development partners or any other source to a public entity shall require involvement and prior approval of the Minister.

Les négociations de subventions et de prêts issus des partenaires au développement ou toute autre source à une entité publique requièrent l'implication et l'approbation préalable du Ministre.

Amasezerano ayo ari yo yose n'ibindi bikoreshwa bijyanye n'inkunga cyangwa inguzanyo biturutse ku bafatanyabikorwa mu iterambere bigomba gushyirwaho umukono na Minisitiri cyangwa undi watumwe na we kugira ngo bikurikize amategeko.

Any agreement and other instruments relating to grants and or loans from development partners shall require a signature of the Minister or his/her delegate to be legally operational.

Tout accord et autres instruments relatifs aux dons et ou prêts provenant des partenaires au développement requièrent la signature du Ministre ou de son délégué avant tout usage.

Kopi z'amasezerano n'izindi nyandiko zose zijyana n'inkunga cyangwa inguzanyo zihabwa Urwego rwa Leta, Ikigo cya Leta cyangwa Urwego rw'Ibanze zishyikirizwa Minisiteri ku buryo bwihuse kugira ngo ashyirwe mu bikorwa mu gihe kitarengeje ukwezi kumwe (1).

Copies of agreements and any other instruments relating to grants and or loans to a public entity or public institution or to a decentralised entity shall be submitted to the Ministry as soon as they are executed and not later than one (1) month.

Les copies des accords et tout autre instrument relatif aux dons et ou prêts à une entité publique ou d'un établissement public ou d'une entité décentralisée sont soumis au Ministère aussitôt qu'ils sont exécutés, mais dans un délai ne dépassant pas un (1) mois.

Inkunga ziturutse ku bafatanyabikorwa mu iterambere zihabwa Urwego rwa Leta, Ikigo cya Leta cyangwa urwego rw'ibanze zishyirwa mu Kigega gihurizwamo amafaranga cy'Ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Ikigega gihurizwamo amafaranga cy'Urwego rw'Ibanze, keretse byemejwe ukundi na Minisitiri.

Grants to a public entity or public institution or to a decentralised entity, unless otherwise authorised by the Minister, shall be deposited into the consolidated fund of the Central Government or the consolidated fund of a decentralised entity.

Sauf autorisation contraire du Ministre, les dons et ou prêts à une entité publique ou d'un etablissement publique ou d'une entité décentralisée sont déposées dans un fonds consolidé de l'Administration Centrale ou dans un fonds consolidé d'une entité décentralisée.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta agenzura ko inkunga n'andi mafaranga yose atangwa n'abaterankunga akoreshwa yose kandi agakoreshwa gusa ku ntego n'ibikorwa bivugwa mu masezerano.

Amafaranga yose asohoka mu rwego rwo kwishyura ibyateganyijwe ku nkunga atangwa hakurikijwe Itegeko Ngenga n'iri teka keretse bigenwe ukundi mu nyandiko yihariye ya Minisitiri, kandi ayo mafaranga agomba kuba ku makonti ndetse akagenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Ingingo ya 31: Impano

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta ashobora gutanga uruhushya rwo kwemera impano, intwererano, inkunga zihawe Urwego rwa Leta mu gihe izo mpano, intwererano, n'inkunga zidasaba gusinyana amasezerano hatitawe ko zaba zatanzwe mu buryo bw'amafaranga cyangwa mu bintu.

Inzego zose za Leta zihabwa impano, intwererano cyangwa inkunga mu buryo bw'amafaranga zigomba gukurikiza ibikubiye mu Itegeko Ngenga n'iri teka.

Aho ikigamijwe n'impano, intwererano cyangwa inkunga kitagaragazwa neza, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta agomba kugenzura neza ko iyo mpano n'ibindi byakozwe mu nyungu za Leta ariko bikemezwa n'Umuyobozi Nshingwabikorwa.

The Chief Budget Manager shall ensure that grants and any other donor funds are spent wholly and exclusively for the objectives and activities specified in the agreements.

All expenditure payments made out of grants shall be in accordance with the Organic Law and this Order unless there is a special waiver by the Minister in writing, and shall be reserved on accounts and audited by the Office of the Auditor General of State Finances.

Article 31: Donations

A Chief Budget Manager may authorize acceptance of any gift, donation, sponsorship made in favour of the public entity where such gifts, donations or sponsorships do not require signing of agreements irrespective of whether such sponsorship or gift or donation is in cash or in kind.

All public entities that receive cash gifts, donations or sponsorships in liquid cas must account for them in accordance with the Organic Law and this Order.

Where the purpose of a gift, donation, or sponsorship is not evident, the Chief Budget Manager shall ensure that the gift, donation, or sponsorship is used in public interest subject to the approval of Executive Authority.

Le Gestionnaire Principal du Budget s'assure que les subventions et les autres fonds provenant des donateurs sont dépensés entièrement et exclusivement selon des objectifs et des activités prévus dans les accords.

Toutes les dépenses de paiements provenant des dons sont exécutées conformément à la Loi Organique et le présent Arrêté à moins qu'il y ait une dérogation spéciale écrite du Ministre, et sont comptabilisées et auditées par l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État.

Article 31: Dons

Le Gestionnaire Principal du Budget peut autoriser l'acceptation de toute donation, don, ou parrainage fait en faveur de l'entité publique où ces donations, dons et parrainage n'impliquent pas la signature d'accords indépendamment du fait que ceux-ci soient en espèces ou en nature.

Toutes les entités publiques qui reçoivent des donations, des dons ou des appuis financiers en espèces doivent rendre compte conformément à la Loi Organique et au présent Arrêté.

Lorsque l'objet en donation, du don, ou de l'appui financier n'est pas évident, le Gestionnaire Principal du Budget doit s'assurer que la donation, le don ou de l'appui financier est utilisé dans l'intérêt public et sur approbation de l'Autorité Exécutive.

Ibigo bya Leta ntibyemerewe guha Ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Inzego z'Ibanze impano, intwererano cyangwa inkunga mu buryo bw'amafaranga kugira ngo bongere aho inkomoko y'amafaranga yagenewe ingengo y'imari ituruka binyuranije n'ibikurikizwa mu ngengo y'imari byateganyijwe n'Itegeko Ngenga cyangwa iri teka.

Impano, intwererano cyangwa n'inkunga byakiriwe mu mwaka bigomba kugaragazwa muri raporo y'imari y'Urwego rwa Leta cyangwa ikigo cya Leta byazakiriye.

Igihe umuterankunga ahisemo ko adatangazwa, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta yohereza umwirondoro w'uwo muterankunga Minisitiri n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

<u>Ingingo ya 32</u>: Ihuzabikorwa ry'imfashanyo ziturutse hanze

Ishami ryo muri Minisiteri rifite ihuzabikorwa ry'imfashanyo ziturutse mu mahanga mu nshingano zaryo rishinzwe guhuza no gushaka imfashanyo zikomoka mu mahanga ziza ari inkunga n'impano no kuzitangira raporo.

Uretse izindi nshingano zo gutegura gahunda, ishami rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rifite nshingano zikurikira:

1 º gukora inyigo, gushaka imfashanyo, gukora imishyikirano ku rwego

Public institutions shall not be allowed to give Central Government and decentralized entities cash donations, gifts or sponsorships to augment the budgetary resources outside budgetary procedures stipulated in the Organic Law or in this Order.

Gifts, donations or sponsorships received during the financial year must be disclosed in the financial statements of the receiving public entity or public institution.

When a donor seeks to remain anonymous, the Chief Budget Manager shall submit the details that confirm the identity to the Auditor General and the Minister.

<u>Article 32</u>: Coordination of external assistance

The external assistance coordination function at the Ministry shall be responsible for coordinating, mobilizing and reporting on foreign aid in form of grants and donations.

Apart from other planning responsibilities, the aid coordination function mentioned in Paragraph One of this Article shall be responsible for the following:

1 º assessment, mobilization, negotiation and allocation of all multilateral and bilateral

Les établissements publics ne sont pas autorisés à donner à l'Administration Centrale et aux entités décentralisées des dons en espèces, des donations ou appuis financiers pour augmenter les ressources budgétaires en dehors des procédures budgétaires prévues par la Loi Organique ou dans le présent Arrêté.

Les cadeaux, dons ou appuis financiers reçus au cours de l'exercice financier doivent être présentés dans les rapports financiers de l'entité publique ou l'etablissement publique qui les reçoivent.

Lorsqu'un donateur préfère rester anonyme, le Gestionnaire Principal du Budget soumet les détails concernant l'identité du donateur à l'Office de l'Auditeur Général et au Ministre.

<u>Article 32</u>: Coordination de l'aide extérieure

La fonction de coordination de l'aide extérieure au Ministère est responsable de la coordination, de la mobilisation et des rapports sur l'aide étrangère sous forme de subventions et de dons.

Outre les autres responsabilités de planification, la fonction de coordination de l'aide mentionnée á l'alinéa premier du présent article est chargée de ce qui suit:

1 º l'évaluation, la mobilisation, la négociation et l'allocation de toute aide

rw'amasezerano hagati y'ibihugu cyangwa imiryango mpuzamahangano kugena aho imfashanyo ziva mu mahanga zizashyirwa mu gushyira mu bikorwa imishinga y'iterambere, harimo guhuza iyandikwa ry'ibyo abaterankunga biyemeje gutanga mu ngengo y'imari y'Igihugu y'umwaka;

foreign aid for implementation of development projects including the consolidation of the donor commitment register in the annual national budget;

étrangère multilatérale et bilatérale pour la mise en œuvre de projets de développement, y compris la consolidation du registre de l'engagement des bailleurs de fonds dans le budget national annuel;

2 º guhuza uburyo bukoreshwa mu kwemezwa kwa za gahunda zose z'impano ikomoka ku masezerano hagati y'ibihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga;

2 º coordination of the process for approval of all grant programmes including technical assistance with bilateral donors and multilateral agencies;

2 º la coordination du processus d'approbation de tous les programmes de subventions, y compris l'assistance technique avec les donateurs bilatéraux et les organismes multilatéraux;

3 º guhuza ibikorwa, gusuzuma no gukurikirana inkunga ziva hanze harimo gahunda z'igenamigambi, gahunda y'imikorere, imigenderanire n'ishyira mu bikorwa rya za gahunda zihuriweho ndetse n'ikurikirana n'isuzuma ryazo;

3 º coordination, review and monitoring foreign aid including joint programming, joint work plans, joint visits, joint implementation and monitoring and evaluation;

3 º la coordination, l'examen et le suivi de l'aide étrangère, y compris la programmation conjointe, les plans de travail conjoints, des visites conjointes, la mise en œuvre conjointe, le suivi et l'évaluation ;

4 º gushyiraho uburyo bukora kimwe, gushyira ku murongo no guhuza imfashanyo ziva hanze hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu;

4 º ensuring harmonization, alignment and coordination of foreign aid in line with international conventions ratified by Rwanda;

4 º veiller à l'harmonisation, l'alignement et la coordination de l'aide étrangère en conformité avec les conventions internationales que le Rwanda a ratifié;

5 º gukurikirana itangwa ry'imfashanyo ziva hanze harimo na za raporo zazo zikorwa n'inzego za Leta mu Butegetsi bwite bwa Leta no mu nzego z'ibanze ;

5 º monitoring disbursement of foreign aid including their reports by public bodies in the Central Government and decentralized entities;

5 º la surveillance des décaissements de l'aide étrangère y compris leurs rapports par des organes publics dans le Gouvernement Centrale et des entités décentralisées ;

6 º gushyigikira ikoreshwa ry'uburyo bukoreshwa mu Gihugu mu micungire y'imfashanyo ziva hanze no gutegura

6 º promoting use of country systems in the management of foreign aid and formulate a resource mobilization strategy to guide

6 º promouvoir l'utilisation des systèmes nationaux dans la gestion de l'aide étrangère pour élaborer une stratégie de

gahunda n'ingamba bigenderwaho mu gushakisha amafaranga ava hanze.

external resource mobilization

mobilisation des ressources pour guider la mobilisation des ressources extérieures.

Ingingo ya 33: Imicungire y'imyenda abantu babereyemo Leta

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'Urwego rwa Leta ashinzwe imicungire y'imyenda n'andi mafaranga agomba kwishyurwa urwego harimo kubika neza inyandiko mu rwego rwo kugira ngo hakurikiranwe hanishyuzwe amafaranga ya Leta yose atarishyurwa.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta ashobora gushyikiriza, bibaye ngombwa, umujyanama mu by'amategeko w'urwego ikibazo cyerekeye umwenda wishyuzwa kugira ngo hafatwe umwanzuro ujyana n'amategeko, byaba ngombwa kikajyanwa mu nkiko zibifitiye ububasha.

Article 33: Management of accounts receivables

The Chief Budget Manager of a public entity is responsible for management of receivables and other amounts due to the public entity including maintaining proper records for follow up and recovery of outstanding amounts.

The Chief Budget Manager may, where necessary, refer a debt recovery matter to the legal advisor of the entity to take legal demand actions and possible legal proceedings in a competent Court of Law.

Article 33: Gestion des comptes débiteurs

Le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique est responsable de la gestion des débiteurs, et autres montants dus à l'entité, publique y compris la tenue de registres appropriés pour le suivi et le recouvrement des sommes dues.

Le Gestionnaire Principal du Budget peut, le cas échéant, transmettre un dossier de recouvrement de dette au conseiller juridique de l'entité qui presente les avis juridiques et d'éventuelles procédures judiciaires devant une juridiction compétente.

UMUTWE WA V: IMICUNGIRE Y'IKORESHWA RY'AMAFARANGA

Ingingo ya 34: Gutegura no kwemeza gahunda y'amafaranga azakoreshwa mu Butegetsi Bwite bwa Leta

Nyuma yo kugeza Umushinga w'Itegeko ryerekeye Ingengo y'Imari ku Nteko Ishinga Amategeko, Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta asaba Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta gutegura no kugeza kuri Minisiteri gahunda z'agateganyo z'amafaranga azakoreshwa ku mwaka, inasobanura uko azakoreshwa ku

CHAPTER V: EXPENDITURE MANAGEMENT

Article 34: Preparation and approval of expenditure plan at the Central Government

After the submission of the Finance Bill to the Parliament, the Secretary to the Treasury shall require Chief Budget Managers to prepare and submit to the Ministry on the basis of the draft budget, provisional annual expenditure plans broken down by month and quarter consistent with the public entity procurement plan.

CHAPITRE V: GESTION DES DEPENSES

Article 34: Préparation et adoption du plan de dépenses au sein de l'Administtration Centrale

Après la présentation du projet de loi des finances au Parlement, le Secrétaire au Trésor demande aux Gestionnaires Principaux du Budget de préparer et soumettre au Ministère leur plan provisoire de dépenses annuelles reparties en mois et trimestre conformément au plan de passation des marchés de l'entité publique.

kwezi no ku gihembwe igashingira ku mushinga w'ingengo y'imari kandi ikajyanishwa na gahunda y'amasoko y'urwo rwego.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta batanga gahunda y'agateganyo y'amafaranga azakoreshwa ku mwaka ariko basobanura azakoreshwa ku kwezi no ku gihembwe kandi ijyana na gahunda y'amasoko y'urwo rwego bitarenze tariki 15 Kamena, naho gahunda y'amafaranga ateganyijwe gukoreshwa ya nyuma igatangwa bitarenze tariki 30 Kamena.

Chief Budget Managers shall submit provisional annual expenditure plan broken down by month and quarter and consistent with entity's procurement plan not later than 15th June and the final expenditure plan not later than 30th June.

Les Gestionnaires Principaux du Budget transmettent leurs plan provisoires de dépenses annuelle reparties en mois et trimestre et conformément au plan de passation des marchés de l'entité publique au plus tard le 15 juin et les plans de dépenses définitifs au plus tard le 30 juin.

Ingengo y'imari ya Leta y'umwaka ikimara kwemezwa, Minisitiri amenyesha Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta muri buri rwego rugenerwa ingengo y'imari, ingengo y'imari rwemerewe, akamusaba gahunda ya nyuma irambuye y'amafaranga akoreshwa ku mwaka, ishingiye ku ngengo y'imari yemejwe.

Upon the adoption of the annual budget, the Minister shall inform the Chief Budget Managers of each public entity its approved budgets and request for a detailed final annual expenditure plans based on the approved budget.

Dès l'adoption du budget annuel, le Ministre informe le Gestionnaire principal du budget de chaque entité publique de son budget approuvé et demande un plan définitif détaillé des dépenses annuelles en fonction du budget approuvé.

Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta ategura gahunda ihujwe y'uko amafaranga azakoreshwa ashingiye kuri gahunda zirebana n'uburyo amafaranga azakoreshwa zatanzwe n'Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta akayishyikiriza Komite y'Imicungire y'Isanduku ya Leta kugira ngo iyemeze.

The Secretary to the Treasury shall prepare a consolidated expenditure plan based on final submissions by the Chief Budget Managers and present it to Treasury Management Committee for approval.

Le Secrétaire au Trésor prépare un plan de dépenses consolidées sur base des plans définitifs soumis par les Gestionnaires Principaux du Budget, qu'il présente au Comité de Gestion de la trésorerie pour approbation.

Ashingiye kuri gahunda ihujwe y'uko amafaranga azakoreshwa, Minisitiri aha buri Muyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta uburenganzira bwo gukoresha ingengo y'imari yagenewe ikigo abereye umuyobozi.

Based on the consolidated expenditure plan, the Minister shall issue to each Chief Budget Manager authorization for the execution of budget allocated to his/her institution.

Sur base du plan de dépenses consolidées, le Ministre donne à chaque Gestionnaire Principal du Budget l'autorisation d'exécution du budget alloué à son institution.

Bitewe n'amafaranga ahari, Minisitiri ashobora gufata icyemezo cyo gutanga uburenganzira buvugwa mu gika cya gatanu cy'iyi ngingo ku gihembwe cyangwa buri kwezi.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta ashobora, bibaye ngombwa cyangwa abisabwe n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta, gushyikiriza Minisitiri gahunda ivuguruye y'amafaranga azakoreshwa bitarenze impera z'ukwezi kwa nyuma kw'igihembwe.

Ingingo ya 35: Kwiyemeza kwishyura no gusohora amafaranga hashingiwe ku ngengo y'imari yagenwe

Ashingiye ku ruhushya rwatanzwe na Minisitiri, Umuyobozi Mukuru ushinzwe imari ya Leta ashobora kugura ibintu na serivisi agasaba ko byazishyurwa ari uko ibyo bintu byakiriwe cyangwa ari uko serivisi yarangije gutangwa.

Hagomba kwandikwa igihe igura ry'ibintu na serivisi ryakorewe. Kugura bigomba kuba bishingiye kuri gahunda y'amafaranga azakoreshwa buri gihembwe yemejwe.

Amasezerano ayo ari yo yose yerekeye ibintu na serivisi akorwa ku myaka myinshi agaragazwa muri Gahunda y'Igihe Gicririritse n'inyandiko yerekeye uburyo amafaranga y'ingengo y'imari akoreshwa mu gihe gicririritse by'urwego kandi byemezwa na Minisitiri.

Taking into account the available financial resources, the Minister may issue the authorization mentioned in Paragraph five of this Article either on a monthly or on quarterly basis.

The Chief Budget Manager may, if necessary or upon request by the Secretary to the Treasury, submit revised expenditure plan to the Ministry by the end of the last month of the quarter.

Article 35: Commitments and disbursement made in accordance with appropriation

In accordance with the authorization issued by the Minister, a Chief Budget Manager may make commitments for the purchase of goods and services and request for payment once those goods and services have been received or satisfactorily rendered.

All commitments for the purchase of goods and services must be recorded at the time they are made. Commitment of funds must be based on approved quarterly expenditure plans.

Any multi-year contract for goods and services shall be within the Medium Term Plan and Medium Term Expenditure Framework of the entity and shall require approval of the Minister.

Sur base des ressources financières disponibles, le Ministre peut donner l'autorisation mentionnée à alinéa cinq du présent article, soit à titre mensuel ou trimestriel.

Le Gestionnaire Principal du budget peut, si nécessaire ou à la demande du Secrétaire au Trésor, présenter au Ministère un plan des dépenses révisé avant la fin du dernier mois du trimestre.

Article 35: Engagements et décaissements effectués conformément à la dotation

Le Gestionnaire Principal du Budget peut, conformément à l'autorisation donnée par le Ministre, procéder à l'engagement budgétaire pour l'achat de biens et services et autoriser le paiement une fois que ces biens et services ont été délivrés et reçus en bonne et due forme.

Tous les engagements budgétaires pour l'achat de biens et services doivent être enregistrés au moment où ils sont faits. L'engagement des fonds doivent être basé sur les plans de dépenses trimestriels approuvés.

Tout contrat pluriannuel pour l'acquission des biens et services est conclu selon le Plan à Moyen Terme et Cadre de Dépenses à Moyen Terme de l'entité et requiert l'autorisation du Ministre.

Nta cyemezo cyo kugura gishya gifatwa nyuma y'itariki 15 Gicurasi buri mwaka w'ingengo y'imari.

No new commitment shall be made after 15th May of each financial year.

Aucun nouvel engagement n'est effectué après le 15 mai de chaque année financière.

Nta bwishyu bushobora gukorwa bidahuye n'umwenda wemejwe mu buryo nyabwo.

No payment may be made outside properly authorized commitment.

Aucun paiement ne peut être effectué en dehors de l'engagement dûment autorisé.

Nta bwishyu bukorwa budaherekejwe n'inyandiko zabugenewe zibusobanura.

No payment shall be made without adequate supporting documents.

Aucun paiement n'est fait sans pièces justificatives adéquates.

Inyandiko zemewe ziherekeje ubwishyu zigizwe n'ibi bikurikira :

1 º inyemezabuguzi y'umwimerere ;

2 º inyandiko igaragaza ko ibintu byatanzwe ;

3 º inyandiko igaragaza ko ibintu byakiriwe ;

4 º icyemezo kigaragaza ko akazi kakozwe uko byari biteganyijwe ;

5 º inyandiko iyo ari yo yose isobanura impamvu yo kwishyura igihe ari ngombwa.

Adequate supporting documents of payment include the following:

1 º originals of invoices;

2 º goods delivery note;

3 º good received notes;

4 º certificates of completion of works;

5 º any other documents in support of a payment request as may be appropriate.

Les pièces justificatives adéquates de paiement sont les suivantes :

1 º les originaux des factures ;

2 º les bons de livraison de marchandises ;

3 º les notes de marchandises reçues ;

4 º les certificats de bonne fin d'exécution des travaux ;

5 º tout autre document à l'appui d'une demande de paiement pouvant être exigé.

Igihe inyandiko z'umwimerere zidashoboye kuboneka, inyandiko ziriho umukono wa noteri zishobora kwakirwa byemejwe n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta zishobora kwakirwa.

Where original documents are not available, certified copies may be accepted subject to approval by the Secretary to the Treasury.

Si les documents originaux ne sont pas disponibles ; les copies certifiées peuvent être acceptés sous réserve de l'autorisation du Secrétaire au Trésor.

Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta afata ingamba kugira ngo igitabo gikubiyemo amakuru arambuye ku bwishyu bwose

Each Chief Budget Manager shall ensure that a register containing particulars of all payment requests including invoices is maintained and kept

Chaque Gestionnaire Principal du budget s'assure qu'un registre contenant les détails de toutes les demandes de paiement, y compris les factures est

bwasabwe harimo n'inyemezabuguzi zatanzwe kibikwe neza kandi kibemo amakuru ari ku gihe.

Inyemezabuguzi zose zatanzwe n'abagurisha zitishyuwe zishyirwa muri raporo y'imari itangwa buri kwezi, mu buryo bwo kwibutsa, igezwa kuri Minisiteri n'abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga Imari ya Leta.

Abayobozi Bashinzwe gucunga Imari ya Leta bareba neza ko inyemezabuguzi zose zakiriwe n'urwego zemewe kandi zanditswe mu gitabo zikimara kwakirwa kandi ko ubusabe bwose bwo kwishyurwa bwagejejwe kwa Minisitiri mbere y'itariki ntarengwa yagaragajwe kuri izo nyemezabuguzi

Mu gihe itariki ntarengwa itagaragajwe mu mpapuro z'amasezerano, icyo gihe kwishyura bikorwa mu minsi mirongo ine n'itanu (45) uhereye ku itariki inyemezabuguzi yakiriweho.

<u>Ingingo ya 36</u>: Gutegura no kwemeza gahunda y'uko amafaranga azakoreshwa mu nzego z'ibanze

Nyuma yo kugeza umushinga w'ingengo y'imari ku Nama Njyanama, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ategura kandi agashyikiriza Minisiteri, ashingiye ku mushinga w'ingengo y'imari, gahunda y'agateganyo y'amafaranga azakoreshwa ku mwaka, agaragaza uko biteye buri kwezi na buri gihembwe mu buryo buhura na gahunda y'amasoko y'urwego rw'ibanze.

updated.

All unpaid invoices from suppliers shall be reported at the end of each month as an integral part of the financial statements submitted to the Ministry by Chief Budget Managers.

Chief Budget Managers shall ensure that all invoices received by the entity are acknowledged and recorded as soon as they are received and that all requests for direct payment are submitted to the Ministry before the due date indicated on the invoices.

In the case where a due date is not indicated in a contract document, the payment shall be made within fourty five (45) days from the date of receipt of the claim.

<u>Article 36</u>: Preparation and approval of expenditure plan at the decentralised entities

After the submission of draft budget to the Council, the Executive Secretary shall prepare and submit to the Ministry, on the basis of the draft budget, provisional annual expenditure plans broken down by month and quarter consistent with the decentralized entity procurement plan.

maintenu et tenu à jour.

Toutes les factures impayées font partie intégrante du rapport mensuel des états financiers présentés au Ministère par les Gestionnaires Principaux du Budget.

Les Gestionnaires Principaux du budget s'assurent que toutes les factures reçues par l'entité sont reconnues comme redevance et enregistrées aussitot reçues. et que toutes les demandes de paiement direct sont soumises au Ministère avant la date d'échéance indiquée sur les factures.

Dans le cas où une date d'échéance n'est pas indiquée dans le contrat, le paiement est effectué dans un delais de quarante cinq (45) jours à partir de la date de réception de la facture.

<u>Article 36</u>: Préparation et approbation du plan de dépenses au sein des entités décentralisées

Après la présentation du projet de Loi des Finances au Conseil, le Secrétaire Exécutif prépare et soumet au Ministère sur base du projet de loi des finances, les plans provisoires de dépenses annuelles réparties en mois et trimestre conformément au plan de passation des marchés de l'entité decentralisée.

Nyuma y'iyemezwa ry'ingengo y'imari y'umwaka bikozwe n'Inama Njyanama, Perezida w'Inama Njyanama amenyesha Umunyamabanga Nshingwabikorwa iryo yemezwa ry'ingengo y'imari akanasaba gahunda ya nyuma y'amafaranga azakoreshwa hashingiwe ku ngengo y'imari yemejwe.

Upon the adoption of the annual budget by the Council, the Chairperson of the Council shall inform the Executive Secretary of the adoption of the budget and request for a detailed final annual expenditure plan based on the adopted budget.

Apres adoption du budget annuel par le Conseil, le Président du Conseil informe le Secrétaire Exécutif de son adoption et fait la demande du plan definitif détaillé des dépenses annuelles basé sur le budget approuvé.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyikiza Minisitiri gahunda y'agateganyo y'amafaranga azakoreshwa ku mwaka igaragaza uko iteye buri kwezi na buri gihembwe kandi ihura na gahunda y'amasoko y'urwego rw'ibanze bitarenze tariki 15 Kamena kandi agatanga gahunda ya nyuma y'amafaranga azatangwa bitarenze tariki 30 Kamena.

The Executive Secretary shall submit to the Ministry provisional annual expenditure plans broken down by month and quarter consistent with decentralized entity's procurement plan not later than 15th June and the final expenditure plan not later than 30th June.

Le Secrétaire Exécutif soumet au Ministère les plans de dépenses annuels provisoires reparties en mois et trimestres conformément au plan de passation des marchés de l'entité décentralisée au plus tard le 15 juin et le plan de dépenses définitif au plus tard le 30 juin.

Ashingiye ku burenganzira bwatanzwe na Minisitiri atanga igisubizo kuri gahunda y'amafaranga azakoreshwa ku mwaka yatanzwe, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyira mu bikorwa gahunga y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari akurikije igisubizo cyatanzwe.

Based on the authorization issued by Minister in response to the submitted annual expenditure plan, the Executive Secretary shall execute the budget as adopted.

Sur base de l'autorisation faite par le Ministre en rapport avec la présentation du plan de dépenses annuelles, le Secrétaire Exécutif exécute le budget tel qu'adopté.

Hitawe ku mutungo uhari, Minisitiri ashobora gutanga uruhushya rwo gukoresha ingengo y'imari y'ukwezi cyangwa igihembwe gusa.

Subject to available resources, the Minister may issue the authorization to spend only the monthly or quarterly budget.

Sous réserve des ressources disponibles, le Ministre peut donner l'autorisation de dépenser uniquement le budget mensuel ou trimestriel.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa asaba inzego zishamikiye ku rwego rw'ibanze zigenerwa ingengo y'imari gutegura no kumugezaho gahunda y'uko amafaranga azakoreshwa.

The Executive Secretary shall require subsidiary entities that are entitled to the budget to prepare and submit a detailed annual expenditure plan.

Le Secrétaire Exécutif demande aux entités affiliées ayant droit au budget de préparer et soumettre un plan détaillé annuel des dépenses.

Ashingiye ku mutungo uhari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashobora gusaba inzego

Subject to available resources the Executive Secretary may require subsidiary entities to

Sous réserve des ressources disponibles, le Secrétaire Exécutif peut exiger aux entités

zishamikiye ku rwego ayobora gusubiramo gahunda y'uko amafaranga azakoreshwa.

revise their expenditure plans.

affiliées de réviser leurs plans de dépenses.

Ingingo ya 37: Amasoko y'ibintu na serivisi by'inzego za Leta

Amasoko y'ibintu na serivisi by'urwego rwa Leta agomba kubahiriza ibisabwa n'itegeko rigenga amasoko n'amabwiriza ariho.

Amasoko y'ibintu na serivisi by'urwego rwa Leta bigomba gukurikiza ingengo y'imari na gahunda y'uburyo amafaranga y'ingengo y'imari mu gihe giciriritse.

Ku birebana n'isoko ry'igihe cy'imyaka myinshi, amafaranga agomba kwishyurwa ku mwaka w'ingengo y'imari agenwa mu ngengo y'imari y'umwaka, ikindi gice kigashyirwa muri Gahunda y'Amafaranga Azishyurwa ku Gihe Giciriritse.

Article 37: Procurement of goods and services by public entities

Procurement of goods and services by a public entity must be made in accordance with the requirements of procurement law and regulations in force.

Procurement of goods and services must be based on approved budget and expenditure plan.

For a multi-year procurement, the amount payable within a fiscal year shall be provided in the annual budget and subsequent amounts included in the Medium Term Expenditure Framework.

Article 37: Marchés de biens et de services faits par des entités publiques

Le marché de biens et de services fait par une entité publique doit être conforme aux lois et règlements sur les marchés publics en vigueur.

Le marché de biens et services doit être basé sur le budget et plan des dépenses approuvés.

Pour un marché pluriannuel, le montant à payer au cours de l'exercice budgétaire est prévu dans le budget annuel et les montants conséquents inclus dans le cadre de dépenses à moyen terme.

Ingingo ya 38: Uburyo bwo kwishyura binyuze mu Kigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta

Ubwishyu bwose bukozwe n'Ikigega Gihurizwamo Amafaranga y'Ubutegetsi Bwite bwa Leta ku batanze ibintu cyangwa serivisi bizewe bari ku rutonde rw'abakorana na bwo mu rwego rw'ubucuruzi muri gahunda y'imari bishyurwa hoherezwa, ku buryo butaziguye, amafaranga ku makonti yabo mu mabanki.

Amafaranga yose yohererezwa inzego za Leta avanwa mu Kigega Gihurizwamo Amafaranga

Article 38: Mode of payment from the Consolidated Fund

All payments from the Consolidated Fund of the Central Government to bonafide suppliers established in vendor master file in the integrated financial management system shall be made directly to the credit of the suppliers' bank accounts.

All cash transfers from the Consolidated Fund of the Central Government to public entities shall be

Article 38: Mode de paiement provenant du Fonds Consolidé

Tous les paiements provenant du fonds Consolidé de l'Administration Centrale en faveur des fournisseurs accredités sont effectués dans le systeme integré de gestion financière et directement transferé au compte bancaire du fournisseur.

Tous les transferts de fonds provenant du fonds consolidé de l'Administration Centrale en faveur

cy'Ubutegetsi bwite bwa Leta yoherezwa ku makonti yazo ari muri Banki Nkuru y'Igihugu.

transfered to their bank accounts in the National Bank of Rwanda.

des entités publiques sont effectués à leurs comptes bancaires ouverts à la Banque Nationale du Rwanda.

Ku Nzego z'Ibanze n'imishinga, kwishyura abatanze ibintu na serivisi batishyurirwa mu Kigega gihurizwamo amafaranga cy'Ubutegetsi Bwite bwa Leta, bashobora kwishyurwa hakoreshejwe sheki cyangwa kohereza amafaranga ku makonti yabo muri Banki, cyangwa se ubundi buryo bwo kwishyura bwagenwe n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta.

For decentralised entities and projects, payments to suppliers other than those paid by Treasury single account may be paid by cheque or bank transfer or any other payment instrument determined by the Secretary to the Treasury.

Pour les entités décentralisés et les projets, les paiements aux fournisseurs autres que ceux payés par le compte unique du trésor peuvent être effectués par chèque, ou par virement bancaire ou tout autre instrument de paiement déterminé par le Secrétaire au Trésor.

Ubwishyu bwose bwo ku rwego mpuzamahanga bukozwe n'urwego rwa Leta bukorwa bunyujijwe muri Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa Banki y'Ubucuruzi, byemejwe n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta.

All international payments by public entities shall be made through the National Bank of Rwanda or a commercial bank, subject to approval by the Secretary to the Treasury.

Tous les paiements internationaux effectués par des entités publiques transitent par la Banque Nationale du Rwanda ou par une banque commerciale, sous réserve de l'autorisation du Secrétaire au Trésor.

Banki Nkuru y'u Rwanda ni yo banki yonyine yemerewe gukura amafaranga mu Kigega Gihurizwamo Amafaranga cy'Ubutegetsi Bwite bwa Leta n'icy'Urwego rw'Ibanze.

The National Bank of Rwanda is the only authorised bank to process monetary transactions from the Consolidated Fund of the Central Government and decentralized entity.

La Banque Nationale du Rwanda est la seule banque autorisée à traiter les transactions monétaires sur de fonds consolidé de l'Administration Centrale est celui de l'entité décentralisée.

Inzego zose za Leta zigomba kugisha inama Minisiteri mbere yo gufata icyemezo cyo gutanga ibaruwa y'inguzanyo, ingwate cyangwa urupapuro nyemezamwenda mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'amasezerano.

All public entities must consult the Ministry before committing to provide letter of credits, guarantees or promissory note in any contractual agreement.

Toutes les entités publiques doivent consulter le Ministère avant d'émettre une lettre de crédit, de garanties ou billet à ordre dans n'importe quel accord contractuel.

Minisitiri ni we wenyine wemerewe guha amabwiriza Banki Nkuru y'u Rwanda kugira ngo itange ibaruwa y'inguzanyo, ingwate cyangwa urupapuro nyemezamwenda.

The Minister is the sole authority to instruct the National Bank of Rwanda to issue the letter of credit, guarantees or promissory note.

Le Ministre est la seule autorité pouvant donner des instructions à la Banque Nationale du Rwanda à émettre des lettres de crédit, de garanties ou des billets à ordre.

Ingingo ya 39: Inshingano z'ishami rishinzwe imari mu rwego rwa Leta ku birebana no kwishyura

Kugira ngo Minisitiri yuzuze inshingano ze nk'uko biteganywa mu ngingo ya 13 y'Itegeko Ngenga, afatanyije n'abandi ba Minisitiri n'Abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga Imari ya Leta, afata ingamba kugira ngo hashyirweho ishami rishinzwe imari muri buri rwego rwa Leta kugira ngo rikurikirane ibikorwa byerekeye kwishyura amafaranga mu buryo bwubahirije igihe kandi bwizewe.

Ishami rishinzwe imari mu rwego rwa Leta ryuzuza inshingano zikurikira kugira ngo rigenzure ibijyanye no kwishyura imari ya Leta:

1 º gushyiraho no gushyira mu bikorwa gahunda ikwiye yerekeye imari, ibaruramari n'ubugenzuzi bw'imbere hakurikijwe Itegeko Ngenga, iri teka n'imirongo ngenderwaho n'andi mabwiriza byashyizweho;

2 º kureba neza ko amafaranga yinjizwa n'urwego, yishyuzwa, yoherezwa ava mu kigega cya Leta no mu zindi nzego yakiriwe, yashyizwe ku makonti kandi yabaruwe.

3 º gukurikirana ko imisoro, amafaranga akatwa n'andi mafaranga yishyurwa Ubutegetsi Bwite bwa Leta yishyujwe, yashyizwe ku makonti kandi akoherezwa mu Kigo

Article 39: Responsibilities of a finance function in a public entity on processing payments

In order for the Minister to perform his/her responsibilities as provided for by article 13 of the Organic Law, he or she shall ensure, in collaboration with other Ministers and Chief Budget Managers, the establishment of a finance function in each public entity responsible for processing its financial payments in a timely and reliable maner.

The finance function in a public entity shall undertake the following responsibilities for the control of payments of state finances:

1 º to put in place and implement an appropriate financial, accounting and internal control system in accordance with the Organic Law, this Order, other guidelines and instructions;

2 º to ensure that revenue due, transfers from treasury and other public entities are collected, banked and accounted for;

3 º to ensure that taxes, deductions and other dues to the Central Government are collected, banked and trasnferred promptly to Rwanda Revenue Authority and other authorised

Article 39: Responsabilités d'une fonction de finance au sein d'une entité publique dans le traitement des paiements

Le Ministre, en vue d'exercer ses responsabilités tel que prévu à l'article 13 de Loi Organique, en collaboration avec d'autres Ministres et Gestionnaires Principaux du budget, s'assure qu'est mise en place une fonction de finance au sein de chaque entité publique, responsable du traitement de ses transactions financières en temps opportun et de manière fiable.

La fonction de finance au sein d'une entité publique assume les responsabilités suivantes pour le contrôle des paiements de finances de l'Etat :

1 º mettre en place et en marche un système de contrôle interne, financier, et comptable approprié, conformément à la Loi Organique, le présent Arrêté, et autres lignes directrices et instructions;

2 º s'assurer que les recettes dues, les transferts issus du trésor public et d'autres entités publiques sont collectés, gardés en banques, et comptabilisés ;

3 º s'assurer que les taxes, déductions et autres redevances dues à l'Administration Centrale sont collectées, tenues en banque et transférées rapidement à l'Office

cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro no ku zindi nzego zibifitiye ububasha ku buryo bwihutirwa;

4 º kureba ko amasoko ya Leta yakozwe hakurikijwe itegeko n'amabwiriza bigenga amasoko;

5 º kwishyura hakurikijwe Itegeko Ngenga n'iri teka ;

6 º korohereza igikorwa cy'ubugenzuzi no gushyira mu bikorwa imyanzuro yatanzwe n'ubugenzuzi.

<u>Ingingo ya 40</u>: Inshingano z'Ishami rishinzwe Imicungire y'Ikigega Rusange cy'Imari ya Leta mu kwishyura no kohereza amafaranga

Ishami rishinzwe Imicungire y'Ikigega Rusange cy'Imari ya Leta muri Minisiteri ryuzuza inshingano n'imirimo bikurikira mu rwego rwo kugenzura uko Leta yishyura ikanohereza amafaranga:

1 º gukurikirana ubwishyu bwose n'iyoherezwa ry'amafaranga ava kuri konti z'Ikigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta no kuri konti zihariye ziri muri Banki Nkuru y'Igihugu;

2 º kumenya ko kwishyura no kohereza amafaranga bikozwe hakurikijwe ingengo y'imari yemejwe y'urwego rwa Leta, mu

agencies;

4 º to ensure that public procurements are undertaken in accordance with procurement Law and regulations;

5 º to make payments in accordance with the Organic Law and this Order;

6 º to facilitate audit processes and implement audit recommendations.

<u>Article 40</u>: Responsibilities of the Treasury Management Function in processing payments and transfers

The Treasury Management Function in the Ministry shall undertake the following responsibilities in the control of Government payments and transfers:

1 º to process all payments and transfers from the Consolidated Fund bank account and special bank accounts maintained at the National Bank of Rwanda;

2 º to ensure all payments and transfers are within the adopted budget of the public entity, bonafide and adequately supported;

Rwandais des Recettes et à d'autres institutions autorisées;

4 º s'assurer que les approvisionnements sont passés conformément aux lois et règlements de passation des marchés publics en vigueur;

5 º effectuer des paiements conformément à la Loi Organique et le présent Arrêté;

6 º faciliter les processus d'audit et de mettre en oeuvre les recommandations des rapports d'audit.

<u>Article 40</u>: Responsabilités de la Fonction de Gestion de Trésorerie dans le traitement des paiements et transferts

La Fonction de Gestion de la Trésorerie au sein du Ministère assume les responsabilités suivantes dans le contrôle des paiements et transferts de l'Etat :

1 º traiter tous les paiements et transferts provenant du fonds et des comptes spéciaux logés à la Banque Nationale du Rwanda ;

2 º s'assurer que tous les paiements et transferts sont exécutés de bonne foi conformément au budget adopté de

buryo bwizewe kandi bufite ibyangombwa bibuherekeje bikwiye;

3 º kureba ko kwishyura no kohereza amafaranga byakozwe hakurikijwe ayagenwe na Komite y'Imicungire y'Imari;

4 º kwishyura no kohereza amafaranga mu buryo butaziguye cyangwa ubundi buryo bunogeye abishyurwa bwizewe bidateje igihombo Leta ;

5 º gucunga konti imwe rukumbi y'Imari ya Leta, na za konti ziyishamikiyeho, za konti zo mu mabanki zihariye n'izindi konti zose za Leta mu buryo bunoze;

6 º gutegura buri kwezi ihuzwa ry'imibare kuri konti imwe rukumbi y'imari ya Leta no gufata ingamba zikosora ku bintu bigomba kwishyurwa;

7 º gutegura raporo yerekeye Ikigega cy'Imari ya Leta buri kwezi, buri gihembwe na buri mwaka ikubiyemo ibyakozwe byose kuri konti y'Ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta na za konti zihariye muri Banki Nkuru y'Igihugu igaragaza kandi amafaranga yose yinjiye, ubwishyu bwose n'amafaranga yoherejwe, amafaranga yatangiranywe n'amafaranga asigaye kuri Konti bitarenze tariki ya 15 z'ukwezi gukurikira ;

3 º to ensure all payments and transfers are within the cash limits set by the Treasury Management Committee;

4 º to process payments and transfers by direct payments, and any other means in the most efficient manner to bonafide payees without loss to the Government;

5 º to manage Treasury Single Account, its sub-accounts, special bank accounts and any other Government accounts in the most efficient manner;

6 º to prepare monthly bank reconciliations in respect of the treasury single account and take remedial action on outstanding items;

7 º to prepare monthly, quarterly and annual Treasury Reports containing all transactions through the consolidated fund account and special bank accounts with the National Bank of Rwanda indicating all revenues, all payments and transfers, openning and closing balances by the 15th of the following month;

l'entité publique, avec des pièces justificatives adéquates;

3 º s'assurer que tous les paiements et transferts sont dans les limites du plan de trésorerie adopté par le Comité de Gestion de la Trésorerie;

4 º traiter les paiements et les transferts par mode de paiement direct ainsi que toute autre voie de paiement de manière efficace et sans perte pour l'Etat;

5 º gérer le compte unique du Trésor, ses sous comptes, les comptes spéciaux et autres comptes du Gouvernement de la manière la plus efficace ;

6 º préparer les conciliations bancaires mensuelle en rapport avec le compte unique du trésor et prendre des mesures correctives sur les points en suspens ;

7 º préparer des rapports mensuels, trimestriels et annuels de la Trésorer englobant toutes les opérations du compte unique du Trésor et les comptes bancaires spéciaux logés à la Banque Nationale du Rwanda indiquant toutes les recettes , tous les paiements et les transferts, le solde à l'ouverture et à la clôture au plus tard le 15 du mois suivant ;

8 º gukora ibikurikizwa mu isozwa ry'umwaka w'ingengo y'imari kugira ngo harebwe ko ingengo y'imari irangiranye n'umwaka, hagakorwa ihuzwa ry'imibare, amafaranga asigaye akoherezwa kuri za konti zihariye z'Ikigega cya Leta gihurizwamo amafaranga, hakuwemo imibare yerekeye inzego z'ibanze, n'izindi nzego zigenerwa ingengo y'imari yihariye.

8 º to perform closing procedures of budgetary exercise to ensure that the budget balance falls within the cancellation of the fiscal year and to transfer any balances to the special accounts of the Consolidated Fund, excluding balances of decentralised entities and extra-budgetary entities;

8 º effectuer les procédures de clôture de l'exercice budgétaire pour s'assurer que les réliquats budgétaires sont tombés en annulation et transferer au compte spécial du fonds consolidé tous les soldes bancaires, à l'exception des soldes des entités décentralisées et des entités extra-budgétaires.

9 º kubika inyandiko ku mikoreshereze y'amakonti hakurikijwe politike n'amabwiriza bya Leta.

9 º to keep all transaction documents in accordance with Government policies and regulations.

9 º archiver tous les supports de paiements conformément aux politiques et règlements.

Ingingo ya 41: Agasanduku k'amafaranga yihariye akoreshwa byihutirwa

Uretse agasanduku k'amafaranga abitswe hafi akoreshwa byihutirwa, andi mafaranga yose yihariye atangwa nk'ingoboka ku bikorwa byihuse abanza kwemezwa mu nyandiko n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta.

Amafaranga y'ingoboka ku gikorwa kihutirwa ahabwa umukozi mukuru mu buyobozi ku mpamvu no ku gihe kizwi, n'igihe umushinga uzamara, umurimo cyangwa uruzinduko rujyanye n'akazi.

Gusaba amafaranga y'ingoboka ku gikorwa cyihutirwa byemezwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta ashingiye ku ngengo y'imari y'icyo gikorwa mu ngengo y'imari rusange yemejwe na gahunda y'amafaranga

Article 41: Special imprest

With the exception of petty cash imprest, any special imprest arrangement shall require a written approval of the Secretary to the Treasury.

A special imprest shall be issued to a senior officer of the administration for a specific purpose and time, including the duration of a project, official function or visit.

Each imprest request must be approved by the Chief Budget Manager based on activity budget within overall approved budget and expenditure plan of the entity. The approval by Chief Budget Manager must indicate when the imprest shall be

Article 41: Caisse spéciale d'avance

A l'exception des fonds sur petite caisse, tout arrangement de caisse d'avance spéciale est soumis à l'autorisation écrite du Secrétaire au Trésor.

Une caisse spéciale d'avance est donnée à un haut fanctionnaire de l'administration et à des fins et une durée spécifique, comprenant la durée d'un projet, mission ou visite officielles.

Chaque demande de caisse spéciale d'avance est approuvée par le Gestionnaire Principal du Budget sur base de l'activité budgétaire, et budget global approuvé et plan des dépenses de l'entité. L'approbation par le Gestionnaire Principal du

azakoreshwa n'urwego. Mu iyemezwa rikorwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta hagomba kugaragaramo igihe ayo mafaranga y'ingoboka atazarenza.

retired.

budget doit indiquer le moment de clôture de la caisse.

Uhawe amafaranga y'ingoboka afite inshingano yo gucunga ayo mafaranga yose kugeza igihe abaruriwe n'igihe arangiriye.

The imprest holder shall be responsible for the full amount of the imprest until it has been properly accounted for and retired.

Le bénéficiaire de la caisse d'avance est responsable de la totalité du montant de la caisse d'avance jusqu'à ce qu'elle ait été correctement comptabilisée et cloturée;

Amafaranga yose yishyuwe ku ngengo y'imari y'ingoboka agomba kujyana n'igikorwa giteganyijwe mu ngengo y'imari no kuba afite inyandiko ziyasobanura zikwiye n'aho yakiriwe nk'uko bisabwa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.

Any payment from the imprest must be made against approved activity budget and supported with adequate documents and receipts as required by the Organic Law and this Order.

Tout paiement issu de l'avance doit être fait conformément à l'activité du budget approuvé et appuyé par les documents justificatifs adéquats et des factures tel que requis par la Loi Organique et le présent Arrêté.

Ubwishyu bwose buturutse ku mafaranga y'ingoboka bugomba kujyana n'igikorwa cyateganyijwe mu ngengo y'imari kandi busobanurwa n'urutonde rw'ibyagiye byishyurwa kugira ngo byemezwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta.

Any payment from the imprest must be made against approved activity budget and supported with a listing of disbursements for approval of the Chief Budget Manager.

Tout paiement issu de la caisse d'avance doit être exécuté en rapport avec l'activité du budget approuvé et appuyé par une liste des décaissements pour autorisation du Gestionnaire Principal du Budget

Ushinzwe amafaranga y'ingoboka arebwa e ubwe n'ayo mafaranga kandi agomba gufata ingamba zose kugira ngo abe afite umutekano uhagije.

The imprest holder shall be personally accountable for the imprest and must take all precautions to secure its safe custody.

Le bénéficiaire de la caisse d'avance est personnellement responsable de l'avance et doit prendre toutes les mesures raisonnables pour assurer sa garde.

Amafaranga y'ingoboka abikuzwa ku itariki cyangwa mbere y'itariki yagenwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta, keretse byagenwe ukundi mu nyandiko n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta.

The imprest shall be withdrawn on or before the date specified by the Chief Budget Manager unless otherwise sanctioned in writing by the Chief Budget Manager.

L'avance est retirée au plus tard ou à la date indiquée par le Gestionnaire Principal du Budget sauf indication contraire écrite du Gestionnaire Principal du Budget.

Iyo igihe ayo mafaranga yagenewe gukoreshwa

On retirement of the imprest, the imprest holder

A l'échéance de la caisse, le bénéficiaire de

kirangiye, uyashinzwe aha Umuyobozi Ushinzwe Imari, raporo mu nyandiko ku byo yakoreshejwe, iherekejwe n'inyandiko za ngombwa zisobanura aho amafaranga yatanzwe yakiriwe nk'uko bisabwa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.

Amafaranga yose y'ingoboka asagutse arasubizwa agashyirwa kuri konti muri banki ku itariki yagenwe, inyandiko igaragaza ko yashyizwe muri banki ikandikwaho amazina y'uwayakoresheje.

Mu gihe igikorwa kidatangiriye igihe cyagenwe, amafaranga y'ingoboka arahagarikwa ako kanya agasubizwa muri banki uko yakabaye n'inyandiko y'uko yashyizwe muri banki ikandikwaho uwayahawe.

Uwo ari we wese uhawe amafaranga y'ingoboka ntayagarurire igihe cyangwa utuzuza inshingano ze zo gusubiza ayasagutse muri banki ku matariki yagenwe arabihanirwa, kandi nta mafaranga y'ingoboka yongera guhabwa kugeza igihe aya mbere agenzuriwe, bikemerwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta kandi n'amafaranga yasagutse yasubijwe muri banki.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga imari ya Leta ashobora kugena ibindi bihano ashingiye ku Itegeko Ngenga.

<u>Ingingo ya 42</u>: Agasanduku k'amafaranga yihutirwa

Agasanduku k'amafaranga yihutirwa kagenerwa gusa kwishyura ibikorwa bito ku mpamvu z'akazi

shall give full account in writing to the Head of Finance on the use of the imprest, supported by adequate documents and receipts as required by the Organic Law and this Order.

Any balance arising from the imprest shall be remitted and banked on due date of retirement and a receipt issued in the name of the imprest holder.

In the event where the activity does not commence as planned, the imprest shall be retired immediately by banking the intact amount and a receipt issued in the name of the imprest holder.

Any imprest holder who does not retire any imprest or fails to bank any unspent balances by the due dates shall be surcharged and shall not be given a new imprest until the previous imprest has been accounted for to the satisfaction of the Chief Budget Manager and any balances thereof re-banked.

The Chief Budget Manager may also apply other sanctions in accordance with the Organic Law.

<u>Article 42</u>: Petty cash imprest

The petty cash imprest shall be restricted to petty cash payments for official purposes.

l'avance rend pleinement compte par écrit au Responsable des Finances sur l'utilisation des avances avec documents justificatifs à l'appui et des factures tel que requis par la Loi Organique et le présent Arrêté.

Tout solde résultant de l'avance est remis et déposé en banque à la date due avec le bordereau de versement délivré au nom du bénéficiaire de l'avance.

Dans le cas où l'activité ne commence pas comme prévu, l'avance est retirée immédiatement en déposant le montant intact à la banque avec le bordereau de versement délivré au nom du bénéficiaire de l'avance.

Tout bénéficiaire de caisse d'avance qui ne clôture pas la caisse d'avance ou faillit de déposer le solde de montants non utilisés à la date due est tenu responsable et ne reçoit pas une nouvelle caisse d'avance jusqu'à ce que l'avance précédente soit comptabilisée à la satisfaction du Gestionnaire Principal du Budget et tout solde y relatif versé à la banque.

Le Gestionnaire Principal du Budget peut également appliquer d'autres sanctions conformément à la Loi Organique.

<u>Article 42</u>: Avance sur petite caisse

L'avance sur petite caisse est limitée aux paiements de la petite caisse à des fins officielles.

ka Leta.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga imari ya Leta agena umukozi ushinzwe agasanduku k'amafaranga yihutirwa akagenzurwa n'Umuyobozi ushinzwe Imari.

The Chief Budget Manager shall designate an officer to be responsible for the petty cash under the general supervision of the Head of Finance.

Le Gestionnaire Principal du Budget désigne un agent responsable pour la petite caisse sous la supervision du Responsable des Finances.

Amafaranga yo mu gasanduku k'amafaranga yihutirwa buri gihe ntarenga ibihumbi magana atanu by'amafaranga y'u Rwanda (500.000 Frw) kandi nta kintu na kimwe kirengeje ibihumbi mirongo itanu by'amafaranga y'u Rwanda (50.000 Frw) kigurwa hakoreshejwe amafaranga yo muri ako gasanduku.

The petty cash shall be maintained at all times at a level not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (500,000 Frw) and no single expenditure shall be made out of petty cash exceeding fifty thousand Rwandan francs (50,000 Frw).

La petite caisse est maintenue en tout temps à un plafond ne dépassant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw) et aucune dépense singulière sur la petite caisse dépassant cinquante mille francs rwandais (50.000 Frws) ne peut être faite.

Urwego rwa Leta rusaba uburenganzira Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta kugira ngo hongerwe ingano y'amafaranga yo mu gasanduku k'amafaranga yihutirwa igihe bigaragaye ko ayashyizweho adahagije.

A Public Entity may seek approval of the Secretary to the Treasury for a higher limit of petty cash where the set limits are deemed inadequate.

Une entité publique peut demander l'autorisation du Secrétaire au Trésor pour une limite plus élevée de la petite caisse lorsque les limites fixées sont jugées insuffisantes.

Ubwishyu bwose bukozwe hakoreshejwe amafaranga yo mu gasanduku k'amafaranga yihutirwa bugomba kuba bufite inyandiko zibusobanura; bwasuzumwe kandi bwatangiwe uruhushya mbere yo kwishyura.

All petty cash payments must be fully supported, reviewed, and authorized before payments are effected.

Tous les paiements par petite caisse doivent être entièrement justifiés, examinés et autorisés avant que les paiements ne soient effectués.

Kwishyura amafaranga yose yo mu gasanduku k'amafaranga yihutirwa, no gusaba andi yo kongeramo bigomba gutangirwa uruhushya n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta cyangwa undi mukozi yabihereye uburenganzira.

All petty cash payments and replenishments must be authorized by the Chief Budget Manager or by an officer he/she has delegated.

Tous les paiements et les re-approvisionnements de la petite caisse doivent être autorisés par le Gestionnaire Principal du budget ou par un agent qu'il a délégué.

Ubwishyu bwose bukozwe hakoreshejwe

All petty cash payments, including those made

Tous les paiements par petite caisse, y compris

amafaranga yo mu gasanduku k'amafaranga yihutirwa burimo n'ubukoreshwa ikarita yo kubikuza muri za ambasade bukorwa hakurikijwe ingengo y'imari na gahunda y'amafaranga azakoreshwa byemejwe.

through debit cards at embassies shall be within the approved budget and expenditure plan.

ceux effectués par cartes bancaires dans les ambassades sont effectués conformément au budget et au plan des dépenses approuvé.

Nta mukozi wemerewe guhabwa amafaranga yo mu gasanduku k'amafaranga yihutirwa ku giti cye atanze sheki cyangwa kuguza mu gasanduku.

No staff shall be allowed to borrow from petty cash personally using a cheque.

Le personnel n'est pas autorisé à encaisser les chèques ou à emprunter à la petite caisse.

Umuyobozi ushinzwe Imari cyangwa umuhagarariye akora igenzura rihoraho ry'agasanduku k'amafaranga yihutirwa, akanahuza imibare n'inyandiko akareba ko amakuru yatanzwe ahuye hanyuma umwanzuro ukagaragazwa mu cyemezo cyatanzwe.

The Head of Finance or his /her delegate shall conduct a periodic petty cash audit and reconcile with petty cash records the results of which shall be documented in a petty cash certificate.

Le Responsable des Finances ou son délégué procède à des contrôles périodiques et réconciliation des écritures de la petite caisse, résultats desquels sont documentés dans un billetage.

Ingingo ya 43: Kwishyura imishahara

Hagomba kubaho umukozi w'ishami rishinzwe abakozi muri buri rwego rwa Leta ushinzwe gukurikirana neza dosiye z'abakozi bakoreshwa n'urwego.

Mu mpera za buri kwezi, umukozi ushinzwe dosiye z'abakozi akora raporo ashyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta agaragaza umubare w'abakozi, ibyiciro by'imishahara n'ibisobanuro birambuye ku bakozi batakiri mu myanya, harimo n'abakozi bataye akazi.

Umukozi ushinzwe ishami rishinzwe abakozi ategura buri kwezi imishahara y'abakozi akurikije

Article 43: Payment of salaries

There must be an Officer in charge of Human Resource Management function in each public entity responsible for the maintenance of personnel records of all staff employed by the entity.

At the end of each month, the Officer in charge of Human Resource shall make a report to the Chief Budget Manager indicating the number of staff, salary grades and details of staff who have left the entity including those who have absconded from duty.

The officer in-charge of the Human Resource function shall prepare, on a monthly basis, a

Article 43: Paiement des salaires

Il doit y avoir un agent chargé de la fonction de gestion des ressources humaines au sein de chaque entité publique, ayant la responsabilité de la tenue des dossiers individuels de tout le personnel employé par l'entité.

A la fin de chaque mois, l'agent chargé des ressources humaines fait un rapport au Gestionnaire Principal du budget indiquant le nombre d'employés, leurs échelons de salaire et les détails sur le personnel ayant quitté l'entité, y compris ceux qui ont abandonné leurs fonctions.

L'agent ayant les ressources humaines dans ses attributions établit chaque mois, la liste de paie

amategeko n'amabwiriza nk'uko bisabwa na Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo.

Urutonde rw'imishahara y'abakozi rwemezwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta mbere yo gukataho amafaranga ateganywa n'amategeko no kwishyura imishahara.

Abakozi bose bishyurwa ku kwezi kandi amafaranga akoherezwa mu buryo butaziguye ku makonti yabo muri banki.

Igihe hari imishahara itishyujwe, amafaranga agomba kubikwa uko yakabaye kuri konti y'ikigo kandi Umuyobozi ushinzwe Imari aherako abimenyeshwa.

Amafaranga abariye hamwe yose n'umushahara n'ibigenerwa umukozi igihe avuye ku kazi arangiye byishyurwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza yatangajwe na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

Imisoro n'andi mafaranga akurwa ku mushahara bigomba kugezwa ku buyobozi bireba ku matariki yagenwe cyangwa mu gihe cy'iminsi icumi (10) ikurikira impera z'ukwezi aho amatariki ntarengwa atagenwe.

<u>Ingingo ya 44:</u> Imisanzu n'ibindi byishyurwa nta mpaka

Usibye ibyatangiwe uruhushya na Minisitiri, nta bwishyu bukorwa hatabanje kugaragaza impamvu

payroll in accordance with the laws and regulations as required by the Ministry in charge of public service.

The payroll shall be approved by the Chief Budget Manager before deductions and payments are effected.

All staff shall be paid their monthly salaries by direct bank transfer through their bank accounts.

In case of unclaimed salaries, the intact amount shall be banked onto the account of the public entity and the Head of Finance is promptly notified.

Payments for terminal benefits and compensation shall be in accordance with rules and regulations issued by the Ministry in charge of public service.

Taxes and other deductions shall be remitted to relevant authorities by the due date or within ten (10) days from the end of the month where due dates are not determined.

<u>Article 44</u>: Contributions and compulsory payments

Unless authorized by the Minister, no payments shall be made without first establishing the

conformément aux lois et règlements tels que prescrits par le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.

La liste de paie est approuvée par le Gestionnaire Principal du Budget avant que les retenues et les paiements soient effectués.

Les salaires mensuels dus sont payés au personnel par virement bancaire par le biais de leurs comptes bancaire

Au cas où il y a des salaires non réclamés, le montant intact est déposé au compte de l'entité et le Responsable des Finances en est informé rapidement.

Les paiements pour le décompte final et indemnités sont faits conformément aux règles et règlements établis par le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.

Les impôts et autres retenues sont remis aux autorités compétentes à la date due ou endéans dix (10) jours à compter de la fin du mois lorsque les dates ne sont pas connues.

<u>Article 44</u>: Contributions et decaissement d'office

Sauf sur autorisation du Ministre, aucun paiement n'est fait avant qu'un engagement budgétaire de

umwenda wishyurwa, keretse iyo ari ibyishyurwa nta mpaka, ibyishyurwa amafaranga anyujijwe kuri konti ku buryo butaziguye cyangwa ibyihutirwa.

commitment to pay, except for compulsory payments, direct debits and other urgent payments.

payer n'ait été préalablement établi, excepté pour des paiements d'office, les prélèvements directs et autres paiements urgents.

Ibyishyurwa nta mpaka ni amafaranga agomba kwishyurwa na Leta kubera ibikubiye mu masezerano Leta yakoze, amasezerano ahoraho cyangwa amategeko yihariye, ariko hatarimo inshingano zishingiye ku masezerano yo gutanga ibintu na serivisi. Ayo mafaranga akubiyemo kandi amafaranga agenewe kwishyura imyenda ya Leta, gusubiza imisoro n'andi mafaranga yinjira iyo biteganywa n'itegeko ndetse n'amafaranga inkiko zitegeka Leta kwishyura.

Compulsory payments are payments by Government for contractual obligations, permanent agreements or special laws, excluding contractual obligations for the supply of goods and services. Such payments shall also comprise payments for public debt, refunds of taxes and other revenues in case they are provided for by law and court-issued legal claims on the State.

Les paiements d'office sont des paiements pour des obligations contractuelles, les accords permanents ou les lois spéciales, excluant les obligations contractuelles pour la fourniture de biens et de services. Ces paiements comprenent également les paiements destinés au service de la dette publique, les remboursements de taxes et autres recettes dans le cas où ils sont prévus par la loi et les condamnations décidées par une juridiction contre l'État.

Kwishyura amafaranga yishyurwa nta mpaka bishobora gukorwa hatabanje kugaragazwa impamvu y'ubwo bwishyu

Compulsory payments may be made without establishing prior commitments for them.

Les paiements d'office peuvent être faits sans que des engagements budgétaires soient préalablement établis.

Mu gihe Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta asanze amafaranga yishyurwa nta mpaka atarateganyijwe mu ngengo y'imari, abimenyesha Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta akanatanga n'inyandiko zose za ngombwa zibisobanura.

In the case where the Chief Budget Manager becomes aware of a compulsory payment not provided for in the expenditure plan, he/she informs the Secretary to the Treasury with all necessary supporting documents.

Dans le cas où le Gestionnaire Principal du budget prend connaissance du paiement d'office non prévu dans le plan de dépenses, il en informe le Secrétaire au Trésor avec toutes les pièces justificatives nécessaires.

Nta bwishyu bw'imisanzu butangwa ku miryango mpuzamahanga bukorwa nta masezerano yemejwe burundu.

No payment of contributions to international organizations shall be made without a ratified agreement.

Aucun paiement de contributions aux organisations internationales n'est fait sans qu'il y'ait un accord ratifié.

Ubwishyu bw'imisanzu ku miryango y'imbere mu Gihugu cyangwa ku bantu ku giti cyabo bukorwa gusa byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri.

Payment of contributions to local organizations or individuals shall only be made with the approval of Cabinet.

Le paiement des contributions à des organisations locales ou des individus est fait sur approbation du Conseil des Ministres.

Ingingo ya 45: Amafaranga yasagutse ku ngengo y'imari

Kwiyemeza kwishyura birangirana n'itariki ya 15 Gicurasi z'uwo mwaka w'ingengo y'imari, keretse byemejwe ukundi na Minisitiri. Kurangiza kwishyura amafaranga yemejwe bikorwa kugeza tariki 30 Kamena z'uwo mwaka.

Ku munsi wa nyuma w'akazi wa buri mwaka w'ingengo y'imari, ibyagenwe byose n'izindi mpushya zo gukoresha amafaranga y'ingengo y'imari bihita bita agaciro.

Amafaranga yose atarakoreshejwe mu nzego za Leta ahita yoherezwa mu kigega cy'imari ya Leta, usibye aya akurikira:

1 º ay'inzego z'ibanze zifite amafaranga yazo bwite;

2 º ay'ibigo bya Leta;

3 º ay'Inzego za Leta zifite imishinga y'iterambere iterwa inkunga n'amafaranga aturuka hanze;

4 º andi mafaranga yose y'urwego rwa Leta Minisitiri ashobora kugena mu nyandiko.

Izindi nyandiko zose zitanga impushya zo kwishyura zitarishyurwa kugeza tariki ya 30 Kamena zijyana n'amafaranga yoherejwe mu Kigega cy'Imari ya Leta, zoherezwa muri icyo kigega ziherekejwe n'inyandiko zizisobanura,

Article 45: Unspent budget balances

Expenditure commitments shall end on 15th May of the same fiscal year, unless otherwise authorized by the Minister. Payments in respect of committed funds are allowed until 30th June of the year.

At the end of the last working day of each fiscal year, all appropriations and other authorizations for expenditures shall immediately lapse.

All unused funds of public entities shall be transferred to the treasury with the exception of the following funds:

1 º funds of decentralized entities from their own revenues;

2 º public institutions funds;

3 º funds of public entities with funds from externally funded development projects;

4 º any other funds of a public entity the Minister may specify in writing.

Any outstanding payment order by 30th June relating to funds transferred to the Treasury, shall be sent to the Treasury with necessary support documents and shall be payed not later than end of July.

Article 45: Soldes budgétaires non dépensés

L'engagement des dépenses se termine le 15 mai du même exercice budgétaire, sauf autorisation contraire du Ministre. Les paiements en rapport avec les fonds engagés sont autorisés jusqu'au 30 juin de l'année.

A la fin du dernier jour ouvrable de chaque exercice budgétaire, l'ensemble des dotations et d'autres autorisations de dépenses deviennent immédiatement caduques.

Tous les fonds inutilisés des entités publiques sont transférés au trésor à l'exception des fonds suivants:

1 º fonds des entités décentralisées venant de leurs recettes propres ;

2 º fonds des établissements publics;

3 º fonds des entités publiques avec des fonds provenant des projets de développement à financement externe;

4 º d'autres fonds d'une entité publique que le Ministre peut déterminer par écrit.

Toute ordre de paiement en circulation au 30 juin relative aux fonds transférés au Trésor, est envoyé au Trésor avec les documents d'appui requis et est payé au plus tard fin juillet.

kandi zishyurwa bitarenze ukwezi kwa Nyakanga.

Amafaranga yimukanywe ashyirwa mu kigereranyo cy'ingengo mu ngengo y'imari y'urwo rwego rwa Leta mu mwaka ukurikira;

Minisitiri ashobora kugena amabwiriza yihariye yerekeye iyoherezwa ry'amafaranga atarakoreshejwe ndetse n'ayerekeye kwishyura imyenda Leta isigaranye tariki ya 30 Kamena.

<u>Ingingo ya 46</u>: Ikoreshwa ry'amafaranga y'ingengo y'imari y'ingoboka

Ku nzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta, hateganywa mu ngengo y'imari ya Minisiteri umurongo w'ingengo y'imari y'ingoboka igenewe ibikorwa byihutirwa kandi bitateganyijwe. Amafaranga atarengeje gatatu ku ijana (3%) by'ingengo y'imari isanzwe ashyirwa ku ruhande nk'amafaranga y'ingoboka ku byihutirwa.

Minisitiri ashobora gutanga uburenganzira bwo gukoresha amafaranga yo mu Kigega cy'Ingoboka ku byihutirwa, bidateganyijwe mu ngengo y'imari kandi bidashobora kurekwa, mu gihe bitarengeje ubushobozi buhari.

Mbere y'uko amafaranga yo mu Kigega cy'Ingoboka akoreshwa, Minisitiri ashyira amafaranga asabwa ku murongo w'ingengo y'imari bireba mu ngengo y'imari y'urwego rwa Leta rugiye kuyakoresha kandi akavuga impamvu z'amafaranga akoreshwa byihutirwa.

Funds carried forward shall be included in the budget estimates of the public entity for the following year;

The Minister may issue specific instructions concerning transfers of unused funds and payment of commitments that remain unpaid as at 30th June.

<u>Article 46:</u> Utilisation of emergency budget reserve

For Central Government entities, a budget line shall be provided in the budget of the Ministry to meet urgent and unexpected expenditure. An amount, not exceeding three percent (3%) of the current budget, shall be set aside for the emergency budget reserve.

The Minister may authorize the use of funds from the Emergency Reserve to defray urgent, unforeseen and unavoidable expenditure that were not provided for in budget and which do not exceed available funds.

Before funds from the Emergency Budget Reserve are used, the Minister shall transfer the required amount to the relevant budget line under the budget of the public entity which will use it and specify the purpose of the emergency expenditure.

Les fonds reportés sont inclus dans les prévisions budgétaires de l'entité publique pour l'exercice de l'année suivante.

Le Ministre peut donner des instructions spécifiques concernant les transferts de fonds et le règlement des engagements inutilisés qui demeurent impayés au 30 juin.

<u>Article 46</u>: Utilisation des réserves budgétaires d'urgence

Pour les entités de l'Adiministration Centrale, une ligne budgétaire est prévue dans le budget du Ministère pour couvrir les dépenses urgentes et imprévues. Un montant ne dépassant pas trois pour cent (3%) du budget en cours est mis de côté au titre de réserves budgétaires d'urgence.

Le Ministre peut autoriser l'utilisation des fonds des réserves budgétaires d'urgence pour couvrir les dépenses urgentes, imprévues et inévitables qui n'étaient pas prévues dans le budget et qui ne dépassent pas les fonds disponibles.

Avant que les fonds des Réserves Budgétaires d'Urgence ne soient utilisés, le Ministre transfère le montant requis à la ligne budgétaire concernée au titre du budget de l'entité publique qui va l'utiliser et précise l'objet de la dépense d'urgence.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'Urwego rwakiriye amafaranga aturutse mu Kigega cy'Ingoboka ashyikiriza Minisitiri raporo ya buri gihembwe ku mikoreshereze y'ayo mafaranga.

Amafaranga y'ingoboka yose yahawe Urwego rwa Leta agomba gukorerwa raporo ishyikirizwa Umutwe w'Abadepite.

Ingingo ya 47: Ingengo y'imari y'ingoboka mu nzego z'ibanze

Mu nzego z'ibanze, hateganywa umurongo w'ingengo y'imari ugenewe ibikorwa byihutirwa kandi bitateganyijwe bitarengeje gatatu ku ijana (3%) by'umutungo bwite w'urwego rw'ibanze winjiye mu ngengo y'imari.

Umuyobozi wa Komite Nshingwabikorwa ashobora gutanga uburenganzira bwo gukoresha ingengo y'imari y'ingoboka mu bikorwa byihutirwa, bitunguranye kandi bidashobora kurekwa, bitateganyijwe mu gihe bitarengeje ubushobozi buhari.

Mbere y'uko amafaranga y'ingengo y'imari y'ingoboka akoreshwa, amafaranga asabwa avanwa ku murongo w'ingengo y'imari y'amafaranga akoreshwa byihutirwa agashyirwa ku murongo w'ingengo y'imari yabugenewe, hakagaragazwa impamvu n'imimerere y'igitangwaho amafaranga akomoka ku ngengo y'imari y'ingoboka.

The Chief Budget Manager of the public entity which has received funds from the Emergency Budget Reserve shall provide quarterly reports to the Minister on the use of the funds.

Any imprest authorized and transferred to the Public entity shall be reported to Chamber of Deputies on a quarterly basis

Article 47: Decentralised entities emergency budget reserve

For decentralized entities, a budget line shall provide an amount not exceeding three (3%) of the entity's own revenues of the current budget for urgent and unexpected expenditures.

The Chairperson of the Executive Committee may authorize the use of funds from the Emergency Budget Reserve to defray urgent, unforeseen and unavoidable expenditure that were not provided for and which do not exceed available funds.

Before funds from the Emergency Budget Reserves are used, the required amount shall be transferred from the emergency budget reserve budget line to an appropriate expenditure line clearly indicating the purpose and nature of the expenditure to be met out of the emergency budget reserve.

Le Gestionnaire Principal du budget de l'entité publique qui a reçu des fonds de réserves budgétaires d'urgence fournit des rapports trimestriels au Ministre sur l'utilisation des fonds.

Tout solde autorisé et transféré à l'entité publique fait l'objet d'un rapport transmis trimestriellement à la Chambre des Députés.

Article 47: Réserves budgétaires d'urgence des entités décentralisées

Pour les entités décentralisées, une ligne budgétaire prévoit un montant ne dépassant pas trois pour cent (3%) des recettes propres de l'entité du budget en cours pour les dépenses urgentes et inattendues.

Le Président du Comité Exécutif peut autoriser l'utilisation des Réserves Budgétaires d'Urgence pour couvrir les dépenses urgentes, imprévues et inévitables qui n'ont pas été budgétisées, et ne dépassant pas les fonds disponibles.

Avant que les réserves budgétaires d'urgence ne soient utilisées, le montant requis est transféré de la ligne budgétaire des réserves budgétaires d'urgence à une ligne de dépenses appropriée indiquant clairement l'objet et la nature des dépenses devant être financées sur les réserves budgétaires d'urgence.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rw'ibanze ashyikiriza Inama Njyanama raporo ya buri gihembwe ku mikoreshereze y'amafaranga akomoka ku ngengo y'imari y'ingoboka.

The Chief Budget Manager of the decentralized entity shall provide quarterly reports to the Council on the use of the funds from the emergency budget reserve.

.

Le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité décentralisée fournit des rapports trimestriels au Conseil sur l'utilisation des fonds des réserves budgétaires d'urgence.

.

Ingingo ya 48: Gukurikirana raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari

Raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari ibamo gahunda y'ibikorwa byakozwe n'uko ingengo y'imari yemejwe yakoreshejwe.

Mu bishingirwaho mu gukurikirana uko ingengo y'imari ikoreshwa harimo raporo z'imikoreshereze y'ingengo y'imari zatanzwe, raporo z'ibikorwa n'andi makuru ayo ari yo yose yatanzwe.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta bose bategura kandi bagashyikiriza Minisiteri za raporo z'imikoreshereze y'ingengo y'imari buri kwezi, naho ku birebana n'inzego z'ibanze banagenera kopi yazo Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze bitarenze itariki 15 z'ukwezi gukurikira.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta bose bategura kandi bagashyikiriza Minisitiri raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari buri gihembwe, naho ku birebana n'Inzego z'Ibanze, banashyikiriza kopi Umuyobozi wa Komite Nshingwabikorwa bitarenze tariki 15 z'ukwezi gukurikira impera z'igihembwe.

Article 48: Monitoring of budget execution report

Budget execution report shall include programme activities carried out during the period and the execution of the approved budget.

Monitoring performance of the budget shall be based, among others, on budget execution reports, activity reports and any other available information.

All Chief Budget Managers shall prepare and submit monthly budget execution reports to the Ministry and in the case of decentralized entities, they shall also submit a copy to the Minister in charge of Local Governments not later than 15th of the following month.

All Chief Budget Managers shall prepare and submit their quarterly budget execution reports to the Minister and in the case of decentralized entities; they shall also submit a copy to the Chairperson of the Executive Committee not later than 15th of the month following the end of the quarter.

Article 48: Suivi du rapport sur l'exécution budgétaire

Le rapport d'exécution budgétaire inclut les activités effectuées au cours de la période ainsi que l'exécution du budget approuvé.

Le suivi de la performance du budget se base, entre autres, sur les rapports d'exécution du budget, les rapports d'activités et toute autre information disponible.

Tous les Gestionnaires Principaux du budget préparent et soumettent des rapports mensuels d'exécution du budget au Ministère et, en ce qui concerne les entités décentralisées, ils réservent également une copie au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions au plus tard le 15 du mois suivant.

Tous les Gestionnaires Principaux du budget préparent et soumettent leurs rapports trimestriels d'exécution du budget au Ministre et, en ce qui concerne les entités décentralisées, et réservent également une copie au Président du Comité Exécutif au plus tard le quinzième jour du mois suivant la fin du trimestre.

Umuyobozi Mukuru w'Ingengo y'Imari y'Igihugu muri Minisiteri aha amabwiriza Abayobozi Bukuru bashinzwe Gucunga imari ya Leta yerekeye imiterere, uburyo n'igihe bisabwa mu gutegura no gutanga raporo z'imikoreshereze y'ingengo y'imari za buri gihembwe.

Raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari igomba nibura kuba igizwe n'ibi bikurikira:

1 º amakuru ku mikoreshereze y'ingengo y'imari ku gihembwe agaragaza ingengo y'imari yemejwe yavuguruwe, amafaranga yinjiye n'ayakoreshejwe;

2 º amafaranga ateganywa gukoreshwa n'azakirwa ku gihe gisigaye cy'uwo mwaka w'ingengo y'imari;

3 º ibisobanuro ku binyuranyo byose biboneka;

4 º ingamba zafashwe kugira ngo amafaranga ateganyijwe gukoreshwa n'azinjira byubahirize ingengo y'imari.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ingengo y'Imari y'Igihugu ategurira Minisitiri raporo y'igihembwe ihujwe ku mikoreshereze y'ingengo y'imari ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri bitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikurikira igihembwe kirangiye.

Ku birebana n'urwego rw'ibanze, Komite

The Director General for National Budget under the Ministry shall issue instructions to Chief Budget Managers on the format, modalities and timelines for preparing and submission of quaterly budget execution reports.

The budget execution report shall at least contain the following:

1 º the budget execution information for the quarter showing approved or revised budget, actual revenues and expenditures;

2 º a projection of expected expenditure and revenue collection for the remaining period of the current fiscal year;

3 º an explanation of any material variances;

4 º measures taken to ensure that the projected expenditure and revenue remain within budget.

The Director General of the National Budget shall prepare consolidated quarterly execution report for the Minister to submit to cabinet not later than thirty (30) days following the end of the preceding quarter.

In the case of a decentralized entity, the Executive

Le Directeur Général du Budget National au sein du Ministère donne des instructions aux Gestionnaires Principaux du Budget sur le format, les modalités et les délais de préparation et de soumissions des rapports d'exécution budgétaire trimestriels.

Le rapport d'exécution du budget contient au moins les éléments suivants:

1 º les informations sur l'exécution du budget pour le trimestre montrant le budget approuvé ou révisé, les recettes et les dépenses réalisées;

2 º une projection des dépenses prévues et le recouvrement des recettes pour le reste de l'exercice budgétaire en cours ;

3 º une explication des écarts importants;

4 º les mesures prises pour veiller à ce que les dépenses et les recettes prévues restent dans le budget.

Le Directeur Général du Budget National prépare un rapport trimestriel consolidé d'exécution budgétaire pour le Ministre à soumettre au Conseil des Ministres dans les trente (30) jours à compter de la fin du trimestre précédent.

Dans le cas d'une entité décentralisée, le Comité

Nshingwabikorwa ishyikiriza Inama Njyanama raporo z'igihembwe n'iz'umwaka ku mikoreshereze y'ingengo y'imari.

Imaze gusuzuma raporo yatanzwe na Komite Nshingwabikorwa y'Urwego rw'Ibanze, Inama Njyanama iyishyikiriza Minisitiri ufite inzego z'ibanze mu nshingano ze, binyuze ku Mukuru w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Minisitiri agashyikirizwa kopi.

Binyuze mu Nama y'Abaminisitiri, Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Umutwe w'Abadepite raporo y'amezi atandatu (6) ihujwe ku mikoreshereze y'ingengo y'imari bitarenze ukwezi kwa Mutarama.

UMUTWE WA VI: INGUZANYO, UMWENDA, ISHORAMARI N'IBIJYANA N'IMIKORANIRE N'AMABANKI

Ingingo ya 49: Impamvu n'ububasha ku micungire y'imyenda ya Leta

Ikigamijwe mu micungire y'umwenda wa Leta ni :

1 º kugira ngo hamenyekane neza niba ibyo Leta ishoramo amafaranga n'ibyo iba igamije gukemura bihura n'intego z'igihe gicirirtse zigamije kugabanya ibitangwa ku nguzanyo ;

2 º gushishoza ku byateza ingorane;

Committee shall submit quarterly and annual budget execution reports to the Council.

The Council, after examination of the report submitted by the Executive Committee of the decentralized entity, shall submit it to the Minister in charge of decentralized entities through the Provincial Governor or the Mayor of the City of Kigali with a copy to the Minister.

The Minister shall prepare and submit through Cabinet, a mid-year consolidated budget execution report to the Chamber of Deputies not Later than the end of January.

CHAPTER VI: LOAN, DEBT, INVESTMENT AND BANKING ARRANGEMENTS

Article 49: Purpose of and authority for public debt management

The objectives of public debt management are:

1 º to ensure that the Government's financing needs and settling of obligations meet the medium term objective of low borrowing costs;

2 º prudent risk exposure;

Exécutif soumet au Conseil les rapports trimestriels et annuels d'exécution du budget.

Le Conseil, après examen du rapport présenté par le Comité Exécutif de l'entité décentralisée, soumet au Ministre ayant des entités décentralisées dans ses attributions, par le biais du Gouverneur de la Province ou le Maire de la Ville de Kigali, avec copie au Ministre.

Le Ministre prépare et soumet via le Conseil des Ministres, un rapport semestriel d'exécution du budget consolidé à la Chambre des Députés au plus tard fin janvier.

CHAPTER VI: EMPRUNT, DETTE, INVESTISSEMENT ET MECANISMES BANCAIRES

Article 49: Objectif et responsabilité de gestion de la dette publique

Les objectifs de gestion de la dette publique consistent à:

1 º s'assurer que les besoins de financement du Gouvernement et le règlement des obligations répondent aux objectifs à moyen terme de la diminution du coût d'endettement;

2 º la minimisation des risques;

3 º guteza imbere isoko ry'imyenda y'imbere mu Gihugu.

Minisitiri ni we wenyine ufite ububasha bwo :

1 º gusaba inguzanyo cyangwa gutanga uruhushya rwo gusaba inguzanyo ku mpamvu zo kuziba icyuho mu ngengo y'imari y'Ubutegetsi Bwite bwa Leta ;

2 º gusaba inguzanyo zihabwa izindi nzego za Leta ;

3 º gutanga no kwemeza ingwate n'ubwishingizi by'inguzanyo ihawe ibigo bya Leta bikozwe n'ibigo by'imari.

Ibigo bya Leta bishobora kuguza ariko byahawe mu nyandiko uruhushya rwa Minisitiri.

Ku nzego z'ibanze, Inama Njyanama ishobora gusaba inguzanyo ariko igakoreshwa gusa mu mishinga y'iterambere kandi byatangiwe uruhushya na Minisitiri.

Icyakora, Minisitiri, akoresheje amabwiriza, ashobora kugena ingano ntarengwa y'amafaranga Inama Njyanama ishobora kuguza bitagombye uruhushya rwa Minisitiri.

<u>Ingingo ya 50</u>: Imicungire y'umwenda wa Leta

Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta, byemejwe na Minisitiri, ashyiraho Komite ishinzwe Gucunga Umwenda.

3 º to promote an active domestic debt market.

The Minister shall be the sole authority:

1 º to borrow or to permit borrowing for purposes of financing the Central Government budget deficit;

2 º to request loans for other public entities;

3 º to give and approve guarantees and security for the loans granted to public institutions by financial institutions.

Public institutions may borrow but with written authorization of the Minister.

For decentralized entities, the Council of each entity may borrow only for development projects and upon authorization of the Minister.

However, the Minister may, through instructions, determine the maximum amount that the Council may borrow without prior authorization from the Minister.

<u>Article 50</u>: Public debt management

The Secretary to the Treasury shall constitute, subject to approval of the Minister, a debt management committee.

3 º favoriser un marché actif de la dette intérieure.

Le Ministre est le seul habilité :

1 º à emprunter ou à autoriser l'emprunt à des fins de financement du déficit budgétaire de l'Administration Centrale;

2 º à obtenir des prêts pour d'autres entités publiques ;

3 º à approuver les garanties et cautions pour les prêts accordés aux établissements publics par les institutions financières.

Les établissements publics peuvent emprunter, mais seulement sur autorisation écrite du Ministre.

Pour les entités décentralisées, le Conseil de chaque entité peut emprunter uniquement pour des projets de développement sur autorisation du Ministre.

Cependant, le Ministre peut, par des instructions, déterminer le montant maximum que le Conseil peut emprunter sans autorisation préalable du Ministre.

<u>Article 50</u>: Gestion de la dette publique

Sur autorisation du Ministre, le Secretaire au Tresor met en place un comité de gestion de la dette.

Komite ishinzwe Gucunga Umwenda ikora inama buri gihembwe kugira ngo isuzume kandi itange inama kuri ibi bikurikira:

1 º ibibazo by'umwenda ;

2 º isubiramo ry'imiterere y'umwenda ;

3 º gahunda za Leta zo gusaba inguzanyo.

Komite ishinzwe Gucunga Umwenda ifite kandi inshingano zikurikira:

1 º gusuzuma uko ikibazo cy'amafaranga gihagaze n'ibisabwa kugira ngo Leta yongere ibone andi mafaranga no gutanga inama ku cyakorwa mu gufata umwenda ukemura ibibazo by'amafaranga.

2 º gutegura no gusaba ko politiki n'imirongo ngenderwaho byerekeye umwenda byemezwa na Minisitiri;

3 º gutegura politiki y'umwenda n'ingamba z'igihe kigufi, igicirirtse n'iz'igihe kirekire byemezwa na Minisitiri;

4 º gutegura imirongo ngenderwaho yo gucunga umwenda ku buryo bukoreshwa n'ibikurikizwa by'ibanze mu gukora isuzuma ry'umwenda

5 º gusuzuma, gukurikirana no kugira inama Minisitiri ku ishyirwa mu bikorwa

The Debt Management Committee shall meet quarterly to examine and advice on the following:

1 º debt issues;

2 º debt restructuring;

3 º Government borrowing programmes;

The Debt Management Committee shall be responsible for the following:

1 º to review liquidity position and funding requirements of Government, advise on financing by debt options.

2 º to propose debt policies and guidelines for the approval of the Minister;

3 º to develope debt policy and strategy for the short, medium and long term for the approval of the Minister;

4 º to develop debt management guidelines on the methodology and key considerations for undertaking debt sustainability analysis;

5 º to review, monitor and advise the Minister on the implementation of the debt

Le Comité de Gestion de la Dette se réunit chaque trimestre pour examiner et donner des conseils sur ce qui suit :

1 º les questions de la dette;

2 º la restructuration de la dette;

3 º les programmes d'endettement du Gouvernement;

Le Comité de Gestion de la Dette a les responsabilités suivantes:

1 º examiner la situation de liquidité du Gouvernement, les exigences de financement et conseiller sur des options de financement par endettement.

2 º proposer des politiques et des lignes directrices d'endettement soumis à l'approbation du Ministre ;

3 º développer la politique et stratégie d'endettement à court, moyen et long terme soumis a l'approbation du Ministre ;

4 º élaborer des lignes directrices de gestion de la dette sur la méthodologie et les principaux critères en vue de procéder à une analyse de viabilité de la dette ;

5 º examiner, surveiller et conseiller le Ministre sur la mise en œuvre de la

ry'ingamba zijyanye n'umwenda;

6 º gusuzuma ibikorwa bijyanye no gutanga amafaranga ajyana n'umwenda nko :

a. gushyiraho inyandiko zikoreshwa ku mwenda wa Leta mu gihe kigufi n'kirekire;

b. gutoranya ubwoko n'imiterere y'inyandiko mvunjwafaranga zigurishwa;

c. uburyo bwo kugurisha no gucuruza inyandiko mvunjwamafaranga;

d. guhitamo kuvugurura imiterere y'umwenda no kugira inama Minisitiri aho bibaye ngombwa;

7 º kumenya ko hashyizweho Agatabo k'Imicungire y'Umwenda, kanagaragaza ibikurikizwa by'ibanze kugira ngo hatangwe inguzanyo igenewe ibikorwa by'iterambere ;

8 º gukurikirana no gushyikiriza Minisitiri raporo ku mwenda wose wa Leta ufitwe n'inzego za Leta n'ibigo bya Leta;

9 º kugira inama Minisitiri ku byerekeye amasezerano n'ubwishingizi by'inguzanyo ziturutse hanze;

strategy;

6 º to review debt financing operations such as:

a. issuance of short and long term public debt instruments;

b. selection of bond types and structure;

c. methods of sale and marketing of bonds;

d. debt restructuring options and advise the Minister where necessary;

7 º to ensure a Debt Management Manual is in place whith documents key procedures for securing development loan financing;

8 º to monitor and report to the Minister on all public debt held by public entities and public institutions;

9 º to advise the Minister on any external loan contracting and guaranteeing;

stratégie de la dette ;

6 º examiner des opérations de financement de la dette tels que :

a. l'émission d'instruments de la dette publique à court et à long terme ;

b. la sélection des types de bons du trésor ;

c. les méthodes de vente et la commercialisation de bons du trésor ;

d. les options de restructuration de la dette et conseiller le Ministre si necessaire;

7 º s'assurer qu'un Manuel de Gestion de la Dette est mis en place et qu'il fournit les procédures clés en vue de garantir le financement de prêt de développement ;

8 º assurer le suivi et soumettre un rapport au Ministre sur toute la dette publique détenue par des entités publiques et des les établissements publics;

9 º conseiller le Ministre sur tout prêt externe et garantie ;

10 ° gusuzuma ibikorwa bijyanye n'imiterere y'urwego harimo imiterere y'ubuyobozi, imiterere y'umurimo ku bacunga umwenda muri Minisiteri hakurikijwe imigirire myiza ku rwego mpuzamahanga;

11 ° gukora indi mirimo yose ifitanye isano n'imicungire y'umwenda bisabwe na Minisitiri.

Komite ishinzwe Gucunga Umwenda igizwe n'aba bakurikira:

1 ° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu muri Minisiteri, Perezida akaba n'ubunyamabanga;

2 ° Umubaruramari Mukuru Wungirije ushinzwe Imicungire y'ikigega cya Leta muri Minisiteri;

3 ° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Igenamigambi mu by'Ubukungu muri Minisiteri;

4 ° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ingengo y'Imari y'Ighugu muri Minisiteri;

5 ° Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubukungu rusange muri Minisiteri;

6 ° Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Inkunga iva hanze muri Minisiteri;

10 ° to review institutional arrangements including management structures, job descriptions for debt managers in the Ministry in accordance with international best practice;

11 ° to perform any functions relating to debt management upon requested by the Minister.

Membership of the Debt Management Committee shall be the following:

1 ° Chief Economist in the Ministry, Chairperson and in charge of the rapporteur;

2 ° Deputy Accountant General – Treasury Management in the Ministry;

3 ° Director General of National Development in the Ministry;

4 ° Director General of National Budget in the Ministry;

5 ° Director of Macroeconomic Unit in the Ministry;

6 ° Director of External Finance Unit in the Ministry;

10 ° examiner les structures institutionnelles y compris les structures de direction, les descriptions des tâches pour les Gestionnaires de la dette au sein du Ministère, conformément aux meilleures pratiques internationales;

11 ° accomplir toutes les fonctions relatives à la gestion de la dette, à la demande du Ministre.

Les membres du Comité de Gestion de la Dette sont les suivants:

1 ° l'Economiste en Chef du Gouvernement au Ministère, Président et Secrétariat;

2 ° le Comptable Général Adjoint Gestion de la Trésorerie au Ministère;

3 ° Directeur Général de la Planification du Development National au Ministère;

4 ° Directeur Général du Budget National au Ministère;

5 ° Directeur de l'Unité Macroéconomique au Ministère;

6 ° Directeur de l'Unité des Finances Extérieures au Ministère;

7 º Umuyobozi ushinzwe Isoko ry'Imari muri Banki Nkuru y'Igihugu, Visi Perezida;

8 º Undi wese ushobora kugenwa na Minisitiri.

<u>Ingingo ya 51</u>: Biro ishinzwe imicungire y'umwenda muri Minisiteri

Minisitiri ashyiraho biro muri Minisiteri ishinzwe imicungire y'umwenda wa Leta ifite inshingano zirimo izi zikurikira:

1 º gutegura ingamba zo gucunga umwenda mu gihe gicirititse na gahunda z'inguzanyo zifasha Leta kugurisha inyandiko mvunjwafaranga zerekeye umwenda wa Leta;

2 º kugira uruhare mu biganiro hagati ya Leta n'abayiguriza no guha Minisitiri inama mu bya tekiniki ku birebana n'umwenda;

3 º gufasha mu kwishyuza ubwishyu bwose harimo inyungu n'andi mafaranga yatanzwe na Leta kubera kubahiriza ingwate zitishyuwe;

4 º gutegurira Minisitiri raporo za buri gihembwe, buri mezi atandatu (6) na buri mwaka zerekeye inguzanyo zitishyuwe n'ingwate zatanzwe n'Ubutegetsi bwite

7 º Director of Financial Markets in the National Bank of Rwanda, Vice-Chairperson;

8 º Any other suitable person as the Minister may consider

<u>Article 51</u>: Debt management function in the Ministry

The Minister shall establish a dedicated function in the Ministry to be responsible for public debt management whose responsibilities shall include the following:

1 º to prepare a medium-term debt management strategy, prepare borrowing plans to facilitate auction of Government debt securities;

2 º to articipate in negotiation meetings with Government creditors, and provide technical support to the attention of the Minister;

3 º to facilitate the recovery of any payments including interest and other costs incurred by Government resulting from outstanding guarantees;

4 º to prepare quarterly, semestrial and annual reports for the Minister on outstanding loan and guarantees by Central Government entities and

7 º Directeur des Marchés Financiers à la Banque Nationale du Rwanda, Vice-Président;

8 º toute autre personne jugée nécessaire, que le Ministre peut désigner.

<u>Article 51</u>: Fonction de gestion de la dette au sein du Ministère

Le Ministre établit au sein du Ministère une fonction consacrée à la gestion de la dette publique dont les responsabilités comprennent notamment :

1 º préparer une stratégie de gestion de la dette à moyen terme, des plans d'endettement en vue de faciliter l'adjudication des titres de la dette publique ;

2 º participer aux réunions de négociation avec les créanciers du Gouvernement et apporter un appui technique au Ministre sur les opérations de la dette publique;

3 º faciliter le recouvrement de tout paiement y compris les intérêts et autres coûts engagés par le Gouvernement résultant du respect des garanties impayées ;

4 º préparation des rapports trimestriels, semestriels et annuels pour le Ministre sur l'encours de la dette et les garanties de l'Administration Centrale et des entités

bwa Leta n'inzego z'Ibanze;

5 º gushyira no kubika ku gihe mu buryo buhujwe kandi bwuzuye no mu buryo bw'ikoranabuhanga inyandiko zerekeye umwenda wa Leta ku gihe mu buryo buhujwe kandi bwuzuye harimo n'amakuru areba umwenda remezo n'inyungu, ingwate n'inguzanyo;

6 º kugira inama Minisitiri ku byerekeye amafaranga azakenerwa mu kwishyura umwenda uteganijwe muri buri ngengo y'imari, kuri servisisi zerekeye inyandiko mvunjafaranga, n'aho ubushobozi bwa Leta bugarukira;

7 º gutegura no gutangaza buri gihe akanyamakuru kerekana imibare yerekeye umwenda ku buryo buhoraho;

8 º gutegura icyegeranyo cyerekeye ibijyana n'umwenda wa Leta n'amafaranga ateganywa kwishyurwa ku mwenda n'azinjira avuye mu nguzanyo mu rwego rwo gutegura ingengo y'imari y'umwaka;

9 º gutegura amakuru arebana n'umwenda nk'uko bisabwa ku mpamvu zo gutanga raporo igenerwa imiryango mpuzamahanga ;

10 º gukusanya, kugenzura no gutanga raporo ku birarane byose bya Leta by'imbere mu Gihugu, kwerekana no gushyiraho

decentralised entities;

5 º to timely keep comprehensive and accurate records of outstanding public debt including information about capital and interest, guarantees and loan in an appropriate database;

6 º to advise the Minister on all debt obligations and limits of Government;

7 º to prepare and publish regularly debt statistical bulletins;

8 º to prepare forecasts on public debt service disbursements and revenues from loan as part of the annual budget preparation;

9 º to prepare debt data as required for reporting purposes to international organizations;

10 º to compile, verify and report on all Government domestic arrears and design a strategy for their repayments;

décentralisées;

5 º tenir à jour des rapports, exhaustif et exacts en rapport avec l'encours de la dette publique, y compris des informations sur le capital et les intérêts, les garanties et les prêts dans une base de données appropriée ;

6 º conseiller le Ministre sur toutes les obligations du service de la dette et les limites de Gouvernement;

7 º préparer et publier régulièrement les bulletins statistiques de la dette ;

8 º préparer des prévisions sur le service de la dette publique et les décaissements dans le cadre de la préparation du budget annuel ;

9 º préparer les données sur la dette tel que requis pour des rapports aux organisations internationales ;

10 º compiler, vérifier et faire rapports sur toutes les arriérés intérieures du Gouvernement et concevoir une stratégie

ingamba zo kubyishyura;

11 ºgukurikirana ko amafaranga y'inguzanyo zasabwe na Leta zishyurwa hakurikijwe ibihe byagenwe byo kwishyura;

12 ºgutegura ihindurwa ry'imyenda ya ngombwa mu nyandiko mvujwamafaranga igihe cyose bigaragara ko ari byo byihuse mu bushobozi bujyana n'inguzanyo kugira ngo hishyurwe ibirarane cyangwa indi myenda yose ishobora kwishyurwa muri ubwo buryo;

13 ºgukora indi mirimo, ifitanye isano no gucunga umwenda yagenwa na Minisitiri.

<u>Ingingo ya 52:</u> Inguzanyo zisabwe n'urwego rw'ibanze n'imyanzuro y'Inama Njyanama ku mwenda

Mu nzego z'ibanze, Inama Njyanama ya buri rwego ishobora gusaba inguzanyo gusa mu birebana n'imishinga y'iterambere byemejwe na Minisitiri.

Icyakora, Minisitiri akoresheje amabwiriza, ashobora kugena amafaranga ntarengwa Inama Njyanama ishobora kuguza bitagombye kubanza gusaba uruhushya rwa Minisitiri.

Umuyobozi w'Inama Njyanama asaba ko Inama Njyanama ifata umwanzuro ujyana na gahunda

11 ºto monitor if the disbursements of loans aquired by Government are in accordance with agreed disbursement schedules;

12 ºto prepare necessary securitization whenever it is deemed expedient within borrowing limits for outstanding arrears or any other liability that shall be settled by securitization;

13 ºto perform any other functions relating to debt management as may be determined by the Minister.

<u>Article 52:</u> Loans by a decentralised entity and Council resolutions on debt

For decentralized entities, the Council of each entity may secure loans only for development projects on authorization by the Minister.

However, the Minister may, by use of instruction, determine the maximum amount that the Council may borrow without prior authorization from the Minister.

The Chairperson of the Council shall request for adoption of a resolution for a debt programme of a

pour le règlement de ces arriérés;

11 ºvérifier que les décaissements de prêts faits par le Gouvernement sont faits conformément au calendrier de décaissement convenu;

12 ºpréparer la titrisation nécessaire chaque fois que cela est jugé opportun dans les limites d'endettement pour des arriérés de dettes ou toute autre obligation devant être réglée par titrisation;

13 ºexercer toute autre fonction liée à la gestion de la dette pouvant être déterminée par le Ministre.

<u>Article 52</u>: Emprunts fait par une entité décentralisée et résolutions du Conseil sur la dette

Pour les entités décentralisées, le Conseil de chaque entité peut, sur autorisation du Ministre, demander des prets uniquement pour des projets de développement.

Toutefois, le Ministre peut, par instruction, déterminer le montant maximum que le Conseil peut emprunter sans autorisation préalable du Ministre.

Le Président du Conseil demande l'adoption d'une résolution pour un programme

y'umwenda ku rwego rw'Ibanze nka kimwe mu bigize gahunda rusange y'iterambere y'Urwego rw'Ibanze asaba ko wemezwa.

Umwanzuro w'Inama Njyanama mu kwemeza gahunda y'umwenda ugomba kuba ufite inyandiko ziwusobanura zikurikira:

1 º gahunda y'iterambere mu gihe gicirirtse irimo imishinga y'ibanze y'iterambere y'urwego rw'ibanze mu bijyanye no gutanga serivisi;

2 º ibisobanuro birambuye ku mishinga y'ibanzey'iterambere igomba guterwa inkunga hafashwe umwenda;

3 º ibisobanuro ku bijyanye n'imari yagenewe iyo mishinga, na raporo z'imari zakozwe z'imyaka itatu (3) yabanje zakorewe ubugenzuzi.

Ubusabe bushyikirizwa Minisitiri kugira ngo yemeze gahunda y'umwenda bugomba kuba burimo ibi bikurikira:

1 º kopi y'umwanzuro w'Inama Njyanama iriho umukono wa noteri;

2 º ibisobanuro bihagije ku mishinga y'ibanze igomba guterwa inkunga hifashishijwe umwenda;

3 º ibisobanuro ku birebana n'imari ku mishinga y'ibanze y'iterambere;

decentralised entity as part of an integrated development plan of the decentralised entity for approval.

A resolution of the council adopted for a debt programme shall be supported by the following documents:

1 º a medium term development plan containing decentralised entity's capital projects for service delivery domain;

2 º a full description of the capital projects of projects to be funded by debt;

3 º a description of financial parameters of the capital projects and audited financial statements for the preceding three (3) years.

Recommendation to the Minister seeking approval of a debt programme must include the following:

1 º a certified copy of a resolution of the Council;

2 º a full description of the capital projects to be funded by the debt;

3 º a description of financial parameters of the capital projects;

d'endettement d'une entité décentralisée comme faisant partie d'un plan de développement intégré de l'entité décentralisée.

Une résolution du Conseil pour adoption d'un programme d'emprunt est appuyée par les documents suivants:

1 º un plan de développement à moyen terme contenant des projets importants de l'entité décentralisée pour les domaines de prestation de services ;

2 º une description complète des projets importants devant être financés par la dette ;

3 º une description des paramètres financiers des projets importants et les rapports financiers audités pour les trois (3) années précédentes.

La demande d'approbation d'un programme d'emrprunt adresée au Ministre doit comporter ce qui suit:

1 º une copie certifiée conforme de la résolution du Conseil ;

2 º une description complète des projets importants devant être financés par la dette ;

3 º une description des paramètres financiers des projets importants ;

4 º gahunda y'iterambere isabirwa umwenda;

5 º impamvu ituma umwenda usabwa;

6 º ibijyane n'ubukungu mu mishinga y'iterambere yatoranyirijwe guterwa inkunga hifashishijwe umwenda;

7 º amafaranga yose akenewe ku mwenda usabwa;

8 º igipimo ntarengwa cy'inyungu, amafaranga asabwa ku murimo wakozwe n'amafaranga y'umufuragiro;

9 º igihe n'uburyo byo kwishyura;

10 º ibiteganywa ku mafaranga azakoreshwa hashingiwe ku mafaranga y'umusaruro bwite;

11 º raporo z'mari zakorewe ubugenzuzi z'imyaka itatu (3) ibanza;

12 º aho ubwishingizi bwo kwishyura umwenda bukomoka;

13 º imiterere y'inguzanyo zitarishyurwa;

14 º ayandi makuru ayo ari yo yose Minisitiri ashobora gusaba.

4 º the development plan for which the debt is requested for;

5 º the purpose for which the debt is requested for;

6 º the economic life of the capital projects financed from the debt;

7 º the maximum principal amount of the debt requested for;

8 º the maximum interest rate, charges and commission fees;

9 º the maturity and repayment terms;

10 º cash flow projections based on generated revenues;

11 º audited financial statements for the preceding three (3) years;

12 º source of security for the repayment of the debt;

13 º status of outstanding loans;

14 º any other relevant information the Minister may require.

4 º le plan de développement pour lequel la dette est demandée;

5 º la raison pour laquelle la dette est émise ;

6 º la viabilité économique des projets importants financés par la dette ;

7 º le montant principal maximum de la dette demandée;

8 º le taux d'intérêt maximum, les charges et frais de commissions ;

9 º l'échéance et les modalités de remboursement ;

10 º les projections de flux de trésorerie sur base de recettes propres ;

11 º les états financiers audités pour les trois (3) années précédentes ;

12 º source de la garantie pour le remboursement de la dette ;

13 º l'état de la dette en cour;

14 º toute autre information pertinente que peut requérir le Ministre

Inyandiko isaba umwenda y'urwego rw'ibanze isuzumwa na Minisiteri hanyuma igatangwaho raporo buri mwaka mu nama y'Ihuriro ry'Inzego za Leta ku mikoreshereze y'ingengo y'imari

A debt proposal for a decentralized entity shall be reviewed by the Ministry and reported every year to the meetings of Intergovernmental Fiscal Relations Forum.

Une proposition d'endettement d'une entité décentralisée est examinée par le Ministère et rapporté chaque année aux réunions du Forum Intergouvernemental des Relations Budgétaires.

Imyenda y'Inzego z'Ibanze nta wundi ibazwa utari Inama Njyanama n'Urwego rw'Ibanze ubwarwo rwayisabye.

Debts of a decentralized entity shall remain the sole obligation of the Council and the decentralized entity.

Les dettes d'une entité décentralisée restent l'obligation du Conseil et de l'entité décentralisée.

Inzego z'ibanze zishyikiriza Minisiteri raporo ya buri gihembwe igaragaza uko umwenda wishyurwa.

Decentralized entities shall submit quarterly report to the Ministry on the debt repayment status.

Les entités décentralisées présentent au Ministère un rapport trimestriel sur l'état des remboursements de la dette.

Inzego z'ibanze zisabwa gushyikiriza Minisitiri inyandiko isaba kuvugurura umwenda kugira ngo yemezwe.

Decentralized entities shall be required to submit to the Minister the proposed debt restructuring for approval.

Les entités décentralisées sont tenus de présenter une proposition de restructuration de la dette au Ministre pour autorisation.

<u>Ingingo ya 53</u>: Ibibujijwe mu gutanga ingwate bikozwe n'inzego z'ibanze

<u>Article 53:</u> Restrictions on pledging of securities by decentralised entities

<u>Article 53</u>: Restrictions sur les garanties de titres émis par des entités décentralisées

Nta bubasha abagize ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bafite bwo gutanga ubwishingizi ariko bashobora kugena ibyatangwaho ingwate ku mwenda.

The members of organs of decentralized entities shall not have powers to give guarantees but may pledge securities for a debt.

Les membres des organes des entités décentralisées n'ont pas le pouvoir de consentir des garanties mais peuvent emettre des titres pour garantir une dette.

Minisitiri ashobora kugena mu nyandiko ibikurikizwa mu gutanga ingwate bikozwe n'inzego z'ibanze.

The Minister may determine in writing the procedures for pledging securities by decentralised entities.

Le Ministre peut déterminer par écrit les procédures de guarantie des titres pour les entités décentralisées.

Urwego rw'ibanze rushobra gutanga ingwate mu gihe hakusanywa amafaranga y'inguzanyo zigenerwa imishinga y'iterambere.

A decentralized entity may pledge securities when raising loan capital for development projects.

Une entité décentralisée peut donner en garantie des titres lorsqu'il s'agit de mobiliser des capitaux d'emprunt pour les projets de développement.

Urwego rw'ibanze rutanga ingwate ku mwenda hashingiwe ku bigenderwaho bishobora

A decentralized entity shall pledge securities for debt on the basis of terms and conditions that the

Une entité décentralisée donne des titres en garanties de la dette en vertu des termes et

gutegekwa na Minisitiri.

Mu gutanga ingwate ku nguzanyo y'urwego rw'ibanze hitabwa kuri ibi bikurikira:

1 º imitungo itimukanwa ifitwe n'urwego rw'ibanze;

2 º indi mitungo yerekeye imari;

3 º umusaruro bwite winjijwe, hatabariwemo inkunga y'imbumbe kandi ifite ibisabwa bigomba kuzuzwa uturuka mu Butegetsi Bwite bwa Leta.

<u>Ingingo ya 54</u>: Kuguza bikozwe n'ibigo bya Leta

Ikigo cya Leta, byemejwe na Minisitiri n'urwego rwacyo rufata ibyemezo, gishobora gusaba inguzanyo y'amafaranga, gutanga ingurane cyangwa ingwate, cyangwa gukora andi masezerano yose atuma kigira inshingano cyuzuza cyangwa cyiyemeza umwenda w'amafaranga kizishyura.

Ikigo cya Leta gishyikiriza Minisitiri inyandiko ikubiyemo inguzanyo cyifuza ku gihe cy'imyaka itatu (3) ibarwa uhereye ku mwaka wa mbere w'ingengo y'imari ya gahunda y'imirimo rusange y'ikigo, na gahunda yacyo y'imirimo rusange kandi kigashyikiriza Minisitiri raporo za buri gihembwe zerekeye inguzanyo nyayo yatswe muri icyo gihembwe, n'amafaranga yose hamwe asigaye ku nguzanyo cyasabye, ndetse

Minister may impose.

Loan security pledges for decentralized entity's shall consider the following:

1 º immovable property owned by a decentralized entity;

2 º financial assets;

3 º a share of own revenues, excluding block and conditional grants from the Central Government.

<u>Article 54</u>: Loan by public institutions

A public institution may, with the approval of the Minister and its decision making organ, borrows money, issue indemnity or security, or enters into any other transaction that binds or may bind that public institution to any future financial commitment.

A public institutions shall submit a three (3) year loan proposal beginning with the first financial year of the corporate plan, with their corporate plan to the Ministry and submit quarterly reports on the loan to the Ministry, reflecting actual loan for that quarter and cumulative balance to date and schedule of loan repayments.

conditions que le Ministre peut imposer.

La mise en garantie des titres pour les prêts de l'entité décentralisée tient compte de ce qui suit:

1 º des biens immobiliers appartenant à une entité décentralisée;

2 º les actifs financiers;

3 º une part de recettes propres, à l'exclusion des subventions globales et conditionnelles provenant du Gouvernement Central.

<u>Article 54:</u> Emprunt des établissements publics

Un établissement public peut, sur autorisation du Ministre et l'organe de décision de cet établissement public, emprunter de l'argent, donner une indemnité ou une garantie, ou conclure toute autre transaction qui lie ou peut lier cette institution publique pour tout engagement financier futur.

L'établissement public soumet au Ministère une proposition d'emprunt de trois (3) ans à compter du premier exercice budgétaire, avec leur plan d'entreprise et soumet au Ministère des rapports trimestriels sur l'emprunt, reflétant l'emprunt réel pour ce trimestre et le solde cumulé à ce jour et le calendrier des remboursements de l'emprunt.

n'ingengabihe yo kwishyura iyo nguzanyo.

Ingingo ya 55: Kwaka inguzanyo bikozwe n'inzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rw'Ubutegetsi bwite bwa Leta amenya ko nta mukozi waka inguzanyo yiyitirira urwego akorera cyangwa ngo atange ubwishingizi, ingwate cyangwa ingurane zitemejwe.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga imari ya Leta atanga raporo y'ibisa n'imyenda byose n'ibyemejwe kwishyurwa byakorewe amasezerano cyangwa bitayakorewe by'Ubutegetsi bwite bwa Leta, bikagaragazwa muri raporo y'imari, iy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ndetse no muri raporo z'umwaka.

Article 55: Loan by Central Government entities

The Chief Budget Manager of a Central Government entity shall ensure that no public servant borrows money on behalf of the entity or issues an unauthorized guarantee, security or indemnity.

The Chief Budget Manager shall report all contingent liabilities, and approved commitments contracted or un-contracted of the Central Government entity in its financial statements, budget execution reports and in its annual report.

Article 55: Emprunts des entités de l'Admnistration Centrale

Le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité de l'Admnistration Centrale s'assure qu'aucun fonctionnaire n'emprunte de l'argent pour le compte de l'entité ou émet une garantie ou une compensation non autorisée.

Le Gestionnaire Principal du Budget rend compte de toutes les passifs éventuels connus et engagements approuvés, contractés ou non, de l'entité de l'Admnistration Centrale dans ses états financiers, des rapports d'exécution du budget et dans son rapport annuel.

Ingingo ya 56: Ikigega Gihurizwamo Amafaranga y'Ubutegetsi bwite bwa Leta

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 8 y'Itegeko Ngenga, mu gucunga Ikigega gihurizwamo amafaranga y'Ubutegetsi Bwite bwa Leta hagenderwa kuri ibi bikurikira:

1 º guhurizwamo amafaranga yose yinjiye n'andi mafaranga ya Leta, harimo inguzanyo ziturutse hanze n'impano zakiriwe na Leta;

2 º nta mafaranga abikuzwa mu Kigega keretse ayagenwe n'itegeko cyangwa ayishyurwa nta mpaka agomba gukurwa

Article 56: Consolidated Fund for Central Government

Subject to provisions of Article 8 of the Organic Law, the following guidance is provided for management of the Consolidated Fund of the Central Government:

1 º it shall comprise of all revenues and other public money , including external loans and grants received by the Government;

2 º no money shall be withdrawn from the Fund except in case of an appropriation by a law or as a

Article 56: Fonds Consolidé de l'Admnistration Centrale

Sous réservе des dispositions de l'article 8 de la Loi Organique, les directives suivantes sont émises pour la gestion du Fonds Consolidé de l'Admnistration Centrale:

1 º il est composé de toutes les recettes et autres fonds publics, y compris les prêts extérieurs et les dons reçus par le Gouvernement;

2 º aucune somme d'argent ne peut être retirée du Fonds sauf en cas de dotation par une loi ou comme un paiement

mu Kigega;

3 º amafaranga ashyirwa mu Kigega agomba gushyirwa kuri konti imwe rukumbi iri muri Banki Nkuru y'Igihugu.

Ingingo ya 57: Ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta cy'urwego rw'ibanze

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 9 y'Itegeko Ngenga:

1 º amafaranga yose yinjiye n'andi mafaranga ya Leta yakiriwe n'urwego rw'Ibanze hakurikijwe itegeko rigena inkomoko y'amafaranga yinjizwa n'imicungire yayo mu nzego z'ibanze ashyirwa mu Kigega gihurizwamo amafaranga ya Leta cy'urwo rwego rw'ibanze;

2 º amafaranga ya Leta yinjijwe cyangwa ayakiriwe hakurikijwe andi mategeko cyangwa amasezerano hagati y'urwego rw'ibanze n'abaterankunga ntashyirwa mu Kigega gihurizwamo amafaranga ya Leta cy'urwo rw'ibanze.

Ingingo ya 58: Inzego z'imiyoborere ya Komite y'Imicungire y'Ikigega cya Leta

Byemejwe na Minisitiri, Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta, ashyiraho Komite y'Imicungire y'Ikigega cya Leta, CGT mu

compulsory payment against the Fund;

3 º money due to the Fund shall be paid into the treasury single account maintained in the National Bank of Rwanda.

Article 57: Consolidated fund of a decentralized entity

Subject to provisions of Article 9 of the Organic Law:

1 º all revenues and other public money received by a decentralized entity in accordance with the law defining sources of revenue and their management in decentralized entities are included in the consolidated fund of the decentralized entity;

2 º revenues or public money received in accordance with any other legislation or through agreement between the decentralized entity and donors are excluded from the consolidated fund of the decentralized entity.

Article 58: Governance structures for Treasury Management Committee

Upon approval by the Minister, The Secretary to the Treasury shall constitute a Treasury Management Committee, CGT in french

obligatoire;

3 º les sommes dues au Fonds sont versées sur le compte unique du trésor ouvert à la Banque Nationale du Rwanda.

Article 57: Fonds consolidé d'une entité décentralisée

Sous réservе des dispositions de l'article 9 de la Loi Organique :

1 º l'ensemble des recettes et d'autres fonds publics reçus par une entité décentralisée conformément à la loi définissant les sources de recettes et leur gestion dans les entités décentralisées sont inclus dans le fonds consolidé de cette entité décentralisée ;

2 º les recettes ou les fonds publics reçus conformément à toute autre loi ou par un accord conclu entre l'entité décentralisée et les bailleurs de fonds sont exclus du fonds consolidé de cette entité décentralisée.

Article 58: Structures de Gouvernance pour le Comité de Gestion du Trésor

Sur approbation du Ministre, le Secrétaire au Trésor constitue un Comité de Gestion du Trésor, CGT sigles.

magambo ahinnye y'Igifaransa.

abbreviation.

CGT ireba ko gahunda z'ubukungu rusange za Leta yari yiyemeje ku mwaka zashyizwe mu bikorwa kandi zikurikiranwa uko bikwiye nk'uko byateganyijwe.

CGT shall ensure that the annual macroeconomic programme of Government is implemented and monitored diligently using all targets and benchmarks.

CGT s'assure que le programme macroéconomique annuel du Gouvernement est mis en application et est fait l'objet de suivi avec diligence au moyen de tous les objectifs et des repères définis.

Gahunda y'ubukungu rusange igaragaza ibigenderwaho bya ngombwa, intego, uburyo buzakoreshwa n'ibisabwa byerekeye amakuru ajyana na za raporo yifashishwa mu gukurikira gahunda.

The macroeconomic programme shall contain necessary benchmarks, targets, modalities, and data reporting requirements for the monitoring of the programme.

Le programme macroéconomique contient des repères nécessaires, les objectifs, les modalités et les exigences de rapports de données pour le suivi du programme.

CGT igizwe n'aba bakurikira:

1 º Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta, Perezida;

2 º Umuyobozi ushinzwe Ubukungu muri Banki Nkuru y'Igihugu, Visi-Perezida;

3 º Umuyobozi ushinzwe Imicungire y'Amafaranga, muri Banki Nkuru y'Igihugu;

4 º Umuyobozi ushinzwe ibijyanye no kwishyura muri Banki Nkuru y'Igihugu;

5 º Umubitsi Mukuru wa Leta, muri Banki Nkuru y'Igihugu;

6 º Umubaruramari Mukuru, muri Minisiteri;

CGT shall comprise of the following:

1 º the Secretary to the Treasury, Chairperson;

2 º the Chief Economist at National Bank of Rwanda, Deputy Chairperson;

3 º Director of Monetary Operations, at the National Bank of Rwanda;

4 º Director of Payments at the National Bank of Rwanda;

5 º Government Chief Cashier, at the National Bank of Rwanda;

6 º the Accountant General, at the Ministry;

CGT est composé des membres suivants:

1 º le Secrétaire au Trésor, Président;

2 º L'Economiste en Chef à la Banque Nationale du Rwanda, le Vice-Président;

3 º le Directeur des opérations monétaires, à la Banque Nationale du Rwanda;

4 º le Directeur des paiements à la Banque Nationale du Rwanda;

5 º le Caissier en Chef du Gouvernement à la Banque Nationale du Rwanda ;

6 º le Comptable Général au Ministère;

7 º Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubukungu, muri Minisiteri;

8 º Ushinzwe Gahunda z'Amafaranga mu Biro bishinzwe Imicungire y'Ikigega cya Leta muri Minisiteri, Umunyamabanga wa Komite;

9 º Umuyobozi ushinzwe Igenamigambi, mu Kigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro;

10 º Umuyobozi ushinzwe Ishami ry'Ubukungu rusange, muri Minisiteri;

11 º Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ingengo y'imari y'Igihugu, muri Minisiteri;

12 º Umuyobozi ushinzwe Amafaranga ava hanze muri Minisiteri;

13 º Umubaruramari Mukuru Wungirije, ushinzwe Imicungire y'Ikigega cya Leta muri Ministeri;

14 º Umubaruramari Mukuru Wungirije, ushinzwe Ibaruramari rya Leta muri Minisiteri;

15 º undi mukozi wese Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta ashobora kubona abikwiye.

CGT ifite inshingano zikurikira:

1 º kureberera, kugenzura no kugira inama

7 º the Chief Economist, at the Ministry;

8 º Head of cash planning at the Ministry's Treasury Management Function-Secretary to the Committee;

9 º Director of Planning, at the Rwanda Revenue Authority;

10 º Director of Macroeconomic Department at t the Ministry;

11 º Director General of National Budget Department, at the Ministry;

12 º Director of External Finance at the Ministry;

13 º Deputy Accountant General, Treasury Management Function at the Ministry;

14 º Deputy Accountant General in charge of Public Accounts Unit at the Ministry;

15 º any other public officer the Secretary to the Treasury considers suitable.

CGT shall perform the following duties:

1 º to oversee, monitor, and advise the

7 º L'Economiste en Chef au Ministère ;

8 º le Responsable de la Planification de Trésorerie au sein de la Fonction de Gestion du Trésor du Ministère Secrétaire du Comité ;

9 º le Directeur de la Planification á l'Office Rwandais des Recettes ;

10 º le Directeur du Département de Macro-économie au Ministère ;

11 º le Directeur Général du Département National du Budget au Ministère

12 º le Directeur des Finances Externes au Ministère ;

13 º le Comptable Général Adjoint, Gestionnaire du Trésor de l'Etat au Ministère ;

14 º le Comptable Général Adjoint, chargé de l'Unité des Comptes de l'Etat au Ministère ;

15 º tout autre agent de l'Etat que le Secrétaire au Trésor juge compétent.

CGT exerce les attributions suivantes:

1 º superviser, suivre et conseiller le

Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka hagendewe ku bihe byateganyijwe no kuri gahunda y'uko amafaranga yinjira n'uko akoreshwa mu nzego za Leta;

2 º kwemeza no gukora isuzuma rihoraho kuri za gahunda z'amafaranga yose hamwe yinjiye n'ayakoreshejwe;

3 º gukora ihuzabikorwa nyaryo hagati y'abafatanyabikorwa b'ibanze bashinzwe gukusanya no gutanga amafaranga ya Leta;

4 º gusuzuma no kwemeza gahunda z'inguzanyo zatanzwe na Komite ishinzwe Imicungire y'Imyenda;

5 º gutanga inama ku bindi bibazo byose bifitanye isano kugira ngo habeho imiterere y'ubukungu rusange itajegajega.

<u>Ingingo ya 59</u>: Ubugenzuzi bw'ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta

Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta afite mu nshingano ze imicungire ikwiye kandi ikora neza ku Kigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta cy'Ubutegertsi bwite bwa Leta kandi amenya ko gifite amafaranga ahagije kugira ngo ibikenera amafaranga bikorwe.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'urwego

Secretary to the Treasury on in-year budget execution on a periodic basis and on cash flow planning and expendutures in public entities;

2 º to approve and conduct regular review of consolidated revenue and expenditure plans;

3 º to ensure effective coordination between key stakeholders responsible for collecting and spending public money;

4 º to analyse and approve loan plans submitted by Debt Management Committee;

5 º to advise on any realated matters to ensure stable macroeconomic framework.

<u>Article 59</u>: Control of the consolidated funds

The Secretary to the Treasury is responsible for the effective and efficient management of the Central Government Consolidated Fund and shall ensure that the Fund has enough moneys to meet cash requirements.

The Executive Secretary of a decentralized entity

Secrétaire au Trésor sur l'exécution budgétaire annuelle d'une façon périodique, et sur base de la planification du flux de trésorerie et des dépenses des entités publiques;

2 º approuver et faire une évaluation régulière des plans consolidés de recettes et de dépenses ;

3 º assurer une coordination efficace entre les partenaires responsables de la collecte et des dépenses des fonds publics ;

4 º analyser et approuver les plans d'endettements soumis par le Comité de Gestion de la Dette ;

5 º donner conseil sur toutes questions apparentes pour assurer un cadre macro-économique stable.

<u>Article 59:</u> Contrôle des fonds consolidés

Le Secrétaire au Trésor est responsable de la gestion efficace et efficiente du Fonds Consolidé de l'Admnistration Centrale et veille à ce que ce fonds ait suffisamment d'argent pour répondre aux besoins de trésorerie.

Le Secrétaire Exécutif d'une entité décentralisée

rw'ibanze ashinzwe imicungire inoze y'Ikigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta cy'urwego rw'ibanze kandi akamenya ko gifite amafaranga ahagije agenewe ibyemejwe kwishyurwa ndetse n'andi yose asabwa na za banki mu micungire ya konti.

Ingingo ya 60: Amahame ngenderwaho mu micungire y'amafaranga

Kugira ngo habeho imicungire ikwiye y'amafaranga, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta ashyiraho uburyo bufasha mu kumenya neza ko urwego rwa Leta:

1 º rwakira amafaranga mu gihe cyagenwe kandi rugahita ruyabitsa mu buryo bwihuse kuri konti muri banki;

2 º rwishyura harimo no kohereza amafaranga izindi nzego za Leta n'izitari iza Leta, mu buryo bwa ngombwa uko bisabwa;

3 º rwirinda kwishyura mbere ibicuruzwa na serivisi keretse bisabwa ukundi mu buryo bw'amasezerano yagiranwe n'ugemura cyangwa utanga serivisi;

4 º rureba inyungu zivuye mu igabanywa ry'ibiciro bitewe no kwishyura mbere aho biteganyijwe muri gahunda y'ibikenewe;

is responsible for efficient management of the Consolidated Fund and ensure that the consolidated fund of the decentralized entity has sufficient money for approved expenditure and for meeting other bank charges.

Article 60: Fundamental principles for cash management

In order to ensure sound cash management, the Chief Budget Manager shall put in place mechanisms to ensure that the public entity:

1 º collects revenue when it is due and banking it promptly;

2 º provides payments, including transfers to other levels of Government and non-Government entities, as soon as waranted;

3 º avoids prepayments for goods or services, unless required by the contractual arrangements with the supplier;

4 º takes advantage of any discounts offered provided early payments were included in the expenditure plans;

est responsable de la gestion efficace du Fonds Consolidé de cette entité decentraliséeleur et veille à ce que ce fond consolidé ait suffisamment d'argent pour les dépenses approuvées et pour répondre à tout autres frais bancaires.

Article 60: Principes fondamentaux pour la gestion du trésor

Afin de s'assurer qu'il y a une gestion saine du trésor, le Gestionnaire Principal du Budget met en place des mécanismes pour s'assurer que l'entité publique:

1 º collecte à temps les recettes quand cela est exigé et les dépose sans délai sur le compte bancaire;

2 º effectue des paiements, y compris les transferts à d'autres niveaux des entités gouvernementales et non gouvernementales, aussitôt que nécessaire ;

3 º evite de faire des paiements anticipés pour les biens ou services, à moins qu'il en soit requis par les dispositions contractuelles avec le fournisseur;

4 º jouisse d'une quelconque réduction consentie prévue par paiements anticipés qui inclus dans les plans de dépenses ;

5 º rukurikirana abafite imyenda ku buryo buhamye kugira ngo hizerwe ko amafaranga agomba kwishyurwa Leta yakiriwe kandi yahise ashyirwa kuri konti;

6 º ruteganya mu buryo buboneye imikoreshereze y'amafaranga kugira ngo hakorwe ibishoboka kugira ngo huzuzwe inshingano zirebana n'imicungire y'amafaranga;

7 º rumenya agaciro k'igihe mu micungire y'amafaranga;

8 º rufata izindi ngamba zose zituma hatabaho kubika amafaranga bitari ngombwa kandi n'igihe bidakwiye, nko gucunga ibikoresho mu bubiko ku kigero gikenewe kugira ngo habeho gahunda yo gutanga serivisi nziza kandi ihamye, kandi hagurishwa ibikoresho byasagutse cyangwa bitagikoreshwa;

9 º rukora buri munsi ihuzwa ry'imibare ku makonti kugira ngo harebwe niba nta mafaranga atemewe yinjijwe;

10 º rumenya neza ko sheki zitishyuwe zikurikiranwa ku buryo bwihuse;

11 º rushyiraho gahunda ihamye yo gutandukanya inshingano kugira ngo hagabanywe bishoboka ubujura,

5 º pursues debtors with rigour to ensure that amounts receivable are collected and banked promptly;

6 º provides realistic cash flow forecasting in order to optimise cash management responsibilities;

7 º recognises the time value of money principles as part of cash management;

8 º takes any other action that avoids locking up money unnecessarily and inefficiently, such as managing inventories to the minimum level necessary for efficient and effective programme delivery, and selling surplus or under-utilised assets;

9 º performs bank reconciliation on a daily basis to detect any unauthorised entries;

10 º ensures that dishonoured cheques are followed up immediately;

11 º puts in place adequate mechanism to separate duties inorder to minimise opportunities for fraud, errors and

5 º poursuive les débiteurs avec rigueur afin de s'assurer que les montants à recouvrer sont collectés et déposés en banques sans délai sur le compte bancaire;

6 º fasse des prévisions réalistes sur la trésorerie afin d'optimiser les responsabilités de gestion de trésorerie;

7 º prenne en compte la valeur du temps dans les principes monétaires dans le cadre de la gestion de la trésorerie;

8 º prenne toute autre action de nature à éviter de thésauriser l'argent inutilement et inefficacement, telle que la gestion des stocks au niveau minimum nécessaire pour l'exécution efficace et effective du programme et la vente de surplus ou des actifs sous-utilisés ;

9 º effectue une réconciliation bancaire quotidiennement pour détecter toute entrée non autorisée;

10 º fasse immédiatement le suivi des chèques impayés;

11 º mette en place une séparation adéquate des tâches pour minimiser les possibilités de fraude, d'erreurs et

amakosa cyangwa ibyibagirana.

<u>Ingingo ya 61:</u> Imicungire y'amafaranga n'imikoranire n'ama banki

Imikoranire n'amabanki n'inzego za Leta ikurikiza uburyo bukoreshwa n'amabanki n'amahame agenga gahunda ya konti imwe rukumbi y'imari ya Leta.

Imiterere ya konti y'Ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta igizwe na konti imwe nkuru iri muri Banki Nkuru y'Igihugu, izindi konti ntoya ziyishamikiyeho, na za konti z'umwihariko aho biri ngombwa kugira ngo horoshywe imicungire y'icyo kigega.

Umubaruramari Mukuru ashobora gutanga uburenganzira bwo gushyiraho izindi konti ntoya z'inyongera kandi akagena ibikurikizwa akurikije akamaro bifite.

Ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta cya buri nzego za Leta gifunguza konti muri banki ifite imiterere ya konti imwe nkuru muri Banki Nkuru y'Igihugu.

Imisoro yose yoherezwa iva mu Butegetsi Bwite bwa Leta ishyirwa kuri konti yagenwe y'Ikigega gihurizwamo Amafaranga ya Leta cy'urwego rw'ibanze.

Igihe ibikorwa by'imicungire y'amafaranga y'urwego rwa Leta isaba ko hifashishwa konti muri banki itandukanye, Minisitiri ashobora

ommissions.

<u>Article 61:</u> Cash management and banking arrangements

Banking arrangements for public entities shall comply with the banking system and the principles of the treasury single account system.

The bank account configuration for the Consolidated Fund shall include the main bank account with the National Bank of Rwanda, sub-accounts and special accounts as may be appropriate to facilitate the management of the Fund.

The Accountant General may authorize additional sub-accounts and determine terms and conditions as he or she considers necessary.

Each public entitys' consolidated fund shall have a bank account configuration that consists of a main bank account with the National Bank of Rwanda.

All fiscal transfers from the Central Government shall be deposited into the designated bank account of the consolidated fund of the decentralized entity.

If the financial management operations of a public entity necessitate a separate bank account, the Minister may approve opening of a sub account

d'omissions.

<u>Article 61:</u> Gestion de la trésorerie et mécanismes bancaires

Des mécanismes bancaires pour les entités publiques suivent le système bancaire et les principes du système de compte unique du trésor.

La configuration de compte bancaire pour le Fonds Consolidé comprend un compte bancaire principal à la Banque Nationale du Rwanda, des sous comptes et des comptes spéciaux, le cas échéant, pour faciliter la gestion de ce fonds.

Le Comptable Général peut autoriser des sous-comptes supplémentaires et préciser les modalités et les conditions qu'il juge nécessaires.

Le Fonds Consolidé de chaque entité publique a une configuration de compte en banque qui comprend un compte bancaire principal à la Banque Nationale du Rwanda.

Tous les transferts d'impôts de l'Administration centrale sont déposés sur le compte bancaire désigné du fonds consolidé de l'entité décentralisée.

Si les opérations de gestion financière d'une entité publique nécessitent un compte bancaire distinct, le Ministre peut approuver l'ouverture d'un sous-

gutanga uburenganzira bwo gufungura indi konti ntoya ishingiye kuri konti imwe rukumbi y'ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta.

within the treasury single account arrangement of the consolidated fund.

compte dans le cadre de l'arrangement du compte unique du Trésor du fonds consolidé.

Ingingo ya 62: Inshingano zo gufunguza konti muri banki

Umubaruramari Mukuru ni we wenyine uhawe ububasha bwo gutanga uburenganzira bwo gufunguza cyangwa gufungisha konti z'inzego za Leta.

Nta rwego rwa Leta rushobora gufunguza konti muri Banki Nkuru y'Igihugu cyangwa mu kigo cy'imari icyo ari cyo cyose harimo no guhindura abashinzwe gusinyira amafaranga bitemejwe mu nyandiko n'Umubaruramari Mukuru.

Gufunguza konti muri banki hanze y'Igihugu bikozwe n'urwego rwa Leta cyangwa ikigo cya Leta bibanza kwemezwa n'Umubaruramari Mukuru.

Article 62: Responsibility for opening of bank accounts

The Accountant General is the sole delegated authority with the responsibility for authorizing the opening and f closing of bank accounts of public entities.

No public entity shall open a bank account in the National Bank of Rwanda or in any financial institution including making changes to the bank account signatories without written authorization of the Accountant General.

Opening of bank account outside the country by a public entity and public institution shall require prior approval of the Accountant General.

Article 62: Responsabilité pour l'ouverture des comptes bancaires

Le Comptable Général est le seul ayant l'autorité déléguée d'autoriser l'ouverture et la fermeture des comptes bancaires des entités publiques.

Aucune entité publique ne peut ouvrir un compte bancaire à la Banque Nationale du Rwanda ou dans n'importe quelle institution financière, y compris les changements des signataires des comptes bancaires sans l'autorisation écrite du Comptable Général.

L'ouverture d'un compte bancaire en déhors du pays par une entité publique et un établissement public requiert l'approbation préalable du Comptable Général.

Ingingo ya 63: Ubugenzuzi ku mikoranire n'amabanki

Umubaruramari Mukuru abika inyandiko za konti zose zo muri banki ku nzego za Leta zose.

Bisabwe n'Umubaruramari Mukuru, Banki Nkuru y'Igihugu itanga urutonde rw'amakonti yose Leta ifite.

Article 63: Oversight of banking correlations

The Accountant General shall maintain a record of all bank accounts for all public entities.

Upon the request of the Accountant General, the National Bank of Rwanda shall provide a list of Government accounts it maintains.

Article 63: Surveillance des correlations bancaires

Le Comptable Général tient un registre de tous les comptes bancaires pour toutes les entités publiques.

A la demande du Comptable Général, la Banque Nationale du Rwanda fournit une liste des comptes publics qu'elle maintient.

Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta atanga ibisobanuro birambuye kuri konti zose zifitwe n'urwego muri raporo y'imari.

Konti z'urwego rwa Leta ntizigomba kwakirwaho inguzanyo cyangwa gutangirwaho indi avansi z'igihe gito zitanzwe na Banki nta ruhushya rwatanzwe mbere na Minisitiri.

Ingingo ya 64: Ishyirwaho ry'ibiro bishinzwe imicungire y'ikigega cy'imari muri Minisiteri

Hashyizweho ibiro bishinzwe imicungire y'ikigega cy'imari muri Minisiteri ikuriwe n'Umubaruramari Mukuru.

Ku birebana n'imicungire y'amafaranga, ibyo biro bishinzwe imicungire ihamye y'amafaranga ya Leta mu murongo w'amahame yagenwe muri iri teka iri teka hakorwa ibi bikurikira:

1 º gutegura gahunda y'umwaka ihujwe y'amafaranga ikurikira ingengo y'imari yemejwe hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n'inzego za Leta kandi hakagaragaramo uburyo amafaranga azinjizwa akanasohoka buri kwezi na buri gihembwe hanarimo ingamba zerekeye ibyihutirwa zigaragaza ingaruka zabaho hagize amafaranga abura cyangwa abaye menshi muri gahunda y'ikoreshwa ry'amafaranga;

Each Chief Budget Manager shall provide in a financial report details of all bank accounts an entity holds.

Bank accounts of a public entity shall not issue out loans or effect any temporary advances without prior permission of the Minister.

Article 64: Establishment of treasury management function in the Ministry

A treasury management function under the supervision of an Accountant General shall be established in the Ministry.

With regards to cash management, the function shall ensure efficient management of Government cash resources in line with the principles outlined in this Order, by performing the following functions:

1 º to prepare an annual consolidated expenditure plan considering the adopted annual budget, based on inputs provided by public entities whose projected cash inflows and cash outflows on a monthly or quarterly basis shall include contingency measures, outlining what the consequences of shortfalls or surpluses would be to the expenditure plan;

Chaque Gestionnaire Principal du budget fournit, dans un rapport financier, les détails de tous les comptes bancaires que l'entité détient.

Les comptes bancaires d'une entité publique ne doivent pas être à découvert, et aucune avance temporaire ne peut être obtenue de la banque sans l'autorisation préalable du Ministre.

Article 64: Mise en place de la fonction de gestion de trésorerie au sein du Ministère

Une fonction de gestion de trésorerie sous la supervision du Comptable Général est établie au sein du Ministère.

En ce qui concerne la gestion de trésorerie, la fonction est chargée d'assurer une gestion efficace des ressources de trésorerie du Gouvernement en conformité avec les principes énoncés dans le présent arrêté, en exerçant les attributions suivantes:

1 º préparer un plan de dépenses annuelle consolidées selon le budget annuel adopté basé sur les contributions fournies par des entités publiques contenant des entrées de trésorerie projetées et les sorties de fonds mensuelles ou trimestrielles, qui comprend des mesures d'urgence et décrit des conséquences de déficits ou des excédents qui pourraient être par rapport au plan de dépenses ;

2 º guhuza amafaranga yinjira n'asohoka mu nzego zose za Leta kugira ngo habeho uburyo buhamye bw'imikurikiranire y'amakuru ashingirwaho mu gufata ibyemezo ;

3 º gutegura buri kwezi gahunda ihujwe y'imicungire y'amafaranga ya buri kwezi hashingiwe ku nyandiko zigaragaza amafaranga asohoka atangwa n'inzego;

4 º kwerekana uko amafaranga yinjira buri gihembwe ku buryo bushobora guhuzwa cyangwa amafaranga ateganywa gukoreshwa ku kwezi kwa mbere kw'igihembwe gikurikira bikareberwaho muri gahunda y'imicungire y'amafaranga n'imikoreshereze y'ayo y'amafaranga;

5 º gukomeza imikoranire na Banki Nkuru y'Igihugu no kugira inama Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta ku mafaranga akwiye agomba gusigara kuri konti imwe rukumbi y'imari ya Leta

6 º gushyikiriza buri gihe Komite ishinzwe Imicungire y'Ikigega cya Leta raporo igaragaza uko amafaranga akoreshwa ugereranyije na gahunda z'imicungire y'uko amafaranga yinjira, kandi inerekana ikinyuranyo n'ingamba zikosora mu gihe hari ikinyuranyo;

7 º gukurikirana amafaranga asigaye kuri konti n'uko amafaranga menshi yinjira cyangwa

2 º to consolidate revenues and expenditures of public entities in order to provide a reliable and forward-looking information that forms the basis for decision making processes;

3 º to prepare, on a monthly basis, a consolidated monthly cash flow plan based on data expendutures from spending entities;

4 º to produce a quarterly rolling cash flow or expenditure projections of the first month in advance as an operational cash or expenditure plan;

5 º to maintain liaison with the National Bank of Rwanda and advise the Secretary to the treasury on adequacy of balance in the treasury single account;

6 º to submit a regular report to the Treasury Management Committee showing actual outturn compared to the planned cash flows, showing variances and remedial measures in case of negative variances;

7 º to monitor bank balances and major cash movements in the Consolidated Fund

2 º consolider les recettes et les dépenses des entités publiques en vue de fournir une information fiable et prospective qui constitue la base pour la prise de décisions;

3 º préparer mensuellement un plan de trésorerie mensuel consolidé fondé sur les données de dépenses des entités ;

4 º produire un flux de trésorerie trimestriel ajustable ou les prévisions de dépenses avec le premier mois en avance étant une trésorerie de fonctionnement ou un plan des dépenses ;

5 º assurer la liaison avec la Banque Nationale du Rwanda et conseiller le Secrétaire au Trésor sur l'adéquation de solde dans le compte unique du trésor ;

6 º transmettre un rapport régulier au Comité de Gestion de Trésor montrant l'exécution réelle par rapport aux flux de trésorerie prévus et montrant les écarts et les mesures correctives en cas d'écarts négatifs;

7 º faire le suivi des soldes bancaires et les principaux mouvements de trésorerie dans

asohorwa mu Kigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta kugira ngo hasuzumwe ko acungwa mu buryo bukwiye;

8 º kugenzura uko amafaranga yinjira, uko yishyurwa n'uko ikigega gihagaze buri munsi.

<u>Ingingo ya 65:</u> Kwakira no kubitsa amafaranga ya Leta

Amafaranga yose yakiriwe n'Urwego rwa Leta agomba gushyirwa mu Kigega gihurizwamo amafaranga ya Leta binyuze kuri konti muri banki yiswe Ikigega Gihurizwamo Amafaranga ya Leta cyangwa konti ziyishamikiyeho kandi akandikwa hakurikijwe imiterere yagenwe muri gahunda y'ibaruramari yemejwe.

Amafaranga yose yakiriwe n'Urwego rwa Leta, abikwa buri munsi muri banki kuri konti yabugenewe.

Buri mukozi w'urwego rwa Leta wakusanyije cyangwa wakiriye amafaranga ya Leta yandika ibikurikira mu gitabo cyabugenewe:

1 º itariki amafaranga yakiriweho n'igihe yashyiriwe kuri konti;

2 º umubare w'amafaranga yakiriwe cyangwa yashyizwe kuri konti;

3 º inkomoko cyangwa ubwoko bw'amafaranga

Account to ensure that they are managed in an efficient manner;

8 º to monitor receipts, payments and the daily cash position.

<u>Article 65</u>: Collection and deposit of public funds

All money received by a public entity shall be paid into a consolidated fund by depositing it into a bank account designated as the consolidated fund or its sub accounts and recorded in accordance with the coding specified in the approved Chart of Accounts.

All revenues received by a public entity shall be deposited daily on a designated bank account.

Every public officer who collects or receives public fund shall record the following information in a cash book:

1 º the date of every receipt and deposit;

2 º the amount received or deposited;

3 º the source or type of public fund;

le compte du Fonds Consolidé afin de s'assurer qu'ils sont gérés de manière efficace;

8 º contrôler des recettes, des paiements et la position quotidienne de trésorerie

<u>Article 65</u>: Collecte et dépôt des fonds publics

Toutes les sommes reçues par une entité publique sont versées dans un fonds consolidé en les déposant sur un compte bancaire désigné comme fonds consolidé ou sur ses sous comptes et enregistré conformément au code spécifié dans le plan comptable approuvé.

Toutes les recettes perçues par une entité publique sont quotidiennement déposées en banque sur un compte bancaire désigné.

Tout agent public qui collecte ou reçoit des fonds publics enregistre dans un livre de caisse les informations suivantes:

1 º la date de chaque reçu et dépôt ;

2 º les montants reçus ou déposés ;

3 º la source ou le type de fond public ;

ya Leta yakiriwe;

4° andi makuru yose asabwa ku mpamvu z'icungamari, iz'ibaruramari n'iz'ubugenzuzi.

Buri rwego rwa Leta rushyiraho gitansi zifite nimero zizwi cyangwa inyandiko igaragaza mu buryo bwihuse amafaranga ya Leta ayo ari yo yose yakusanyijwe cyangwa yakiriwe.

Nta rwego rw'ibanze rwakira mu buryo butaziguye amafaranga yoherejwe n'Ubutegetsi bwite bwa Leta mu rwego rwo kwishyurwa. Ayo mafaranga yoherezwa mu buryo bw'ingengo y'imari yagenewe urwego rw'ibanze binyuze mu Kigega gihurizwamo amafaranga ya Leta bisabwe kandi Urwego rw'Ubutegetsi bwite bwa Leta bukayohereza.

Amafaranga yakusanyijwe n'urwego rwa Leta, atagira aho abarizwa mu itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta agomba na yo gushyirwa kuri konti imwe rukumbi y'Urwego rwa Leta hanyuma na yo akandikwa mu gitabo cy'imari cy'urwo rwego. Ibi binareba amafaranga yakiriwe aturutse muri serivisi ikigo cyahaye urundi rwego rwa Leta.

<u>Ingingo ya 66:</u> Ishoramari ry'amafaranga yasagutse

Umubaruramari Mukuru ashobora gutegura inyandiko igaragaza uko umutungo w'imari uhagaze kandi akagena buri gihembwe

4° all other information required for identification, accounting or audit purposes.

Every public entity shall issue an official pre-numbered receipt or promptly acknowledge any public fund collected or received.

No decentralized entity may receive a transfer payment from a Central Government entity directly. Such funds shall be processed as a budgetary appropriation to the decentralized entity from the Consolidated Fund on request by a transfer from the Central Government entity.

Money collected by a public entity, not classified as revenue in the state finance law, shall also be paid into the public entity's main account and accounted for in its ledger. This includes fund received for agency services provided to another public entity.

<u>Article 66</u>: Investment of surplus funds

The Accountant General may prepare a liquidity position and determine quarterly surplus balances in the treasury single account

4° toute autre information requise à des fins d'identification, de comptabilité ou d'audit.

Chaque entité publique délivre un reçu officiel pré- numéroté ou accusé de réception direct pour tout fond public perçu ou reçu.

Aucune entité décentralisée ne peut recevoir un transfert de paiement directement issu d'une entité de l'Adminitration Centrale. De tels fonds sont traités comme dotation budgétaire à l'entité décentralisée provenant du Fonds Consolidé sur demande, par un transfert de l'Administration Centrale.

Les sommes perçues par une entité publique, qui ne sont pas classées comme recettes dans la loi des finances de l'Etat, sont également versées sur le compte principal de l'entité publique et comptabilisées dans son grand livre. Ces dernières comprennent les fonds reçus pour services d'agences fournis à une autre entité publique.

<u>Article 66</u>: Placement des fonds excédentaires

Le Comptable Général peut préparer une position de liquidité et déterminer trimestriellement les soldes arrêtés de trésorerie dans le système de

amafaranga yasagutse ari kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cy'imari ya Leta adafite icyo ateganyirijwe ko yakoreshwa mu ishoramari hakurikijwe inzira z'ishoramari zemejwe.

system for investment in accordance with approved investment framework.

compte unique du trésor pour le placement conformément au cadre d'investissement approuvé.

Umubaruramari Mukuru ashobora gutegura gahunda y'ishoramari ry'igihe gito ashingiye kuri raporo igaragaza uko umutungo w'amafaranga uhagaze na gahunda y'ishoramari kugira ngo bisuzumwe na Komite ishinzwe Imicungire y'Ikigega cy'Imari ya Leta.

The Accountant General may prepare a short term investment plan on the basis of the liquidity position assessment report and investment framework for consideration by the Treasury Management Committee.

Le Comptable Général peut préparer un plan d'investissement à court terme sur base du rapport d'évaluation de la position de liquidité et d'un cadre d'investissement pour examen par le Comité de Gestion de Trésorerie.

Gahunda y'ishoramari ry'igihe gito ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo isaba ko gukoresha amafaranga yasagutse adafite ikindi yateganyirijwe gukoreshwa byubahiriza amahame akubiye muri gahunda y'ishoramari.

The short term investment plan referred to in Paragraph two of this Article shall seek to make the most efficient use of unplanned for surplus cash in accordance with principles provided in the investment framework.

Le plan d'investissement à court terme visé à l'alinéa deux du présent article requiert l'utilisation la plus efficace des soldes de trésorerie arrêtées conformément aux principes énoncés dans le cadre de l'investissement.

Gahunda y'igihe kigufi ishobora no kubamo kongera kugura inyandiko mvunjwafaranga cyangwa izindi nyandiko z'agaciro faranga zitangwa na Banki Nkuru y'Igihugu mu izina rya Leta cyangwa ishoramari mu nyandiko z'agaciro faranga mu gihe gito bisabwe na Komite ishinzwe Imicungire y'Ikigega cy'Imari ya Leta.

The short term plan may include the re-purchase of Treasury bills or other financial instruments issued by the National Bank of Rwanda on behalf of the Government or investment in short term financial instruments recommended by the Treasury Management Committee.

Le plan à court terme peut inclure le rachat de bons du trésor ou d'autres instruments financiers émis par la Banque Nationale du Rwanda pour le compte du Gouvernement ou d'investissement dans des instruments financiers à court terme recommandé par le Comité de Gestion de Trésorerie.

Minisitiri abanza gutanga uruhushya mbere yo gutangira gushyira mu bikorwa gahunda y'ishoramari ry'igihe gito ryatanzwe muri iri Teka.

The approval of the Minister shall be obtained before implementation of the short term investment plan provided for in this Order.

L'approbation du Ministre est obtenue avant la mise en application du plan d'investissement à court terme prévu dans le présent Arrêté.

Ingingo ya 67: Ishoramari ry'amafaranga yasagutse bikozwe n'inzego z'ibanze

Inzego z'ibanze zishobora gukoresha by'agateganyo mu ishoramari amafaranga yasagutse.

Amafaranga yagiye asaguka buri gihe adafite icyo yagenewe gukora agenerwa icyo gukora na Komite Nyobozi byatanzwemo inama n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ishoramari rikozwe n'urwego rw'ibanze rikurikiza gahunda y'ishoramari yateguwe na Komite Nyobozi kandi ikemezwa n'Inama Njyanama na Minisitiri.

Minisitiri atanga imirongo rusange ngenderwaho rusange ku ishoramari ryo mu nzego z'ibanze.

Ingingo ya 68: Abasinya ku makonti

Urwego rwa Leta rugomba kugira abantu bemerewe gusinya kuri konti bahagije kandi batandukanye mu nzego kugira ngo hirindwe ibintu byashobora kudindiza imikorerere biturutse ku ibura rya bamwe mu bagomba gusinya, bitabangamiye ibijyanye n'igenzura ry'imbere ku birebana n'umutungo w'urwego.

Nta muntu wemerewe gusinya kuri konti ya Leta atabiherewe uburenganzira.

Umubaruramari Mukuru agena abagomba gusinya mu Butegetsi bwite bwa Leta bisabwe

Article 67: Investment of surplus funds by decentralised entities

Decentralized entities may temporarily invest surplus funds.

The periodic unplanned for surplus amount shall be utilized on approval by Executive Committee after consultation and advice of the Executive Secretary.

Investments by decentralized entity shall be in accordance with the investment plan developed by the Executive Committee and approved by the Council and the Minister.

The Minister shall provide general guidelines on investments by decentralized entities,

Article 68: Signatories to bank accounts

A public entity must have a sufficient number and categories of authorized signatories for its bank accounts to prevent the possibility of operational paralysis due to absence of one or more signatories, without compromising the internal controls over the financial resources of the entity.

No person shall act as a signatory to a Government bank account without an appointment to that effect.

The Accountant General shall appoint signatories to the account in Central Government on

Article 67: Placement des fonds excédentaires par des entités décentralisées

Les entités décentralisées peuvent investir temporairement des fonds excédentaires.

Le montant d'argent qui constitue périodiquement un bilan arrêté ou des excédents de trésorerie est utilisé sur autorisation du Comité Exécutif et après avis du Secrétaire Exécutif.

Les investissements effectués par l'entité décentralisée sont faits conformément au plan d'investissement élaboré par le Comité Exécutif et approuvé par le Conseil et le Ministre.

Le Ministre détermine des directives générales sur les investissements des entités décentralisées.

Article 68: Signataires des comptes bancaires

Une entité publique doit avoir des signataires des comptes bancaires autorisés en nombre et catégories suffisants pour éviter les possibilités de paralysie opérationnelle en raison de l'absence de l'un ou de plusieurs signataires, sans compromettre les contrôles internes à l'égard des ressources financières de l'entité.

Personne n'agit comme signataire d'un compte bancaire du Gouvernement sans nomination à cet effet.

Le Comptable Général désigne les signataires sur le compte de l'Administration Centrale, sur

n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta.

Ku byerekeye Inzego z'Ibanze, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, byemejwe na Komite Nyobozi, atanga abagomba gusinya kuri konti kugira ngo Umubaruramari Mukuru abemeze.

Inyandiko zose zitanga uburenganzira bwo kwishyura cyangwa sheki zishyirwaho umukono nibura n'abantu babiri (2) babyemerewe kandi sheki zose ntizigurishwa.

Ingingo ya 69: Konti zishyirwaho amafaranga yinjijwe

Uretse gusa igihe biteganyijwe ukundi n'itegeko cyangwa icyemezo cy'urukiko, konti zose z'inzego za Leta zishyirwaho amafaranga zigomba kuba amashami ya konti imwe rukumbi y'Imari ya Leta.

Minisitiri ashobora gutanga uruhushya rwo gufunguza konti zakirirwaho amafaranga muri banki z'ubucuruzi.

Igihe Banki z'Ubucuruzi zemerewe gukora umurimo wo kwakira amafaranga agenewe Leta cyangwa kwishyura amafaranga itanze, imikoranire na banki yumvikanwaho kandi hakabaho amasezerano hagati ya Banki na Minisitiri, kugira ngo hizerwe neza ko ibisabwa byose mu micungire y'amafaranga n'ingengo y'imari byubahirizwa.

recommendation of the relevant Chief Budget Manager.

For decentralized entities, the Executive Secretary with the approval of the Executive Committee, shall recommend signatories to the accounts for their appointment by the Accountant General.

Any payment order or cheque shall be signed by at least two (2) authorized signatories and all cheques shall be non-negotiable.

Article 69: Revenue bank accounts

Unless exempted by law or by judicial order, all revenue bank accounts of the public entities shall be sub-accounts of the treasury single account.

The Minister may authorize opening of revenue accounts with commercial banks.

When commercial banks are involved in Government revenue collection or expenditure payments, the banking arrangements shall be negotiated and contracted by the Minister, in order to ensure that requirements for cash and budget management are appropriately taken into account.

recommandation du Gestionnaire Principal du Budget concerné.

Pour les entités décentralisées, le Secrétaire Exécutif, sur approbation du Comité Exécutif, recommande les signataires sur des comptes pour leur nomination par le Comptable Général.

Tout ordre de paiement ou chèque est signé par au moins deux (2) signataires autorisés et tous les chèques sont non négociables.

Article 69: Comptes bancaires des recettes

Sauf dérogation prévue par la loi ou par une décision judiciaire, toutes les recettes des comptes bancaires des entités publiques sont des sous-comptes du compte unique du trésor.

Le Ministre peut autoriser l'ouverture de comptes de recettes au sein des banques commerciales.

Lorsque les banques commerciales sont impliquées dans la collecte des recettes ou des paiements de dépenses, les arrangements bancaires sont négociés et contractés par le Ministre, afin de s'assurer que les exigences de liquidités et de gestion du budget sont dûment prises en compte.

Ibikorwa byo kwishyura ntibikorerwa kuri konti zagenewe kwakira amafaranga ya Leta.

Payment transactions shall not be processed through revenue bank accounts.

Les transactions de paiement ne sont pas traitées à travers des comptes bancaires de recettes.

Ingingo ya 70: Inshingano ku mafaranga n'umutungo by'indagizo

Ku mpamvu z'iri teka, umutungo n'amafaranga by'indagizo ni amafaranga cyangwa umutungo bitari mu mutungo wa Leta, ariko bikaba bifitwe n'urwego rwa Leta mu izina ry'abandi bantu cyangwa izindi nzego hakurikijwe inyandiko y'ubwizerane ku mutungo uragijwe cyangwa indi nyandiko bihwanyije agaciro isobanura impamvu zihariye ishobora gukoreshwa.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta afite inshingano yo kurinda no gukoresha igikwiye amafaranga n'umutungo byaragijwe hakurikijwe inyandiko y'ubwizerane ibireba cyangwa ashyiraho ibyakoreshwa mu rwego rw'amategeko.

Urwego rwa Leta rushobora gushyiraho amafaranga ajyana no gucunga ikigega cy'ubwizerane ku biragijwe ku gipimo cyemejwe n'Inama y'Ubutegetsi y'abashinzwe indagizo cyangwa gishobora kwemezwa na Minisitiri.

Amafaranga yo gucunga umutungo ni amafaranga yinjira mu kigega gihurizwamo amafaranga ya Leta.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Lata, kuri buri gice cy'amafaranga cyangwa cy'umutungo bicungwa mu buryo bw'indagizo:

Article 70: Responsibility for fund and property in trust

For purposes of this Order, trust fund or property is money or property that does not belong to the State and that is held by a public entity on behalf of other persons or entities in accordance with a deed of trust or equivalent instrument that details the specific purposes for which it may be used.

The Chief Budget Manager is responsible for the maintenance and proper use of trust fund and property, in accordance with the relevant deed of trust or establishes legal instrument.

The public entity may charge a trust management fee at rates approved by the Board of trustees or as may be approved by the Minister.

Trust management fees are revenues accruing to the consolidated fund.

The Chief Budget Manager shall, for each separate portion of trust fund or property:

Article 70: Responsabilité pour les fonds et le patrimoine en fiducie

Pour des fins du présent Arrêté, la monnaie ou le patrimoine en fiducie est l'argent ou le patrimoine qui n'appartient pas à l'État mais qui est détenu par une entité publique pour le compte d'autres personnes ou entités, conformément à un acte de fiducie ou à un instrument équivalent qui détaille les raisons particulières pour lesquelles il peut être utilisé.

Le Gestionnaire Principal du budget est responsable de la garde et de l'utilisation adéquate de l'argent et des biens en fiducie conformément à l'acte de fiducie pertinent ou établissant un instrument juridique.

L'entité publique, peut imposer des frais de gestion en fiducie approuvés par le Conseil d'Administration des fidéicommissaires ou pouvant être approuvés par le Ministre.

Les frais de gestion sont les recettes du fonds consolidé.

Le Gestionnaire Principal du Budget, pour chaque portion distincte du fonds en fiducie ou du patrimoine :

1 º afunguza akanakurikirana konti muri banki izwi nka konti y'icyizere ku biragijwe;

2 º aha konti y'icyizere ku ndagizo izina rigaragaza neza konti;

3 º abika inyandiko zose zikwiye zerekeye icungamutungo kuri buri konti y'icyizere ku biragijwe;

4 º ashyira konti y'icyizere ku ndagizo muri raporo z'imari z'umwaka z'Urwego rwa Leta.

Bitabangamiye ibikubiye mu nyandiko y'ubwizerane, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta akoresha amafaranga yabikijwe mu ishoramari hakurikijwe ibyemeranyijweho mu rwego rw'ishoramari:

1 º mu kubitsa amafaranga kuri konti yaba iyo mu Rwanda cyangwa hanze bikorwa byemejwe n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta;

2 º mu mpapuro z'agaciro faranga zishyirwaho na Leta;

3 º mu zindi mpapuro z'agaciro zemejwe n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta.

Ibivuye mu igurisha ku ishoramari, inyungu zavuye mu ishoramari, umutungo wabonetse n'andi mafaranga yose yabonetse aturutse mu

1 º open and maintain a separate bank account, called a trust account;

2 º assign to the trust account a name or title that clearly identifies the account;

3 º maintain appropriate accounting records for each trust account;

4 º include the trust account in the annual financial statements of the public entity.

The Chief Budget Manager shall, provided that it does not conflict with the terms of the trust arrangement, invest any trust fund on such terms and conditions specified in the approved investment framework:

1 º on deposit with any bank within or outside Rwanda as approved by the Secretary to the Treasury;

2 º in public securities issued by the Government;

3 º in other securities approved by the Secretary to the Treasury.

The proceeds of sale of an investment, investment interest earned, realized capital gains, and all funds received from the realization of investment

1 º ouvre et tient un compte bancaire distinct, appelé compte en fiducie;

2 º attribue au compte en fiducie un nom ou un titre qui identifie clairement le compte ;

3 º tient des registres comptables appropriés pour chaque compte en fiducie;

4 º inclut le compte en fiducie dans les rapports financiers annuels de l'entité publique.

Le Gestionnaire Principal du Budget, pourvu qu'il ne soit en conflit avec les termes de l'accord en fiducie, place les sommes en fiducie aux termes et conditions définis dans le cadre de l'investissement approuvé:

1 º sur dépôt auprès d'une banque à l'intérieur ou l'extérieur du Rwanda tel que approuvé par le Secrétaire au Trésor;

2 º dans des titres publics émis par le Gouvernement ;

3 º dans les autres titres approuvés par le Secrétaire au Trésor.

Le produit de la vente d'un placement, les intérêts de placement gagnés, gains en capital réalisés et tout argent reçu de la réalisation de titres de

migabane yakoreshejwe mu ishoramari yongerwa kuri konti y'icyizere ku ndagizo.

Ingingo ya 71: Umutekano w'amafaranga ari mu nzira ajyanwa ku ma konti

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta amenya ko hariho ingamba zikwiye zo kurinda umutekano ku mafaranga no ku bakozi bajyanye amafaranga ataragera kuri konti muri banki kandi akamenya ko muri izo ngamba harimo izo guherekeza amafaranga bikozwe n'inzego z'umutekano, kuyatwara ahantu hatekanye no guhindura inzira zinyurwa, igihe n'umuhanda n'izindi ngamba zigaragara ko ari ngombwa.

Ingingo ya 72: Guhuza imibare ku makonti

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta bamenya buri kwezi, ko imibare irebana na konti zo muri banki yahurijwe kuri buri konti iri mu izina ry'urwego rwa Leta kandi bagatanga inyandiko igaragaza ihuzwa ry'imibare ku makonti iri muri raporo z'imari zishyikirizwa Minisiteri bitarenze umunsi wa cumi na gatanu (15) w'ukwezi gukurikiyeho.

Guhuza imibare ku makonti bigomba gukorwa igihe habayeho guhererekanya konti cyangwa agatabo ka sheki kava ku mukozi umwe kajya ku wundi.

Abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga imari ya Leta bamenya neza ibidahuye byose byanditswe

securities, shall accrue to the trust.

Article 71: Protection of cash in transit

The Chief Budget Manager shall ensure that adequate arrangements are made to protect both cash and staff for cash in transit and such measures may include security escorts, suitable transport and variation of movement, times and routes and other measures that may be considered appropriate.

Article 72: Reconciliation of bank accounts

Chief Budget Managers shall ensure that bank reconciliations are done for each bank account held in the name of public entity every month and submit a bank reconciliation statement along with financial statements to the Ministry no later than the 15th day of the subsequent month.

Bank reconciliations shall be done during handover of any bank account or cheque book from one officer to another.

Chief Budget Managers shall ensure that any discrepancies noted during bank reconciliation

placement, reviennent à la fiducie.

Article 71: Protection des espèces en transit

Le Gestionnaire Principal du Budget veille à ce que les dispositions appropriées soient prises pour protéger l'argent en espèces et le personnel pour le transport de fonds et que ces mesures incluent des escortes de sécurité, le transport adapté et les signes distinctifs en mouvement, des heures et des routes et d'autres mesures jugées appropriées.

Article 72: Réconciliation des comptes bancaires

Les Gestionnaires Principaux du budget s'assurent que les réconciliations des comptes bancaires sont effectuées mensuellement pour chaque compte bancaire tenu au nom de l'entité publique, et présentent au Ministère un état de réconciliation bancaire avec les états financiers au plus tard le 15ème jour du mois suivant.

Les réconciliations bancaires sont effectuées au cours d'une remise et reprise de tout compte bancaire ou de chéquier d'un agent à un autre.

Les Gestionnaires Principaux du Budget s'assurent que tous les écarts constatés lors de l'exercice de

mu ihuzwa ry'imibare ku makonti bihita bikorerwa ipereereza n'uko ingamba zikwiye zafashwe harimo no gushyira ku gihe ibitabo byandikwamo amafaranga.

Iyo amafaranga yakoreshejwe nk'amafaranga ahita akurwa kuri konti, amafaranga ya serivisi za banki, inyungu kuri avansi agaragaye mu nyandiko zitangwa na banki, umukozi ushinzwe ibaruramari ahuza imibare ku makonti agashyira ku gihe amafaranga yasohotse mu bitabo by'ibaruramari.

Mu gihe hagaragaye ubundi bwishyu butazwi, inyandiko z'amafaranga yakiriwe zitazwi cyangwa iyo imibare y'amafaranga hagati y'ibyanditswe mu bitabo by'amafaranga n'inyandiko zitangwa na banki itandukanye ku byerekeye amafaranga yinjijwe yihariye, umukozi uhuza imibare ku makonti ahita abimenyesha umukozi ushinzwe kubikurikirana.

exercise are investigated immediately and appropriate action taken including updating the relevant cash books.

Where items of expenditure such as direct debits, bank charges and overdraft interest are found on the bank statements, the accounting oficer undertaking the reconciliation shall immediately update expenditure in the books of account.

In case of other unidentified payments or receipts or where there is a difference in amount between the cash book and the bank statement in respect of a particular entry, the officer undertaking the reconciliation shall immediately bring them to the attention of a duly authorized officer.

réconciliation bancaire font l'objet d'enquête immédiatement et que les mesures appropriées sont prises, y compris la mise à jour des livres comptables nécessaires.

Lorsque les postes de dépenses tels que les prélèvements directs, les frais bancaires, les intérêts sur découvert sont repérés sur les relevés bancaires, l'agent comptable effectuant la réconciliation met immédiatement à jour les dépenses dans les livres de compte.

Lorsqu'il y a d'autres paiements ou des bordeaux non identifiés ou lorsqu'il y a une différence de montant entre le livre de banque et l'historique en banque en rapport avec une entrée particulière, l'agent effectuant la réconciliation les porte à l'attention d'un agent dûment autorisé.

UMUTWE WA VII: IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA LETA

Ingingo ya 73: Inshingano ku micungire y'umutungo wa Leta

Umutungo wa Leta ukubiyemo ibintu bifite agaciro byaba ibyimukanwa n'ibitimukanwa mu rwego rwa Leta. Ku mpamvu z'iri Teka, umutungo udafatika n'ufatika byose bibarirwamo.

Minisitiri afata ingamba kugira ngo hashyirweho politiki n'ibikurikizwa kugira ngo umutungo wose wa Leta ucungwe ku buryo buboneye, wandikwe,

HAPTER VII: MANAGEMENT OF STATE PROPERTY

Article 73: Responsibility for public property management

Public property includes movable and immovable assets of a public entity. For the purposes of this Order, both tangible or physical and intangible assets are included.

The Minister shall ensure that policies and procedures are in place so that all public property is well maintained, recorded, accounted for and

CHAPITRE VII: GESTION DU PATRIMOINE DE L'ETAT

Article 73: Responsabilité pour la gestion du patrimoine publique

Le patrimoine de l'Etat comprend des biens meubles et immeubles d'une entité publique. Aux fins du présent arrêté, les biens immeubles incorporels et corporels ou physiques sont inclus.

Le Ministre s'assure que les politiques et les procédures sont mises en place pour que tout le patrimoine public soit protégé, enregistré,

ubarurwe kandi utangweho raporo.

Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta mu rwego rwa Leta afite inshingano zisesuye zo kugura, gukoresha, gufata neza no kwivanaho umutungo wa Leta afite mu nshingano ze, hakurikijwe Itegeko Ngenga, andi mategeko n'amabwiriza bijyanye.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta amenya ko umutungo wa Leta ashinzwe gucunga ufite umutekano ukwiye kugira ngo utibwa, udapfushwa ubusa, udakoreshwa nabi cyangwa udahura n'igihombo icyo ari cyo cyose.

Ingingo ya 74: Imirimo yo gucunga umutungo wa Leta

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta agenzura ibikurikira mu birebana n'umutekano w'umutungo :

1 º ko ibikoresho by'umutungo wa Leta byanditswe neza mu gitabo cy'imitungo mu buryo bwagenwe na Minisitiri, harimo nibura:

a. itariki yabiboneyeho;

b. ibisobanuro;

c. kode;

d. ingano;

reported.

Every Chief Budget Manager of a public entity shall have full responsibility for acquisition, use, maintenance, and disposal of public property under his/her control in accordance with the Organic Law, other relevant laws and regulations.

The Chief Budget Manager shall ensure public property under his/her control is properly safeguarded against theft, wastage, misuse or any other loss.

Article 74: Management functions for custodial State assets

The Chief Budget Manager shall ensure the following regarding the custody of assets:

1 º that items of public property are properly recorded in an asset register in a format prescribed by the Minister containing at least:

a. the date of acquisition;

b. the description;

c. the code;

d. the quantity;

comptabilisé et fait objet d'un rapport.

Chaque Gestionnaire Principal du budget d'une entité publique a l'entière responsabilité pour l'acquisition, l'utilisation, l'entretien et l'aliénation du patrimoine public sous son contrôle conformément à la Loi Organique, aux autres lois et règlements en vigueur.

Le Gestionnaire Principal du budget s'assure que le patrimoine public sous sa responsabilité est adéquatement protégé contre le vol, le gaspillage, l'abus ou toute autre perte.

Article 74: Fonctions de gestion des actifs de l'Etat

Le Gestionnaire Principal du Budget s'assure des éléments suivants en rapport avec la gestion des actifs :

1 º que les articles du patrimoine public sont correctement et conformément enregistrés dans un registre des actifs ayant un format prescrit par le Ministre, contenant au mpoin

a. la date d'acquisition;

b. la description;

c. le code;

d. la quantité;

e. aho bihereereye;

f. ikiguzi yawuboneyeho n'icyo kuwikuraho ;

2 º ko inshingano zo kurinda buri mutungo wa Leta zahawe umukozi ushinzwe kuwukoresha kandi ko hashyizweho ahakusanyirizwa amakuru arebana n'amazina y'abantu bashinzwe kuwurinda n'aho uherereye;

3 º ko gufata neza umutungo bikorwa ku buryo bunoze harimo no gushyira mu ngengo y'imari y'umwaka amafaranga yose yerekeye ku ifatwa neza ry'umutungo no gutuma uwo mutungo wa Leta ubasha gukoreshwa;

4 º ko hakorwa ku bihe byagenwe igenzura rireba uko umutungo wa Leta umeze mu bitabo by'imitungo nibura buri mwaka kandi ko bishyirwa muri raporo y'imari;

5 º ko ibindi bikoresho byaguzwe ariko bidakenewe gukoreshwa ako kanya biri mu byabaruwe mu bubiko bifite ibitabo byandikwamo byihariye bigomba gukomeza gufatwa neza;

6 º ko amakuru n'ibitabo by'umutungo wa Leta bibitswe hakurikijwe amategeko yo gushyingura ibitabo by'umutungo w'Igihugu;

e. the location;

f. the cost for acquisition and disposals;

2 º that the custodial responsibility for each asset acquired is assigned to the officer primarily responsible for its use and that there is a central record of the names of the custodians and the locations of the assets assigned to them.

3 º that there is adequate maintenance of the assets, by including in annual budget submissions all estimated maintenance and running costs of such public property;

4 º that conducts periodic physical verification of public property against asset registers at least annually are done and included in the financial statements;

5 º that other items acquired but not required for immediate use or consumption form part of inventories for which proper records shall be maintained;

6 º that information and records on all public property are retained in accordance with rules on filing of national records;

e. l'emplacement;

f. le coût d'acquisition et d'alienation ;

2 º que la responsabilité de garde pour chaque actif acquis est attribué principalement à l'agent responsable de son utilisation et qu'il existe un registre commun des noms des usagers et les emplacements des actifs leurs affectés;

3 º que l'entretien adéquat des actifs est effectué, par incorporation dans le budget annuel des prévisions des coûts d'entretien et d'utilisastion de ce patriomoine public ;

4 º que la vérification physique du patrimoine public en rapport avec les registres des actifs est effectuée au moins chaque année et qu'il est inclut dans les rapports financiers ;

5 º que les autres articles acquis mais non nécessaires à l'utilisation ou à la consommation immédiate font partie des stocks inventoriés pour lesquels des registres appropriés doivent être maintenues;

6 º que l'information et les dossiers sur tout patrimoine public sont conservés conformément aux règles relatives à l'archivage des dossiers nationaux ;

7 º ko politiki, amateka n'amabwiriza bya Minisitiri, byerekeye kugura, gucunga no kwivanaho umutungo byubahirizwa.

<u>Ingingo ya 75</u>: Inshingano z'Abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga Imari ya Leta mu ihererekanya ry'umutungo wa Leta

Iyo hari umutungo Leta icunga utari uwayo, nk'umutungo wakodeshejwe, umwenda ujyanye na wo ugomba guhererekanywa hamwe n'uwo mutungo bireba wa Leta.

Umutungo wa Leta ushobora guhererekanywa uvuye mu rwego rwa Leta rumwe ujya mu rundi iyo byemejwe gusa na:

1 º itegeko;

2 º Inama y'Abaminisitiri;

3 º Minisitiri; cyangwa

4 º Ubuyobozi bwemewe n'amategeko.

Igihe umutungo w'urwego rwa Leta uhererekanywa n'urundi rwego rwa Leta cyangwa n'ikindi kigo hamwe n'imyenda ijyanye n'uwo mutungo biturutse ku mategeko cyangwa ivugurura ry'inzego za Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta mu kigo giherekanya umutungo wacyo asabwa:

1 º kugaragaza urutonde rw'uwo mutungo

7 º that policies Ministerial orders and instructions regarding acquisition, management and disposal of such assets are complied with.

<u>Article 75:</u> Chief Budget Managers' responsibilities on transfer of public property

When a public property which has a liability, like leased assets, the corresponding liability must also be transferred together with the relevant public property.

Public property may be transferred from one public entity to another if and only if it has been authorized by:

1 º a law;

2 º the Cabinet;

3 º Minister; or

4 º a lawful authority.

When assets of a public entity are transferred to another public entity or other institution together with any associated liabilities as a result of a legislation or following a restructuring of Government functions, the Chief Budget Manager of a transferring public entity shall be required to:

1 º identify an inventory of such assets and

7 º que les politiques, les arrêtés et instructions ministérielles concernant l'acquisition, la gestion et l'aliénation de ces actifs sont respectés.

<u>Article 75</u>: Responsabilités des Gestionnaires Principaux des Budgets lors du transfert du patrimoine public

Lorsqu'un patrimoine public est grevé d'une charge notamment le patrimoine en location, la dette correspondante doit être transférée avec le patrimoine public concerné.

Le patrimoine publique peut être transféré d'une entité publique à une autre s'il est uniquement autorisé par:

1 º la loi;

2 º le Conseil des Ministres;

3 º le Ministre ; ou

4 º une autorité légitime.

Lorsque les actifs d'une entité publique sont transférés à une autre entité publique ou à une autre institution ainsi que toutes les obligations connexes suite à une législation ou à une réforme des fonctions gouvernementales, le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique cédante est tenu:

1 º de faire un inventaire de ces actifs et

n'imyenda;

2 º guha Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta uwo mutungo, ibitabo byose bijyana na wo, impampurompamo, harimo na dosiye z'abakozi bagomba guhererekanywa bireba.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta ruhererekanya umutungo n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rwakira umutungo bagomba gushyira umukono kuri raporo yo guhana umutungo, ari na bwo ihererekanyamutungo riba ribaye.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta ruhererekanya imitungo yohereza Minisiteri n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta kopi ya raporo y'ihererekanyamutungo yashyizweho umukono mu minsi cumi ine (14) ibarwa uhereye ku munsi ihererekanyamutungo ryabereyeho.

<u>Ingingo ya 76</u>: Kwikuraho no gukodesha imitungo ya Leta

Kwikuraho imitungo yimukanwa bikorwa hakurikijwe amategeko, amabwiriza na gahunda byerekeye kwikuraho umutungo wa Leta.

Gukodesha umutungo wa Leta bikorwa hakurikijwe politike n'imirongo ngenderwaho bya

liabilities;

2 º provide the Chief Budget Manager of the receiving public entity with all relevant records, titles, including human resource records of staff to be transferred.

Both the Chief Budget Managers of the transferring public entity and the receiving Chief Budget Manager must sign a hand over report to legally effect the transfer.

The Chief Budget Manager of the transferring public entity shall file a copy of the signed handover report with the Ministry and the Auditor General of State Finance within fourteen (14) days of the transfer.

<u>Article 76</u>: Disposal and lease of public assets

Disposal of movable assets shall be in accordance with laws, regulations and policies on disposal of public property.

Lease of public property shall be in accordance with Government policies and guidelines.

passifs;

2 º de donner au Gestionnaire Principal du Budget de l'entité publique béneficiaire tous les documents pertinents, titres, y compris les dossiers des ressources humaines du personnel devant être transférés.

Le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité publique cédante et celui de l'entité béneficiaire doivent signer un rapport de remise et reprise lorsque le transfert a eu lieu.

Le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité publique cédante envoie au Ministère et à l'Auditeur General des Finances de l'Etat une copie signé du rapport de remise et reprise signé endéans quatorze (14) jours comptés à partir de la date à laquelle le transfert a eu lieu.

<u>Article 76</u>: Aliénation et location des actifs publics

La cession des biens meubles est faite conformément aux lois, aux règlements et aux politiques en matière de disposition du patrimoine public.

La location du patrimoine public est effectuée conformément aux politiques et aux lignes

Leta.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta ashyira mu ngengo y'imari y'umwaka iteganyijwe amafaranga aturuka ku igurisha n'ikodeshwa by'umutungo wa Leta.

Ingingo ya 77: Umutungo wabonywe binyuze mu itegeko, impano n'irage

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta abika inyandiko zuzuye zerekeye umutungo wose wabonywe binyuze mu itegeko, impano n'irage.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta aha agaciro umutungo wabonywe binyuze mu itegeko, impano n'irage, kaba mu mafaranga cyangwa akandi gaciro gahwanye na yo cyangwa hakurikijwe politiki iyo ari yo yose bireba cyangwa imirongo ngenderwaho yatanzwe na Minisitiri.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta atanga raporo ku buryo buhoraho, igaragaza umutungo wabonywe binyuze mu itegeko, impano n'irage mu buryo butandukanye, hamwe n'izindi raporo zivuga ku mutungo wa Leta.

Ingingo ya 78: Ibihombo by'umutungo wa Leta

Umukozi wa Leta uwo ari we wese wa Leta ubonye umutungo wa Leta uhomba cyangwa wangirika ahita abimenyesha Umuyobozi Mukuru

The Chief Budget Manager shall include in the annual budget expected income from sale and letting of public property.

Article 77: Property acquired through operation of the law, donations and bequests

The Chief Budget Manager shall keep a complete record of all property acquired through operation of law, donations and bequests.

The Chief Budget Manager shall assign values to property acquired through operation of law, donations and bequests either at cost or its equivalent or in accordance of any relevant policies or guidelines issued by the Minister.

The Chief Budget Manager shall submit regular report, identifying property acquired through operation of law, donations and bequests separately, alongside other reports on public property.

Article 78: Losses of public property

Any public servant who discovers a loss of or damage to a public property shall report immediately to the Chief Budget Manager.

directrices du Gouvernement.

Le Gestionnaire Principal du Budget inclut dans le budget annuel les prévisions de recettes découlant de la vente et location de patrimone public.

Article 77: Patrimoine acquis du fait de la loi, dons et legs

Le Gestionnaire Principal du Budget tient un registre complet de tous les biens acquis du fait de la loi, dons et legs.

Le Gestionnaire Principal du Budget attribue des valeurs à des biens acquis du fait de la loi, dons et legs soit par coût d'achat ou par équivalence, soit en vertu des politiques ou des lignes directrices émises par le Ministre.

Le Gestionnaire Principal du Budget prépare le rapport régulier, indiquant séparément des biens acquis du fait de la loi, dons et legs avec d'autres rapports sur le patrimoine public.

Article 78: Pertes du patrimoine public

Tout agent de l'Etat qui découvre une perte ou un dommage relatif au patrimoine public le signale immédiatement au Gestionnaire Principal du

ushinzwe Gucunga Imari ya Leta.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta agomba kureba ko igihombo cyangwa iyangirika ry'umutungo wa Leta binyuze mu gukeka, ko ari igikorwa cy'ubugizi bwa nabi gishikirizwa ubugenzacyaha, Ministiri n'Umuyobozi w'urwego rwa Leta.

Igihombo cyangwa iyangirika ry'umutungo wa Leta bikorerwa ipereereza ako kanya kandi ingamba zikwiye zigafatwa hakurikijwe amategeko yerekeye abakozi ba Leta, igitabo cy'amategeko ahana n'andi mategeko abireba.

Ibihombo byose n'iyangirika by'umutungo wa Leta bitangwa muri raporo z'imari.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta asaba Umuyobozi w'Urwego rw'Ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Komite Nyobozi ku bireba Inzego z'Ibanze ko hemezwa gukuraho igihombo cyangwa ibyangiritse bijyana n'umutungo wa Leta nyuma y'ipereereza, iyo bigaragaye ko bidashobora kugaruzwa. Urwo ruhushya rutangwa mu nyandiko na kopi yarwo ikagenerwa Umubaruramari Mukuru.

Iyo umutungo wimukanwa ukuweho, bigomba kwandikwa mu gitabo cy'umutungo.

<u>Ingingo ya 79</u>: Gucunga ibihombo by'imitungo no gusaba indishyi z'ubwishingizi

Umutungo wa Leta wishingirwa hakurikijwe

Budget.

The Chief Budget Manager must ensure that any loss or damage to public property through a suspected criminal act is reported to the police, the Minister and the Executive Head of the entity.

The loss or damage shall be investigated promptly and appropriate actions taken in accordance with the laws of public service, the penal code and any other relevant laws.

All losses or damage of public property shall be reported in the financial reports.

The Chief Budget Manager shall seek approval from the Executive Head of the Central Government entity or the Executive Committee in the case of a decentralized entity, to write off losses or damages if, after a thorough investigation, it is found that the loss or damage is irrecoverable. Such approval must be in writing with a copy to the Accountant General.

When movable assets are written off, it must be noted in the asset register.

<u>Article 79</u>: Managing asset losses and insurance compensation

Public property shall be insured in accordance

Le Gestionnaire Principal du Budget doit s'assurer que toute perte ou dommage au patrimoine public par un acte criminel présumé est signalé à la police, au Ministre et au Responsable exécutif de l'entité.

La perte ou le dommage fait rapidement l'objet d'enquête et les mesures appropriées sont prises conformément aux lois régissant la fonction publique, le code pénal et d'autres lois y relatives.

Toute perte ou dommage de patrimoine public est présenté dans les rapports financiers.

Le Gestionnaire Principal du Budget requiert l'approbation du Responsable Exécutif de l'entité de l'Administration Centrale ou du Comité Exécutif dans le cas d'une entité décentralisée, pour radier dans les livres comptables les pertes ou les dommages si, après une enquête approfondie, il est constaté que cette perte ou dommage est irrécouvrable. Cette approbation est faite par écrit, avec copie au Comptable Général.

Lorsque les avoirs mobiliers sont radiés, cela doit être noté dans le registre des actifs.

<u>Article 79</u>: Gestion de perte des actifs et des indemnités d'assurance

Le patrimoine public est assuré conformément aux

politiki n'imirongo ngenderwaho bya Leta.

with Government policies and guidelines.

politiques et aux lignes directrices du Gouvernement en vigueur.

Guhitamo ikigo gitanga ubwishingizi bw'umutungo wa Leta bikorwa hakurikijwe amategeko agenga amasoko ya Leta, keretse biteganywa ukundi muri politiki n'imirongo ngenderwaho bya Leta.

Unless otherwise provided in a Government policy and guidelines, the selection of an insurance provider of a public property shall be undertaken in accordance with the procurement laws.

Sauf disposition contraire de la politique et des lignes directrices du Gouvernement, la sélection d'un assureur du patrimoine public est faite conformément aux lois sur la passation des marchés publics.

Mu gihe habayeho igihombo cyishingiwe cy'umutungo wa Leta, ingamba za ngombwa zigomba gufatwa mu gusaba indishyi mu buryo bwihuse.

In the event of an insurable loss of public property, the necessary steps shall be taken to promptly seek compensation.

En cas de perte assurable du patrimoine public, les mesures nécessaires sont prises pour rechercher rapidement une indemnité d'assurance.

Indishyi zikomoka ku bwishingizi bw'umutungo wa Leta zimenyeshwa kandi zigashyikirizwa vuba Minisiteri.

The compensation arising from insurance claims of a public property shall be promptly reported and remitted to the Ministry.

L'indemnité résultant du sinistre d'assurance du patriomoine public est rapidement déclarée et remise au Ministère.

Iyo Leta igize igihombo cyangwa umutungo wayo ukangirika ariko urundi ruhande ntirwemere uburyozwe, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta, mu gihe abona ko bidahenze, yohereza ikirego Umushinjacyaha Mukuru asaba ko biregerwa, harimo no kwishyuza agaciro k'igihombo n'ibyangijwe.

If the Government sustains a loss or damage and the other party denies liability, the Chief Budget Manager shall, if deemed economical, refer the matter to the Prosecutor General for legal action, including the recovery of the value of the loss or damage.

Si le Gouvernement subit une perte ou un dommage et que l'autre partie nie sa responsabilité, le Gestionnaire Principal du Budget, s'il estime cela économique, renvoie l'affaire au Procureur Général pour une action en justice, y compris l'action en recouvrement de la valeur de la perte ou du dommage.

<u>Ingingo ya 80</u>: Ibihombo n'ibyangijwe bitewe n'ibikorwa cyangwa ibitakozwe n'abakozi ba Leta

<u>Article 80</u>: Losses and damages through acts committed or omitted by public servants

<u>Article 80</u>: Pertes et dommages découlant des actes commis ou omis par les agents de l'Etat

Umutungo w'urwego rwa Leta wahombye cyangwa wangijwe bitewe nuko umukozi wa Leta yakoze igikorwa cyangiza cyangwa atakoze icyo agomba gukora, ugomba kwishyurwa n'uwo mukozi wa Leta iyo ashobora kuryozwa ibyo

Losses or damages suffered by a public entity because of an act committed or omitted by a public servant, must be recovered from such an official if that official is liable in law.

Les pertes ou dommages subis par une entité publique en raison d'un acte commis ou omis par un agent de l'Etat doivent être remboursés par cet agent de l'Etat s'il est juridiquement responsable.

yangije imbere y'amategeko.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta agaragaza umubare w'amafaranga y'igihombo cyangwa y'ibyangijwe ku mutungo w'urwego rwa Leta, kandi, akoresheje inyandiko, agasaba umukozi wa Leta kwishyura ayo mafaranga mu minsi mirongo itatu (30) cyangwa mu byiciro byumvikana. Iyo umukozi ananiwe gukurikiza ibisabwa, ikibazo kigomba gushyikirizwa Umushinjacyaha Mukuru kugira ngo hishyuzwe igihombo cyangwa ibyangiritse.

The Chief Budget Manager shall determine the amount of the loss or damage suffered by the public entity and, in writing, requests that public servant to pay the amount within thirty (30) days or in reasonable instalments. If the public servant fails to comply with the request, the matter must be handed to the Prosecutor General for the recovery of the loss or damage.

Le Gestionnaire Principal du Budget détermine le montant de la perte ou du dommage subis par l'entité publique et, par écrit, demande à cet agent de l'Etat de payer le montant dans les trente (30) jours ou par tranches raisonnables. Si l'agent de l'Etat ne se conforme pas à la demande, le dossier doit être envoyé au Procureur Général pour le recouvrement de la perte ou de dommage.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta ashobora guhanagura igihombo n'ibyangijwe bikomoka ku zindi mpamvu zitakwirindwa, ariko byemejwe n'Umuyobozi w'urwego rw'Ubutegetsi Bwite bwa Leta cyangwa Komite Nyobozi ku birebana n'Urwego rw'Ibanze, Umucungamari Mukuru akagenerwa kopi.

The Chief Budget Manager may write off losses and damages that result from other unavoidable causes subject to approval by the Executive Head of the Central Government entity or the Executive Committee in the case of a decentralized entity with a copy to the Accountant General.

Le Gestionnaire Principal du Budget peut radier les pertes et dommages qui résultent d'autres causes inévitables, sous réserve de l'approbation du Responsable Exécutif de l'entité de l'Administratin centrale ou du Comité Exécutif dans le cas d'une entité décentralisée, avec copie au Comptable Général.

Ingingo ya 81: Inshingano z'abakozi ba Leta zo gutanga raporo y'igihombo cy'amafaranga n'umutungo bya Leta

Umukozi wese wa Leta wabonye cyangwa ukeka ko habayeho igihombo ahita abimenyesha bidatinze Umuyobozi ukuriye ishami akoramo, Umuyobozi na we akabimenyesha mu nyandiko mu gihe cy'iminsi irindwi (7) Ishami ry'Ubutegetsi bw'Igihugu cyangwa Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta.

Article 81: Responsibility of public servants to report loss of public fund and property

Any public servant who discovers or suspects that a loss has occurred shall report it immediately to the Head of his or her Department, and the later shall then report the losses in writing within seven (7) days to the Departement of Administration or directly to the Chief Budget Manager.

Article 81: Responsabilité des agents de l'Etat de déclarer la perte de l'argent et des biens publics

Tout agent de l'Etat qui découvre ou soupçonne qu'une perte a eu lieu le signale immédiatement au Responsable de son Département, qui, par écrit, le signale à son tour endéans sept (7) jours au Département d'Administration ou directement au Gestionnaire Principal du Budget.

Abayobozi bashinzwe gucunga imari ya Leta

All Chief Budget Managers shall ensure that all

Tous les Gestionnaires Principaux du Budget

bamenya neza ko abakozi babo bamenyeshejwe inshingano zabo zo kumenyesha igihombo.

Ibihombo byose by'amafaranga n'umutungo bya Leta, n'ubwo biba byamenyakanishijwe, bisaba ko hakorwa ipereereza ryimbitse ku bufatanye bwuzuye bw'abakozi bose b'urwego rwa Leta.

Iyigwa ryose ribanza rikorwa n'urwego rwa Leta rigarukira ku kumenya neza niba hari igikorwa cy'ubugizi bwa nabi cyaba cyakozwe gisaba kumenyeshwa ubugenzacyaha.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta ashobora gusaba inama mu byerekeye amategeko ku mujyanama mu by'amategeko w'urwego rwa Leta ku birebana n'uburemere bw'icyateje igihombo umukozi yagizemo uruhare, mbere yo gutekereza ikindi cyose cyakorwa.

<u>Ingingo ya 82</u>: Kwemera uburyozwe

Umukozi ntiyemera uburyozwe cyangwa ngo akore igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa agire inyandiko akora zemera uburyozwe mu izina ry'urwego rwa Leta bitemewe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta.

their staff is aware of their responsibility to report all losses.

All losses of public fund and public property, even if they are reported, shall require full investigation with the complete cooperation of all employees of the public entity.

Any preliminary examination by a public entity shall be limited to ascertaining whether there is a possible basis to an allegation of criminal act that requires to be reported to the police.

The Chief Budget Manager may seek legal opinion from the legal advisor of the entity on the seriousness of the incident of loss involving a public servant before any other action is taken.

<u>Article 82:</u> Admission of liability

An employee shall not admit liability or take any action or enter into any correspondence admitting liability on behalf of the public entity without approval of the Chief Budget Manager.

s'assurent que tous leurs agents sont conscients de leur responsabilité de signaler toutes les pertes.

Toutes les pertes de fonds publics et du patrimoine public, même si elles ont fait l'objet de rapport, requièrent une enquête approfondie en pleine collaboration avec tout le personnel de l'entité publique.

Toute enquête préliminaire entreprise par une entité publique est limitée à vérifier s'il existe une base possible d'une allégation d'acte criminel qui requiert d'être signalées à la police.

Le Gestionnaire Principal du Budget peut demander un avis juridique du conseiller juridique de l'entité sur la gravité de l'incident de perte impliquant un agent de l'Etat avant d'envisager une action quelconque.

<u>Article 82</u>: Reconnaissance d'une responsabilité

Un agent public ne peut reconnaitre une responsabilité ou poser une action n'importe laquelle ou mener n'importe quelle correspondance pouvant générer une obligation au nom de l'entité public sans l'autorisation du Gestionnaire Principal du Budget.

UMUTWE WA VIII: IBIGEGA BYIHARIYE

Ingingo ya 83: Ishyirwaho ry'ibigega byihariye

Nta kigega cyihariye gishyirwaho Inama y'Abaminisitiri itabanje kwemera icyo kizaba kigamije n'ibyo giteganya kugeraho mu gihe cyagenwe.

Ishyirwaho ry'ikigega cyihariye ritangizwa binyuze mu nyandiko ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ikozwe na Minisitiri ubifite mu nshingano ze, ku bizagerwaho muri gahunda ya Leta binyuze mu kigega cyihariye asaba ko cyajyaho.

Buri kigega cyihariye cyemejwe n'Inama y'Abanimisitiri gishyiraho umuyobozi ubazwa inshingano n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta wa Minisiteri bireba cyangwa urwego rw'ibanze.

Ibigega byose byihariye biba biri ku ngengo y'imari, bikorerwa ibaruramari, n'igenzuramari kandi bicungwa hakurikijwe Itegeko Ngenga n'iri teka.

Ingingo ya 84: Ibisabwa mu ishyirwaho ry'ikigega cyihariye

Ishyirwaho rya buri kigega cyihariye rigomba:

1 º gutangizwa na Minisitiri ubifite mu nshingano ze cyangwa Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze

CHAPTER VIII: SPECIAL FUNDS

Article 83: Establishment of special funds

No special fund shall be established without prior approval of the cabinet for a specific purpose and desired outcomes for a specified period.

The establishment of a special fund shall be initiated, through a letter submitted to the cabinet by the responsible line Minister, on the public policy outcomes to be executed through the proposed special fund.

Each special fund approved by the cabinet shall have a designated administrator who shall be accountable to the Chief Budget Manager of a relevant line Ministry or decentralized entity.

All special funds shall be included on budget, account, they are audited and managed in accordance with the Organic Law and this Order.

Article 84: Requirements for the establishment of a special fund

The establishment of each special fund must :

1 º be initiated by the responsible line Minister or a chairperson of an Executive Committee of a decentralized entity under

CHAPITRE VIII: FONDS SPECIAUX

Article 83: Création des fonds spéciaux

Aucun fonds spécial n'est créé sans l'approbation préalable du Conseil des Ministres à des fins spécifiques et les résultats escomptés pour une période déterminée.

L'établissement d'un fonds spécial est initié sur base d'une lettre que le Ministre de tutelle soumet au Conseil des Ministres, en justifiant des résultats escomptés de la politique du Gouvernement devant être exécutée au moyen du fonds spécial proposé.

Chaque fonds spécial approuvé par le Conseil des Ministres à un administrateur désigné qui répond devant le Gestionnaire Principal du Budget du Ministère de tutelle ou de l'entité décentralisée.

Tous les fonds spéciaux sont inclut au budget, dans la comptabilité et sont audités et gérés conformément à la Loi Organique et au présent arrêté.

Article 84: Conditions requises pour l'établissement d'un fonds spécial

L'établissement de chaque fonds spécial doit:

1 º être initié par le Ministre de tutelle ou par le Président du Comité Exécutif d'une entité décentralisée ayant la responsabilité

icunga icyo kigega cyihariye;

2 º gutanga ibisobanuro bigaragaza neza uko ikigega cyihariye gikwiranye no gutanga serivisi zitunganye hashingiwe ku kigamijwe n'amategeko na politiki y'urwego rwa Leta rukigenzura cyangwa urwego rw'ibanze;

3 º kwerekana uko ibikorwa by'icyo kigega cyihariye gisabwa bizorohereza ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'igihe gicirirítse z'urwego rushinzwe kugenzura;

4 º kugaragaza uko ibikorwa by'icyo kigega cyihariye gisabwa bizinjira muri gahunda rusange y'igihe gicirirítse.

Ubusabe bwo gushyiraho ikigega cyihariye bushyikirizwa Minisitiri cyangwa Umuyobozi wa Komite Nyobozi ubushyikiriza Inama y'Abaminisitiri ku birebana n'Ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Inama Njyanama ku birebana n'urwego rw'ibanze, kugira ngo bwemezwe.

<u>Ingingo ya 85</u>: Umuyobozi w'ikigega cyihariye

Buri kigega cyihariye gikora kigenzurwa n'urwego rwa Leta cyangwa urwego rw'ibanze kiyoborwa n'umuyobozi ushyirwaho na Minisitiri cyangwa Umuyobozi wa Komite Nyobozi w'urwego rw'ibanze.

Umuyobozi ayobora ikigega cyihariye kandi

which the special fund is to be administered;

2 º provide a clear justification as to why a special fund is deemed appropriate for improved service delivery given the legislative and policy mandate of the controlling public entity or decentralized entity;

3 º indicate how the activities of the proposed special fund will facilitate implementation of the controlling entity's medium term strategy;

4 º demonstrate how the activities of the proposed special fund will fit in the overall medium term plan.

The request to establish a special fund shall be addressed to the Minister or the Chairperson of the Executive Committee, who shall submit to Cabinet or the Council for approval in the case of Central Government and decentralized entity respectively.

<u>Article 85</u>: Administrator of a special fund

Each special fund operating under the control of a public entity or a decentralized entity shall be headed by an administrator designated by the Minister or Chairperson of the Executive Committee of a decentralized entity.

The administrator of the special fund shall

de la gestion du fonds spécial;

2 º donner une justification claire selon laquelle un fonds spécial est jugé nécessaire pour améliorer la prestation de service étant donné le mandat législatif et la politique de l'entité publique de supervision ou de l'entité décentralisée;

3 º indiquer comment les activités du fonds spécial proposé faciliteront l'exécution de la stratégie à moyen terme de l'entité de contrôle;

4 º démontrer comment les activités du fonds spécial proposé seront integrées dans le plan global à moyen terme.

La demande de l'établissement d'un fond spécial est adressée au Ministre ou au Président du Comité Exécutif, qui la soumet au Conseil des Ministres pour l'Administration Centrale ou au Conseil pour l'entité décentralisée pour approbation.

<u>Article 85</u>: Administrateur d'un fonds spécial

Chaque fonds spécial fonctionnant sous le contrôle d'une entité publique ou d'une entité décentralisée est dirigé par un administrateur désigné par le Ministre ou par le Président du Comité Exécutif d'une entité décentralisée.

L'administrateur du fond special administre le

ashinzwe imicungire y'ibikorwa byacyo bya buri munsi.

Umuyobozi w'ikigega cyihariye amenya neza ko amafaranga abitse mu kigega, harimo ayinjiye n'ayasohotse, yakoreshejwe gusa ku mpamvu icyo kigega cyihariye cyashyiriweho.

Umuyobozi w'ikigega cyihariye akorera raporo Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa rya serivisi na gahunda za Leta zisabwa.

Ingingo 86: Politiki n'uburyo bwo gutanga raporo mu rwego rwo guha icyerekezo abayobozi

Politiki n'uburyo bwo gutanga raporo mu rwego rwo guha icyerekezo abayobozi bigizwe n'ibi bikurikira:

1 º Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenga ikigega cyihariye, mu gihe cyo gusaba ishyirwaho ry'ikigega cyihariye kandi byemewe na Minisitiri, ashyiraho politiki n'uburyo bwo gutanga raporo byakoreshwa n'umuyobozi;

2 º Umuyobozi abazwa raporo n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rushinzwe kugenzura ikigega cyihariye kandi atanga

administer the fund and be responsible for its daily management.

The administrator of a special fund shall ensure that money held in the fund, including any earnings or accruals thereof is spent only for the purposes for which the special fund is established.

The administrator of the special fund shall be accountable to the Chief Budget Manager of the relevant public entity for the implementation of assigned public services and programmes.

Article 86: Policy and reporting framework that provide guidance to administrators

The policy and reporting framework which provide guidance to administrators shall be composed of the following:

1 º the Chief Budget Manager of a public entity operating a special fund shall formulate, at the time of applying for the establishment of a special fund, a policy and reporting framework for the administrator's use subject to the approval of the Minister;

2 º the administrator is accountable to the Chief Budget Manager of the controlling public entity of the special fund and must forward budget, plans and reports or

fonds et est responsable de sa gestion quotidienne.

L'administrateur d'un fonds spécial s'assure que les avoirs gardés dans le fonds, y compris les gains ou les charges y relatives sont utilisés uniquement à des fins pour lesquelles le fonds spécial est établi.

L'administrateur du fonds spécial est tenu de rendre compte au gestionnaire principal du budget de l'entité publique concernée pour l'accomplissement des services et des programmes publics assignés.

Article 86: Politique et cadre de rapports pour donner des orientations aux administrateurs

Les politique et cadre de rapports pour donner des orientations aux administrateurs se composent des éléments suivants :

1 º le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique qui gère un fonds spécial peut, au moment de la demande de création d'un fonds spécial, formule une politique et un mecanisme de rapport pour l'usage de l'administrateur, sous réserve de l'approbation par le Ministre;

2 º l'administrateur est responsable devant le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité publique de supervision du fonds spécial et doit transmettre le budget, les

ingengo y'imari, gahunda, raporo n'impushya byose bisabwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rukigenzura ;

3 º politiki n'uburyo bwo gutanga raporo bigena uburyo ikigega cyihariye kigomba guseswa ;

4 º amafaranga agenerwa ingengo y'imari y'ikigega cyihariye agomba gusobanurwa ku buryo burambuye mu ngengo y'imari ya Leta itangwa n'urwego rwa Leta rukigenzura hamwe n'ibisobanuro bigaragaza serivisi zitangwa n'ikigega cyihariye.

approvals required through the Chief Budget Manager of the controlling public entity;

3 º a policy and reporting framework shall specify the manner in which the special fund shall also be disolved.

4 º the budget allocations to a special fund shall be adquately motivated in the Government budget under the responsible controlling entity together with a description of services provided by the special fund.

plans et les rapports ou les approbations requises via le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité publique de supervision;

3 º la politique et le mecanisme de rapport précisent les modalités de dissolution du fonds spécial;

4 º les allocations budgétaires accordées à un fonds spécial sont clairement motivées dans le budget du Gouvernement sous la rubrique de l'entité de tutelle, avec une description des services offerts par le fonds spécial.

Ingingo ya 87: Amakonti y'ibigega byihariye

Amakonti y'ibigega byihariye akora nk'indi konti ya banki iyo ari yo yose y'urwego rwa Leta nk'uko biteganwa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.

Article 87: Bank accounts of Special funds

Bank accounts for special funds shall be operated like any other bank account of a public entity as provided for in the Organic Law and this Order.

Article 87: Comptes bancaires des fonds spéciaux

Les comptes bancaires pour les fonds spéciaux sont utilisés comme tout autre compte bancaire d'une entité publique telle que prévu par la Loi Organique et le présent arrêté.

Ingingo ya 88: Ibisabwa mu kugena inkunga y'ikigega cyihariye n'amafaranga gikoresha

Agishije inama Ikigega cya Leta, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura ikigega cyihariye cyangwa uw'urwego rw'ibanze ni we ugena ibisabwa byerekeye inkunga y'ikigega kandi iyo nkuga igomba guteganywa mu ngengo y'imari.

Mu kugena amafaranga yo gukoresha mu igura

Article 88: Requirements for funding Special fund and its expendutures

In consultation with the Treasury, the Chief Budget Manager of a public entity which supervises the special fund or decentralized entity shall determine conditions for financing special fund and must be planned in the financial budget.

In determining expendutures for goods or services,

Article 88: Conditions de financement du fonds spécial et ses dépenses d'utilisation

Les conditions de financement d'un fonds spécial sont déterminées en consultation avec le Trésor, par le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité de supervision ou de l'entité décentralisée et doivent être prevues dans le budget.

Pour déterminer les dépenses d'utilisation des

ry'ibintu cyangwa rya serivisi, umuyobozi ashakisha uko agaruza amafaranga yose abitangwaho, keretse Minisitiri yemeje amafaranga ari hasi yayo.

the administrator of a public fund shall seek to recover the full cost of providing the goods or services, unless the Minister approves lower charges and fees.

biens ou des services, l'administrateur d'un fonds public cherche à couvrir le coût total de la fourniture des biens ou des services, à moins que le Ministre n'approuve les charges et frais d'utilisation inférieurs.

Byemejwe na Minisitiri, umuyobozi asuzuma igipimo cy'amafaranga azakoreshwa nibura rimwe mu mwaka mu gihe cyo gutegura ingengo y'imari.

Subject to the approval of the Minister, the administrator shall review rates for expendutures and fees at least annually during the budget process.

Sous réserve de l'approbation du Ministre, l'administrateur examine les taux pour les frais d'utilisation, au moins une fois par an au cours du processus d'élaboration budgétaire.

Buri muyobozi w'ikigega cya Leta yohereza ingengo y'imari y'umwaka kugira ngo yemezwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura ikigega cyihariye cyangwa w'urwego rw'ibanze bitarenze impera z'ukwezi kwa Gashyantare kwa buri mwaka.

Every administrator of a public fund shall submit its annual budget for approval to the Chief Budget Manager of the controlling public entity or decentralized entity not later than the end of February of each year.

Chaque administrateur d'un fonds public soumet au Gestionnaire Principal du Budget de l'entité public de supervision ou d'une entité publique décentralisée son budget annuel pour approbation au plus tard à la fin du mois de février de chaque année.

<u>Ingingo ya 89</u>: Gukurikirana no gutanga raporo z'ibigega byihariye

<u>Article 89:</u> Monitoring and reporting of special funds

<u>Article 89</u>: Suivi et rapports des fonds spéciaux

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura ikigega cyihariye ashyikiriza Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta cyangwa Komite Nshingwabikorwa amakuru ya buri gihembwe yerekeye ingengo y'imari nk'igice cya raporo y'uwo mwaka.

The Chief Budget Manager of a public entity supervising a special fund shall provide to the Secretary of the Treasury or the Executive Committee the quarterly fiscal information as part of mid-year report.

Le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique de supervision d'un fonds spécial fournit au Secrétaire au Trésor ou au Comité Exécutif l'information fiscale trimestrielle dans le cadre des rapports de l'année en cours.

Mu gihe umuyobozi w'ikigega cyihariye atari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rugenzura, uwo muyobozi ashyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura, amakuru, kugira ngo ayashyire muri

If the administrator of the special fund is not the Chief Budget Manager of the supervising entity, the administrator shall provide the information to the Chief Budget Manager of the supervising entity so that it is included inin its quarterly fiscal reports.

Lorsque l'administrateur du fonds spécial n'est pas le Gestionnaire Principal du Budget de l'entité de contrôle, cet administrateur fournit l'information au Gestionnaire Principal du Budget de l'entité de contrôle pour l'insertion dans les rapports fiscaux trimestriels de l'entité de

raporo z'ingengo y'imari za buri gihembwe z'urwego rugenzura.

contrôle.

Ibikorwa by'ingengo y'imari, birimo raporo y'imari y'ikigega cyihariye bishyirwa muri raporo ya buri mwaka y'urwego rwa Leta rushinzwe kugenzura icyo kigega cyihariye.

Fiscal operations, including financial statements of the special fund shall be incorporated into the annual report of the entity responsible for the special fund.

Les opérations fiscales, y compris les rapports financiers du fonds spécial sont incorporées dans le rapport annuel de l'entité responsable de ce fonds spécial.

<u>Ingingo ya 90</u>: Kwegurira undi umutungo w'ikigega cyihariye no gusubiza amafaranga asaguka ku yateganyijwe

<u>Article 90</u>: Disposal of assets of a special fund and remittance of surplus funds

<u>Article 90</u>: Aliénation des actifs d'un fonds spécial et remise des fonds excédentaires

Iyo umutungo ugomba kwegurirwa undi mu buryo butari ubusanzwe mu mirimo y'ikigega cyihariye, Umunyamabanga w' Ikigega cya Leta abanza kubyemeza mbere y'uko igikorwa kiba.

When assets are to be disposed through means other than the ordinary course of the business of the special fund, the Secretary to Treasury shall first approve it before the transaction is effected.

Lorsque les actifs doivent être aliénés autrement que par le cours normal de l'activité du fonds spécial, le Secrétaire au Trésor les approuve avant que la transaction ne soit effectuée.

Mu mpera za buri mwaka w'ingeno y'imari kandi nyuma y'igenzurwa ry'ibitabo by'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura ikigega cyihariye amenyesha Umunyamabanga w'ikigega cya Leta cyangwa Komite Nshingwabikorwa, amafaranga arenga ku yagenwe cyangwa ay'igihombo.

At the end of each financial year and after books of accounts have been audited, the Chief Budget Manager of a controlling public entity of a special fund shall declare any surplus or deficit to the Secretary to the Treasury or to the Executive Committee.

A la fin de chaque exercice bugdétaire et après que les livres comptables aient été audités, le Gestionnaire Principal du Budget d'une entité publique de contrôle d'un fonds spécial, déclare tout excédent ou déficit au Secrétaire au Trésor ou au Comité Exécutif.

Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta ashobora gukoresha amafaranga y'ikirenga avugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo kugira ngo agabanye amafaranga y'ingengo y'imari yoherezwa mu kigega cyihariye, cyangwa agasaba ko yose cyangwa igice cyayo yongera gusubizwa mu kigega gihurizwamo imari ya Leta cy'Ubutegetsi Bwite bwa Leta cyangwa icy'urwego rw'ibanze.

The Secretary to the Treasury may may put to use the surplus mentioned in Paragraph two of this Article to reduce any proposed fiscal transfer payments to the special fund, or require that all or part of it be re-deposited in the consolidated fund of the Central Government or of a decentralized entity.

Le Secrétaire au Trésor peut utiliser tels excédents mentionnés à l'alinéa deux du présent article pour réduire tout paiement par transfert fiscal proposé au fonds spécial, ou exiger que tout ou partie de celui-ci soit redéposé dans le fonds consolidé de l'Administartion Centrale ou d'une entité décentralisée ;

Mu gihe ikigega cyihariye gifunzwe, imitungo

Upon closure of a special fund, all assets and

A la clôture d'un fonds spécial, tous les actifs et

yose n'imyenda y'ikigega cyihariye gikorana n'ubuyobozi bw'urwego rwa Leta byohererezwa urwego rwa Leta rugenzura cyangwa urwego rw'ibanze.

Ingingo ya 91: Iseswa ry'ikigega cyihariye

Minisitiri, abigiriwemo inama n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta, ashobora gutegeka ko haba iseswa ry'ikigega cyihariye iyo ibyavuye mu isuzuma, ryaba iry'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta cyangwa irindi suzuma ryigenga rigaragaje:

1 º intege nke mu micungire y'umutungo w'ikigega cyihariye, ku buryo bugaragara cyangwa bukabije;

2 º ko umuyobozi cyangwa Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura yananiwe ku buryo buhoraho gushyira mu bikorwa imyanzuro y'igenzura ijyana n'ikigega cyihariye;

3 º ko Ikigega cyihariye cyananiwe ku buryo buhoraho kugera ku ntego, ku musaruro n'icyo cyashyiriweho ubwo cyashyingwaga;

4 º ko ivugurura ry'inzego za Leta ryemejwe ridashyigikiye ko ikigega cyihariye gikomeza kubaho.

liabilities of the special fund operating within the administration of a public entity shall be transferred to the supervising public entity or the decentralized entity.

Article 91: Dissolution of a special fund

The Minister on advice of the Secretary to the Treasury may order for compulsory dissolution of a special fund if the appraisal findings either by the Auditor General of State Finances or any other independent assessment reveal:

1 º gross or significant weaknesses in financial management of a special fund;

2 º persistent failures by the administrator and or the Chief Budget Manager of the controlling public entity to implement audit recommendations relating to the special fund;

3 º consistent failure of the special fund to achieve the objectives, outcomes and purposes for which it was established;

4 º that a duly concluded restructuring of Government function does not support continued existence of the special fund.

dettes du fonds spécial au sein de l'administration d'une entité publique sont transférés à l'entité publique de contrôle ou à l'entité décentralisée.

Article 91: Dissolution d'un fonds spécial

Sur avis du Secrétaire au Trésor, le Ministre peut ordonner la dissolution obligatoire d'un fonds spécial si les résultats d'évaluation faits par l'Auditeur Général des Finances de l'Etat ou par tout autre organe indépendant d'évaluation révèlent :

1 º les faiblesses flagrantes ou importantes dans la gestion financière d'un fonds spécial;

2 º les défaillances persistantes de l'administrateur et ou du Gestionnaire Principal du Budget de l'entité publique de contrôle de mettre en application des recommandations d'audit relatives au fonds spécial;

3 º l'incapacité persistante du fonds spécial d'atteindre les objectifs, et les résultats pour lesquels il a été créé;

4 º qu'une réforme dûment conclue de la fonction du Gouvernement ne recommande pas l'existence continue du fonds spécial.

Ikigega cyihariye kandi gishobora guseswa iyo Minisitiri cyangwa umuyobozi wa Komite Nshingwabikorwa y'urwego rwa Leta rugenzura ikigega cyihariye asanze cyarujuje neza intego zatumye gishingwa.

Mu gihe cy'iseswa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kumenya ko amabwiriza yo gusesa ikigega yashyizwe mu bikorwa kandi ko yubahirizwa biri mu nshingano z'Umuyobozi w'urwego rwa Leta n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rugenzura.

Ibigega byihariye byasheshwe mu gihe cy'umwaka bigaragazwa muri raporo y'uwo mwaka y'urwego rwa Leta rugenzura.

UMUTWE WA IX: IHURIRO RY'INZEGO ZA LETA KU MIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI

Ingingo ya 92: Ishyirwaho, intego n'imikorere by'Ihuriro ry'Inzego za Leta ku mikoreshereze y'Ingengo y'Imari

Amaze kugisha inama Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, Minisitiri ashyiraho Ihuriro ry'inzego za Leta ku Mikoreshereze y'Ingengo y'Imari, IGFRF, mu magambo ahinnye y'Ururimi rw'Icyongereza.

IGFRF ni uburyo bufasha Minisitiri kujya inama na Komite Nyobozi z'inzego z'ibanze na

A special fund may also be dissolved if the Minister or Chairperson of the Executive Committee responsible for controlling a public entity of the special fund considers that the special fund has successfully completed the specific objectives for which it was created.

In the event of dissolution referred to in Paragraph One of this Article, it shall be the responsibility of the Executive Head and the Chief Budget Manager of the supervising entity to ensure that instructions to dissolve the fund are enforced and adhered to.

The special funds dissolved during the year shall be disclosed in the annual report of the supervising entity.

CHAPTER IX: INTERGOVERNMENTAL FISCAL RELATIIONS FURUM

Article 92: Establishment, purpose and functioning of Intergovernmental Fiscal Relatiions Furum

The Minister, in consultation with the Minister in charge of Local Government, shall establish an Intergovernmental Fiscal Relatiions Furum, abbreaviated as IGFRF.

IGFRF shall be the mechanism for the Minister to consult with the Executive Committees of the

Un fonds spécial peut également être dissous si le Ministre ou le Président du Comité Exécutif responsable d'une entité publique de contrôle d'un fonds spécial estime que ce fonds spécial a accompli avec succès l'objectif pour lequel il a été créé.

En cas de dissolution visée à l'alinéa premier du présent article, il est de la responsabilité du Responsable Exécutif et du Gestionnaire Principal du Budget de l'entité de contrôle de s'assurer que les instructions de dissolution du fonds sont mises en application et respectées.

Les fonds spéciaux dissous au cours de l'année sont indiqués dans le rapport annuel de l'entité de contrôle.

CHAPITRE IX: FORUM INTERGOUVERNEMENTAL SUR DES RELATIONS BUDGETAIRES

Article 92: Création, objet et fonctionnement du Forum Intergouvernemental sur des relations budgétaires

Le Ministre, en consultation avec le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions, met en place un Forum Intergouvernemental sur des Relations Budgétaires, IGFRF, en sigles Anglais.

IGFRF est un mécanisme par lequel le Ministre consulte des Comités Exécutifs des entités

Minisitiri ufite inzego z'ibanze mu nshingano ze ku byerekeye kohereza amafaranga mu nzego z'ibanze, ku bisabwa mu guhitamo amafaranga izo nzego zigenerwa n'ibindi byose birebana n'imicungire y'imari mu nzego z'ibanze n'imikoranire y'inzego ku mikoreshereze y'ingengo y'imari.

decentralised entities and the Minister responsible for decentralised entities on fiscal transfers to decentralised entities, on conditions for selecting fiscal grants, and other matters pertaining to financial management in decentralized entities and on inter-governmental fiscal interactions.

décentralisées et le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions sur les transferts budgétaires vers les entités décentralisées, sur les conditions d'adoption des subventions budgétaires et autres questions relatives à la gestion financière dans les entités décentralisées ainsi que les interactions budgétaires intergouvernementales.

Ibiro bya Minisitiri w'intebe biyobora IGFRF.

The Prime Minister's Office shall chair IGFRF.

Le Bureau du Premier Ministre préside IGFRF.

Abagize IGFRF basohoza inshingano zabo hakurikijwe ibyumvikanyweho mu rwego rwo gushyira hamwe mu miyoborere.

Members of IGFRF shall exercise their mandate in accordance with agreed upon terms of reference in the spirit of cooperative governance.

Les membres de IGFRF exercent leur mandat conformément aux termes de référence adoptés dans l'esprit de la gouvernance coopérative.

IGFRF iterana nibura kabiri (2) mu mwaka kugira ngo baganire ku bibazo by'inzego za Leta ku mikoreshereze y'ingengo y'imari no ku ngamba zijyanye na byo.

IGFRF shall meet at least twice a year to discuss intergovernmental fiscal relations matters and associated policies.

IGFRF se réunit au moins deux (2) fois par an pour discuter des questions des relations budgétaires intergouvernementales et des politiques connexes.

Uburyo bw'imikorere ya IGFRF bushyirwaho mu nama yaryo ya mbere.

Functinal modalities for IGFRF shall be adopted at its first meeting.

Les modalités de fonctionnement de IGFRF sont adoptées en sa première réunion.

Inama zose zateganijwe za IGFRF zigaragazwa neza mu ngengabihe y'ingengo y'imari itangwa na Minisiteri.

All scheduled meetings of IGFRF shall be clearly indicated in the Budget Calendar issued by the Ministry.

Toutes les réunions de IGFRF sont clairement indiquées dans le calendrier budgétaire publié par le Ministère.

Minisitiri areba neza ko ibyemezo byafashwe n'imyanzuro ya IGFRF byatangajwe vuba bishoboka.

The Minister shall ensure that the decisions and recommendations of IGFRF are timely announced.

Le Ministre s'assure que les décisions et les recommandations de IGFRF sont publiées aussitôt que l'accord ait été conclu.

Ishami rishinzwe imikoranire y'inzego za Leta ku mikoreshereze y'ingengo y'imari muri Minisiteri rikora akazi k'ubunyamabanga bwa IGFRF.

The Fiscal Decentralization Unit in the Ministry shall serve as the secretariat for IGFRF.

L'Unité de Decentralisation Fiscale au sein du Ministère assure le secrétariat de IGFRF.

IGFRF ishyikiriza raporo Ibiro bya Perezida

The IGFRF shall report to the Presidency Office

L'IGFRF fait rapport à la Présidence par le biais

ribinyujije ku Biro bya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 93: Abagize IGFRF

IGFRF rigizwe n'abantu bakurikira:

1 º . uhagarariye Ibiro bya Minisitiri w'Intebe;

2 º uhagarariye Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi;

3 º uhagarariye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu;

4 º uhagarariye Minisiteri y'Uburezi;

5 º uhagarariye Minisiteri y'Ubuzima;

6 º uhagarariye Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi

7 º Abayobozi b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali;

8 º Abayobozi ba Komite Nyobozi z'inzego z'ibanze;

9 º Uhagarariye Ishyirahamwe rihuza Uturere n'Umujyi wa Kigali (RALGA).

through the Office of the Prime Minister.

Article 93: Composition of IGFRF

IGFRF shall composed of the following members:

1 º. a representative of the Prime Minister's Office;

2 º. a representative of the Ministry of Finance and Economic Planning;

3 º. a representative of the Ministry of Local Government;

4 º. a representative of the Ministry of Education;

5 º. a representative of the Ministry of Health;

6 º. a representative of the Ministry of Agriculture and Animal Resources

7 º. Provincial Governors and Mayor of the City of Kigali;

8 º.Chairpersons of Executive Committees of the decentralised entities;

9 º. a representative of Rwanda Association of Local Government Authorities (RALGA).

du bureau du Premier Ministre.

Article 93: Composition de IGFRF

IGFRF est composé des membres suivants:

1 º un represéntant du Bureau du Premier Ministre;

2 º un represéntant du Ministère des Finances et de la Planification Economique;

3 º un represéntant du Ministère de l'Administration Locale;

4 º un represéntant du Ministère de l'Education;

5 º un represéntant du Ministère de la Santé;

6 º un represéntant du Ministère de l'Agriculture

7 º les Gouverneurs des Provinces et le Maire de la Ville de Kigali;

8 º les ¨Présidents des Comités Exécutifs des Entités Décentralisées;

9 º un represéntant de l'Association Rwandaise des Gouvernements Locaux (RALGA).

Ingingo ya 94: Inshingano IGFRF

IGFRF ifite inshingano zikurikira :

1 º gutanga imyanzuro ku nyandiko igaragaza ishusho y'ingengo y'imari ndetse by'umwihariko gahunda y'ubukungu rusange n'ingamba zerekeye ingengo y'imari;

2 º gusuzuma imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Ubutegetsi Bwite bwa Leta n'inzego z'ibanze ugereranyije n'intego z'ingengo y'imari na politiki yagaragajwe mu ngamba z'ingengo y'imari;

3 º gutanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga w'ingengo y'imari n'ingengo y'imari iteganyijwe mu mwaka mbere yo gusuzumwa no kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri;

4 º gutanga imyanzuro kuri gahunda yo kuzahura imari y'urwego rw'ibanze.

Ingingo ya 95: Uburyo bwo korohereza IGFRF mu nshingano zayo

Kugira ngo ibashe gushyira mu bikorwa inshingano zayo, IGFRF imenyeshwa ibi bikurikira:

1 º guhagarika kohereza amafaranga mu nzego z'ibanze bitewe no kutubahiriza

Article 94: Responsibilities of IGFRF

IGFRF shall have the following responsibilities:

1 º to provide recommendations on the budget outlook paper, and in particular the macroeconomic and fiscal strategy;

2 º to assess of the budgetary performance of the central and decentralized entities against the fiscal targets and policies specified in the fiscal strategies;

3 º to provide comments on the Budget Framework Paper and the annual budget estimates before consideration and approval by the Cabinet;

4 º to provide recommendations on financial recovery plan of a decentralized entity.

Article 95: Means of facilitating IGFRF responsibilities

To ease its responsibilities, IGFRF shall be kept informed about the following:

1 º suspension of funds to decentralised entities due to serious

Article 94: Attributions de IGFRF

IGFRF a les attributions suivantes:

1 º donner des recommandations sur le document des perspectives budgétaires, et en particulier la stratégie macro-économique et budgétaire;

2 º faire une évaluation de l'exécution du budget des entités centrales et décentralisées comparée aux objectifs budgétaires et aux politiques prévus dans les stratégies budgétaires;

3 º donner les observations sur le Document de Cadrage Budgétaire et les prévisions budgétaires annuelles avant son examen et son adoption par le Conseil des Ministres;

4 º donner des recommandations sur le plan financier de redressement d'une entité décentralisée.

Article 95: Moyens de faciliter IGFRF dans l'exercice de ses attributions

En vue d'être facilité dans l'exercice de ses attributions, IGFRF est tenu informé de ce qui suit:

1 º la suspension des fonds destinés aux entités décentralisées en raison de

bigaragara cyangwa bihoraho ibyerekeye itangwa rya serivisi;

2 º ishyirwaho ry'inzego nshya za Leta n'ibigega byihariye mu miyoborere ya za Minisiteri bifite aho bihuriye n'ibikorwa by'inzego z'ibanze;

3 º ingengabihe y'ingengo y'imari na gahunda yo kuyitegura;

4 º imenyekanisha ry'ibiza byateye mu Gihugu n'inkunga zitangwa zivuye mu kigega cy'ingoboka ;

5 º ibibazo binyuranye byagaragajwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu igenzura ry'amakuru ajyanye n'imikoreshereze y'imari n'undi mutungo bya Leta.

UMUTWE WA X: IBARURAMARI, GUTANGA RAPORO N'UBUGENZUZI BW'IMARI BUKOZWE N'ABATURUTSE HANZE

Ingingo ya 96: Amahame shingiro mu gutegura raporo z'imari

Ugutegura raporo z'imari kugendera ku mahame shingiro akurikira :

1 º ifaranga rikoreshwa muri raporo ni ifaranga

or persistent material breaches in service delivery;

2 º establishment of new public entities and special funds in the administration of Central Government ministries with an impact on the operations of decentralised entities;

3 º budget calendar and budget process;

4 º declaration of national disasters and allocation of funds from the emergency reserve;

5 º cross-cutting issues raised by the Auditor General in the audit of financial and non-financial performance information

CHAPTER X: ACCOUNTING, REPORTING AND EXTERNAL AUDIT

Article 96: Fundamental principles for preparing financial statements

The preparation of financial statements shall be based on the following fundamental principles:

1 º the reporting currency shall be the

violations matérielles graves ou persistantes dans la prestation de services;

2 º la création de nouvelles entités publiques et des fonds spéciaux dans l'administration des Ministères de l'Administration Centrale ayant un impact sur les opérations des entités décentralisées;

3 º le calendrier budgétaire et le processus budgétaire ;

4 º la déclaration des catastrophes sourvenus au Pays et l'allocation des fonds provenant de la réserve d'urgence ;

5 º les questions transversales soulevées par l'Auditeur Général dans l'audit sur les informations relatives à la performance financière et non-financière.

CHAPITRE X: COMPTABILITE, RAPPORT ET AUDIT EXTERNE

Article 96: Principes fondamentaux pour la préparation des états financiers

La préparation des états financiers est basée sur les principes fondamentaux suivants:

1 º les états financiers sont **é**tablis en Franc

ry'u Rwanda.

2 º igihe gitangwaho raporo y'ibaruramari ni icy'umwaka w'ingengo y'imari uhera ku itariki ya mbere Nyakanga ukageza ku ya 30 Kamena. Imibare ishingirwaho mu kugereranya ni iy'igihe nk'icyo icy'umwaka wabanje;

3 º ibaruramari cyangwa raporo z'imari by'Ubutegetsi Bwite bwa Leta, iby'inzego z'ibanze n'iby'ibigo bya Leta byandika mu bitabo by'ibaruramari ibikorwa byabaye mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari;

4 º ibikorwa byose by'imari by'urwego rwa Leta byandikwa ku mubare wabigenewe hakoreshejwe urutonde rw'amakonti akoreshwa yemejwe na Minisitiri ;

5 º ibitabo by'ibaruramari bifungwa buri kwezi bitarenze tariki ya 15 y'ukwezi gukurikiyeho. Ubugororangingo bwose bujyanye n'igihe cyashojwe bukorwa binyuze mu bitabo by'ikosora mu bihe bikurikiyeho;

6 º ibitabo by'ibaruramari by'umwaka w'ingengo y'imari bishobora gukomeza kuba bifunguye kugeza mu gihe cyagenwe mu mwaka ukurikiyeho nk'uko byagenwe n'Umubaruramari Mukuru mu gusoza ibikorwa by'ibaruramari mu mpera z'umwaka, no kugira ngo hakorwe ubugororangingo bwa ngombwa.

Rwanda Franc.

2 º the reporting period is the fiscal year from 01st July to 30th June. The comparatives, where applicable, shall reflect the same period for the previous year;

3 º the accounts or financial statements of the Central Government entities, decentralized entities and public institutions shall record transactions which take place during a fiscal year;

4 º all financial transactions of a public entity shall be coded using the standard chart of accounts approved by the Minister;

5 º the books of accounts shall be closed every month not later than the 15th of the following month. Any subsequent adjustments relating to the closed period shall be effected by way of adjustment journals in the following periods;

6 º books of accounts for a fiscal year may be kept open for a specified period in the following year as specified by the Accountant General for completion of the end-of-year accounting processes and for performing the necessary adjustments. Adjustments may be made after 30th June in order to rectify or correct mis-postings,

Rwandais;

2 º la période de rapport s'étend sur l'exercice budgétaire allant du 01er juillet au 30 juin. Les chiffres comparatifs, le cas échéant, reflètent la même période pour l'année précédente;

3 º les comptes ou les rapports financiers des entités de l'Administration Centrale, des entités décentralisées et des établissements publics enregistrent les transactions qui ont lieu au cours d'un exercice budgétaire;

4 º toutes les transactions financières d'une entité publique sont codées à l'aide du plan comptable normalisé approuvé par le Ministre.

5 º la clôture périodique des livres comptables se fait pour chaque mois au plus tard le 15 du mois suivant. Tous les ajustments éventuels se rapportant à la période clôturée sont passés au moyen des livres d'ajustement pendant les périodes suivantes;

6 º les livres comptables pour l'exercice budgétaire peuvent être tenus ouverts pour une période déterminée de l'année suivant l'exercice tel que spécifié par le Comptable Général pour l'accomplissement du processus de fin d'année comptable et pour effectuer les ajustements nécessaires. Les ajustements peuvent être effectués après le 30 juin en vue

Ubugorarangingo bushobora gukorwa nyuma y'itariki 30 Kamena mu rwego rwo gukosora cyangwa guhindura amakuru yatanzwe atari yo, gukosora ibyiciro byakozwe nabi no guhuza ibyagaragajwe n'igenzura rikorwa n'abagenzuzi baturutse hanze bituma raporo z'imari zitungana;

7 º Umubaruramari mukuru, bitarenze iminsi 30 mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira, amenyesha Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta, itariki yo gusorezaho amakonti, kandi buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta akamenya neza ko imibare iri ku makonti ihura n'imibare yo mu bitabo by'ibaruramari mbere y'itariki yo gusoza.

<u>Ingingo ya 97</u>: Gahunda y'ibaruramari ikoreshwa

Minisitiri Abigiriwemo inama n'Umubaruramari Mukuru, atangaza Gahunda y'Ibaruramari kugira ngo ikoreshwe n'inzego za Leta zose, keretse ibigo bya Leta bishobora kwishyiriraho gahunda ijyanye n'ibikorwa by'imari bikora.

Kugira ngo hashobore gutangwa amakuru yerekeye imari, gahunda y'ibaruramari igira nibura ibice by'igenzi bikurikira:

1 º **Urwego-** igice kigaragaza amashami n'udushami by'ubuyobozi bushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta;

misclassifications, and external audit adjustments impacting on fair presentation of the financial statements;

7 º the Accountant General shall, not later than 30 days before the end of the fiscal year, inform Chief Budget Managers of the date of final closure of the accounts and each Chief Budget Manager shall ensure that their accounts balances are in agreement with the underlying books of accounts before the date of final closure.

<u>Article 97:</u> Standardised chart of accounts

The Minister, on the advice of the Accountant General, shall issue a standard chart of accounts to be applied by all public entities, with the exception of public institutions which may develop chart of accounts adapted to their financial operations.

To enable generation of financial information, the chart of accounts shall have following key segments:

1 º **Administrative-** describing administrative units and departments responsible for management of state finances and property;

de rectifier ou corriger les écritures incorrectes, les erreurs de classification ainsi que les ajustements d'audit externe ayant un impact sur la présentation fidèle des états financiers ;

7 º le Comptable Général informe, au plus tard 30 jours avant la fin de l'exercice budgétaire, les Gestionnaires Principaux du Budget de la date de clôture des livres comptables et chaque Gestionnaire Principal du Budget s'assure que leurs soldes sont en harmonie avec les livres comptables y relatifs avant la date de clôture.

<u>Article 97</u>: Plans comptables modèles

Le Ministre, sur avis du Comptable Général, émet un plan comptable modèle devant être appliqué par toutes les entités publiques, à l'exception des établissements publics qui peuvent développer un plan comptable adapté à leurs opérations financières.

Pour permettre la production de l'information financière, le plan comptable doit contenir au moins des parties clées suivantes :

1 º **Organisation**: décrivant des unités administratives et les départements responsables de la gestion des finances et

2 º **Aho amafaranga aturuka-** igice kigaragaza aho amafaranga ahabwa urwego rwa Leta aturuka n'uko yakoreshejwe;

3 º **Porogaramu n'ibikorwa** – igice kigaragaza porogaramu na suporogaramu za Leta zishingiye kuri politiki n'intego bya Leta;

4 º **Ibyiciro by'ubukungu**: – igice kigaragaza imimerere y'ibaruramari risanzwe ry'ibikorwa by'imari harimo amafaranga yinjiye, ayakoreshejwe, imitungo, imyenda n'amafaranga y'ingoboka;

5 º **Icyerekezo**– igice kigaragaza ahantu hazwi abagenerwabikorwa b'amafaranga ya Leta akoreshwa babarizwa;

6 º **Icyiciro cy'ingengo y'imari** –igice gishyira mu byiciro ingengo y'imari harimo ingengo y'imari isanzwe, iy'iterambere n'ibindi byiciro by'ingengo y'imari.

Ingingo ya 98: Uburyo bw'ikoranbuhanga bukoreshwa mu bijyanye n'imari

Buri rwego rwa Leta rubika mu buryo buboneye inyandiko z'ibaruramari haba mu buryo bw'igitabo cyanditse gifatika cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.

2 º **Source of funding-** describing the sources of funding to public entity and corresponding expenditures financed;

3 º **Programmes and functions** – describing the Government programmes and sub-programmes reflecting Government policies, goals and objectives;

4 º **Economic classification** – describing the natural accounting nature of financial transactions including revenues, expenditures, assets, liabilities and reserves.

5 º **Geographical location** – describing the geographical location of the beneficiaries of public spending;

6 º **Budget category** – categorisation of the budget into recurrent, development and other categories of the budget.

Article 98: Financial information system

Each public entity shall keep proper books of accounts either manual or in electronic form.

du patrimoine de l'Etat ;

2 º **Sources de financement** : décrivant les sources de financement de l'entité publique et les dépenses financées correspondantes ;

3 º **Programmes et fonctions** - décrivant les programmes gouvernementaux et les sous-programmes qui reflètent les politiques, les buts et les objectifs du Gouvernement ;

4 º **Classification économique** - décrivant la nature de la comptabilité naturelle des transactions financières, y compris les recettes, les dépenses, les actifs, les passifs et les réserves.

5 º **Emplacement géographique** - décrivant l'emplacement géographique des bénéficiaires des dépenses publiques;

6 º **Catégorie du budget-** décrivant la catégorisation du budget de fonctionnement et le budget des dépenses de développement et autres catégories du budget.

Article 98: Système d'information financière

Chaque entité publique tient des livres de comptes soit sous forme manuelle ou électronique.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta bashinzwe kurinda sisiteme y'icungamari no kumenya neza ko itanga ibikenewe mu micungire y'imari n'ibisabwa mu mitangire ya raporo y'urwego rwa Leta, kandi aho biri ngombwa bagasaba ubufasha n'inama by'Umubaruramari Mukuru

The Chief Budget Managers of public entities shall be responsible for the financial management system maintenance and ensure that it meets the financial management and reporting needs of the public entity, and shall seek support and advice, as necessary, from the Accountant General.

Les Gestionnaires Principaux du Budget des entités publiques sont responsables de la maintenance du système de gestion financière et s'assurent qu'il répond aux exigences de la gestion financière et de la production des rapports de l'entité publique, et exigent l'appui et les conseils du Comptable Général, le cas échéant.

Uburyo bw'ikoranabuhanga ubwo ari bwo bwose urwego rwa Leta rushobora gukoresha mu kubika amakuru y'ibikorwa by'imari no gutanga raporo zijyanye n'icungamutungo hamwe n'ibaruramari hakurikijwe Itegeko Ngenga n'iri teka, bubanza kwemezwa n'Umubaruramari Mukuru.

Any automated system which a public entity may use to record its financial transactions and produce accounting and financial reports in accordance with the Organic Law and this Order shall require prior approval of the Accountant General.

Tout système automatisé qu'une entité publique peut utiliser pour enregistrer ses transactions financières et pour produire des rapports comptables et financiers conformément à la Loi Organique et au présent Arrêté exige l'approbation préalable du Comptable Général.

Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta afata ingamba n'ibikorwa byose byumvikana kugira ngo yirinde kwangiza, gusenya, cyangwa guhimba ibitabo by'ibaruramari n'ibitabo by'umutungo by'urwego rwa Leta ashinzwe.

Each Chief Budget Manager shall take all reasonable measures and precautions to guard against damage, destruction, or falsification of books of accounts and accounting records of the public entity under his or her is responsibility.

Chaque Gestionnaire Principal du Budget prend toutes les mesures raisonnables et précautions pour prévenir le dommage, la destruction ou la falsification des livres de comptes et des registres comptables de l'entité publique dont il est responsable.

<u>Ingingo ya 99</u>: Amabwiriza agenga ibaruramari akurikizwa mu nzego za Leta

<u>Article 99:</u> Accounting standards applicable to public entities

<u>Article 99:</u> Normes comptables applicables aux entités publiques

Inzego zose za Leta zikurikiza imigirire rusange yemewe y'ibaruramari mu itegurwa rya raporo z'imari zisabwa n'Itegeko Ngenga n'iri teka.

All public entities shall apply generally accepted accounting practices for preparation of financial reports required by the Organic Law and this Order.

Toutes les entités publiques mettent en application les pratiques comptables généralement reconnues pour la préparation des rapports financiers exigés par la Loi Organique et le présent Arrêté.

Ubutegetsi Bwite bwa Leta n'inzego z'ibanze bakurikiza amabwiriza mpuzamahanga agenga ibaruramari ry'ibigo bya Leta, IPSAS, mu magambo ahinnye y' ururimi rw'icyongereza. Mu gufasha inzego za Leta kubahiriza ayo mabwiriza,

Central Government and decentralized entities shall follow the International Public Sector Accounting Standards, abbreviated as IPSAS. Accountant General shall issue regular guidance to enable progressive compliance to these standards

L'Administration Centrale et les entités décentralisées suivent des Normes Comptables Internationales du Secteur Public, IPSAS, en sigles anglais. Le Comptable Général élabore régulièrement des conseils pour assurer la

Umubaruramari Mukuru atanga imirongo ngenderwaho mu buryo buhoraho akoresheje amavugurura y'inyandikongero z'imitangire y'amaraporo n'amabwiriza ya buri gihe.

through revisions to the reporting templates or through regular circulars.

conformité progressive de ces normes par la révision des modèles de rapports ou par des circulaires.

Ibigo bya Leta bikurikiza Amabwiriza Mpuzamahanga agenga Itangwa rya raporo y'imari IFRS, mu magambo ahinnye y' ururimi rw'icyongereza, keretse biteganyijwe ukundi na Minisitiri amaze kugisha inama Umubaruramari Mukuru.

Public institutions shall follow the International Financial Reporting Standards abbreviated as IFRS, unless prescribed otherwise by the Minister on advice by the Accountant General.

Les établissements publics suivent les Normes Internationales d'Information Financière, IFRS en sigles anglais, sauf indication contraire du Ministre sur l'avis du Comptable Général.

Umucungamari Mukuru ategura kandi agahora avugurura igitabo gikubiyemo amabwiriza ku icungamutungo n'ibaruramari kigaragaza ibisabwa mu gutanga no gutangaza raporo y'imari hakurikijwe amabwiriza ariho agenga ibaruramari.

The Accountant General shall develop and keep updated accounting and financial reporting manual which specifies financial reporting requirements and disclosures in accordance with the applicable accounting standards.

Le Comptable Général élabore et tient à jour un manuel de comptabilité et de rapport financier qui spécifie les exigences des rapports financiers et la publication conformément aux normes comptables applicables.

<u>Ingingo ya 100:</u> Inshingano zijyanye n'Uburyo bw'Ikoranabuhanga mu Micungire y'Amakuru yerekeye Imari (IFMIS)

<u>Article 100</u>: Responsibilities related to the automated Integrated Financial Management Information System (IFMIS)

<u>Article 100:</u> Attributions relatives au Système Intégré de Gestion Financière automatisée (IFMIS)

Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta afite inshingano rusange zo gukurikirana ishyirwaho no gucunga neza IFMIS igomba gukoreshwa hose muri Leta, kandi agashyiraho Umucungamari Mukuru kugira ngo agenzure buri munsi ibikorwa by'iyo sisiteme mu buryo buhujwe muri Minisiteri.

The Secretary to the Treasury has the overall oversight responsibility for the establishment and maintenance of IFMIS to be used in Government accross, and shall designate an Accountant General to oversee daily operation of the system centrally in the Ministry.

Le Secrétaire au Trésor a la responsabilité de la supervision générale de la mise en place et la maintenance de IFMIS à être utilisé au sein du Gouvernement, et désigne un Comptable Général pour superviser le fonctionnement quotidien du système central dans le Ministère.

Umucungamari Mukuru afashwa n'umukozi ufite ubumenyi mu bya tekiniki kugira ngo amenye IFMIS yizewe kandi yahawe abayikoresha, no kumenya ko ingamba zikwiye zo kurinda umutekano wayo zashyizweho.

The Accountant General shall be assisted by a technical and competent staff to ensure reliability and availability of IFMIS to users, ensure effective maintenance of the entire system, and ensure that necessary and effective security protocols for the

Le Comptable Général est assisté par le personnel technique et compétent pour assurer la fiabilité et la disponibilité de IFMIS aux utilisateurs, assure une maintenance efficace de l'ensemble du système, et veille à ce que les protocoles de

system are adequate and in place.

sécurité nécessaires et efficaces pour le système sont adéquates et en place.

Umucungamari Mukuru amenya neza ko hari uburyo buboneye bwo kubika, kugarura no gukora kopi y'ingoboka ya IFMIS kugira ngo amenye neza ko inzego za Leta zose zitabangamirwa no gutakaza amakuru.

The Accountant General shall ensure that there are adequate and functioning back-up and recovery arrangements for IFMIS to ensure that the public entities are not adversely affected by loss of data.

Le Comptable Général veille à ce qu'il ait une façon de garder et de recouvrir les données de IFMIS qui est adéquate et en bon fonctionnement et il veille à ce que les entités publiques ne soient pas affectées par la perte des données.

Umubaruramari Mukuru ashyiraho uburyo bukurikizwa mu gukoresha no gufata neza IFMIS kugira ngo amenye neza ko iyo sisiteme ikora neza kandi mu buryo bukwiye ibijyanye n'ikoreshwa ry'amakuru yerekeye imari.

The Accountant General shall develop operating procedures for the use of, and maintenance of IFMIS to ensure efficient and effective system in processing financial data.

Le Comptable Général élabore des procédures d'exploitation pour l'utilisation et l'entretien de IFMIS pour un système de traitement des données financières efficace et efficiente.

Uburyo bw'imikoreshereze ya IFMIS bugaragaza imikorere, inzira ikoreshwa n'igenzura ryerekeye kwandika, gutanga uruhushya, kwemeza, gusiba cyangwa guhindura igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa amakuru abayikoresha bafitiye uburenganzira.

The operating procedures of IFMIS shall describe the processes and controls for recording, authorization, approval, deletion or alteration of any transaction or data by the authorized users.

Les modalités de fonctionnement de IFMIS décrivent les processus et les contrôles pour l'enregistrement, l'autorisation, l'approbation, la suppression ou la modification de toute transaction ou des données par les utilisateurs autorisés.

Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta w'urwego rwa Leta rukoresha IFMIS amenya neza ko yubahiriza uburyo bukurikizwa mu mikorere bwatanzwe n'Umubaruramari Mukuru.

Every Chief Budget Manager of a public entity using IFMIS shall ensure compliance with the operating procedures of the system issued by the Accountant General.

Chaque Gestionnaire Principal du budget d'une entité publique utilisant IFMIS doit veiller à la conformité aux procédures de fonctionnement du système émis par le Comptable Général.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta b'inzego za Leta aho IFMIS yashyizwe, ashinzwe kumenya ko ihura n'ibikenewe n'urwego rwa Leta ku byerekeye imicungire y'imari no gutanga raporo z' imari, kandi akanashaka ubufasha n'inama by'Umubaruramari Mukuru, aho biri ngombwa.

All Chief Budget Managers of public entities where IFMIS has been deployed and installed, shall be responsible for ensuring that it meets the financial management and reporting needs of the public entity, and shall seek support, if necessary, from the Accountant General.

Tous les Gestionnaires Principaux du Budget des entités publiques où l'IFMIS a été déployé et installé, sont responsables de veiller à ce qu'il réponde à la gestion financière et les besoins des rapports de l'entité publique, et demande l'appui du Comptable General en cas de besoin.

Ingingo ya 101: Ibiro by'imari mu rwego rwa Leta

Buri rwego rwa Leta rugira ibiro by'imari bifasha Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta mu byerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Umuyobozi ushinzwe ibiro by'imari afasha Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta mu kuzuza inshingano zo gucunga imari ya Leta.

Umuyobozi ushinzwe ibiro by'imari agomba kuba umuntu w'inyangamugayo, ushoboye kandi ufite uburambe bujyanye n'imirimo ahamagariwe nk'uko byatangwamo inama n'Umubaruramari Mukuru.

Bitabangamiye uburenganzira bw'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta bwo kugena inshingano zihariye, inshingano rusange z'umuyobozi w'ibiro by'imari ni ugufasha Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta kurangiza inshingano ahabwa n'Itegeko Ngenga n'iri teka. By'umwihariko, Umuyobozi w'Ibiro by'Imari afite inshingano zikurikira:

1 º kumenya imicungire myiza y'imari y'urwego rwa Leta harimo no gutegura neza ingengo y'imari, imigirire mu kugenzura ibyerekeye ingengo y'imari no gutanga raporo;

2 º gutegura no gutanga raporo z'imari ku gihe

Article 101: Finance function in a public entity

Each public entity shall have a finance function that supports the Chief Budget Manager in the management of state finances and property under the control of the entity.

The head of finance function shall assist the Chief Budget Manager in discharging public finance management responsibilities.

The Head of Finance must be a person of integrity, competent and have appropriate experience as shall be advised by the Accountant General.

Without prejudice to the right of the Chief Budget Manager to assign specific responsibilities, the general responsibility of the head of finance shall be to assist the Chief Budget Manager in discharging the duties provided for in the Organic Law and this Order. In particular, He/she shall have the following responsibilities:

1 º to ensure effective financial management of the public entity including the exercise of sound budgeting, budgetary control practices and reporting;

2 º to ensure timely production and

Article 101: Fonction de Finance au sein d'une entité publique

Chaque entité publique a une fonction des finances qui soutient le Gestionnaire Principal du Budget dans la gestion des finances publiques et patrimoine sous le contrôle de l'entité .

Le chef de la fonction des finances aide le Gestionnaire Principal du Budget dans l'accomplissement des attributions de gestion des finances publiques .

Le Chef des Finances doit être une personne intègre, compétente et avoir une expérience appropriée conformément au conseil du Comptable Général.

Sans préjudice du droit du Gestionnaire Principal du Budget d'attribuer des responsabilités spécifiques, la responsabilité générale du Chef des finances est d'aider le gestionnaire principal du budget dans l'exercice des fonctions prévues par la Loi Organique et le présent arrêté. Il est spécialement chargé de:

1 º assurer une gestion financière efficace de l'entité publique, y compris l'exercice de la bonne préparation du budget, des pratiques de contrôle budgétaire et celles de donner des rapports;

2 º assurer la production et la transmission à

cyagenwe;

3 º gukurikirana ikoreshwa rya IFMIS ;

4 º kugenzura no guhuza ibikorwa by'abandi bakozi bashinzwe gutegura ingengo y'imari, iyakira ry'amafaranga yinjizwa, amasoko ya Leta, ibaruramari n'icungamutungo;

5 º kumenya neza ko nta mafaranga yakoreshejwe mbere yuko Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Umutungo wa Leta yemeza ikigomba kwishyurwa kandi akabitangira uruhushya;

6 º kubika neza ibitabo by'ibaruramari bigomba gushyirwa ku gihe mu buryo bwihuse;

7 º gukurikirana ko inyandiko zose z'ibaruramari, ibitabo by'ibaruramari n'izindi nyandiko za ngombwa byuzuye, birinzwe kandi bibitswe neza;

8 º kugenzura no gukurikirana iyakirwa ry'amafaranga yose yishyurwa urwego rwa Leta no gushyira vuba kuri konti amafaranga yose yinjiye n'izindi nyandiko zishyurirwaho ku makonti y'urwego rwa Leta ;

9 º kugenzura abakozi bose bafite inshingano zo kwakira no gusohora amafaranga mu ngengo y'imari y'urwego rwa Leta no

submission of financial reports;

3 º to ensure effective use of IFMIS;

4 º to oversee and coordinate the work of other finance officers responsible for budgeting, revenue collection, procurement, accounting and asset management;

5 º to ensure that no expenditure is incurred before it has been properly committed and authorized by the Chief Budget Manager;

6 º to maintain proper books of accounts which must be promptly updated;

7 º to ensure that all accounting records, books, and other relevant documents are complete and securely protected and filed;

8 º to supervise and ensure the prompt collection of all revenue due to the public entity and bring promptly to the bank account all revenue or other receipts paid into the entity's bank accounts;

9 º to supervise all officers entrusted with the receipt and expenditure of budget agency's funds and to take precautions,

temps des rapports financiers;

3 º assurer une utilisation efficace de IFMIS;

4 º contrôler et coordonner le travail d'autres agents responsables de la budgétisation, de la collecte des recettes, de la passation des marchés, de la comptabilité et de la gestion d'actifs financiers;

5 º veiller à ce qu'aucune dépense n'est engagée avant qu'il ait l'accord ou l'autorisation du Gestionnaire Principal du Budget;

6 º maintenir des livres de comptes qui doivent être rapidement mis à jour;

7 º veiller à ce que tous les documents comptables, des livres et d'autres documents importants soient correctement complétés et convenablement conservés;

8 º superviser et assurer la collecte rapide de tous les recettes dues à l'entité publique et comptabiliser rapidement toutes les recettes ou autres reçus de paiement dans les comptes bancaires de l'entité;

9 º superviser tous les agents chargés de la perception et les dépenses des fonds de l'agence du budget et prendre des précautions nécessaires au moyen de

gushishoza binyuze mu igenzura rihoraho kugira ngo hirindwe uburiganya, kunyereza umutungo cyangwa uburangare;

10 ºkugenzura igikorwa cyo kwishyura kugira ngo amafaranga yakoreshejwe n'andi agomba kwishyurwa n'urwego rwa Leta bikorwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha ;

11 ºgutegura raporo z'imari na raporo zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari nk'uko bisabwa n'Itegeko Ngenga

12 ºgufasha mu gikorwa cy'igenzura no gukurikirana ko imyanzuro y'igenzura ishyirwa mu bikorwa vuba;

13 ºgukurikirana ko abakozi bose bafite imari mu nshingano zabo, babonye, bumva neza kandi bakurikiza Itegeko Ngenga, iri teka n'andi mategeko yerekeye imari ya Leta;

14 ºgukurikirana iyubahirizwa ry'Itegeko Ngenga n'iri Teka, igitabo-mfashanyigisho cy'ibaruramari n'amabwiriza yose yatanzwe na Minisitiri cyangwa umuhagarariye;

15 ºgukora indi mirimo ashobora guhabwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga imari ya Leta n'ubuyobozi bw'urwego mu bijyanye no kubahiriza Itegeko Ngenga

through the maintenance of frequent checks against the occurrence of fraud, embezzlement or carelessness;

10 ºto supervise payment process so that expenditure and other disbursements of the public entity are made by competent authority;

11 ºto prepare all financial statements and budget execution reports as required by the Organic Law;

12 ºto facilitate audit process and ensure audit recommendations are promptly implemented;

13 ºto ensure that all officers with responsibilities of a financial nature have access to, are conversant and comply with the Organic Law, this Order and other laws on public finance;

14 ºto ensure compliance with the Organic Law and this Order, the accounting manual and all instructions issued by the Minister or his delegate;

15 ºto perform any other functions as may be assigned by the Chief Budget Manager and the entity management in respect to the Organic Law and this Order.

contrôle régulier, afin de prévenir des cas de fraude, de détournement de fonds ou de la négligence;

10 º superviser le processus de paiement de sorte que les dépenses et d'autres décaissements de l'entité publique soient effectués par l'autorité compétente;

11 º préparer tous les états financiers et les rapports d'exécution du budget, conformément à la Loi Organique;

12 º faciliter le processus d'audit et s'assurer que les recommandations d'audit sont immediatement mises en oeuvre;

13 º veiller à ce que tous les agents ayant des responsabilités de nature financière aient accès à la Loi Organique, le présent Arrêté et d'autres lois sur les finances publiques, en soient familiers et s'y conforment;

14 º assurer la mise en application de la Loi Organique, du présent Arrêté, du manuel de comptabilité et toutes les instructions émises par le Ministre ou son délégué;

15 º exercer toute autre fonction en rapport avec la mise application de la Loi Organique et du présent Arrêté qui lui est assignée par le Gestionnaire Principal du

n'iri teka.

<u>Ingingo ya 102:</u> Inyandiko z'icungamutungo n'ibaruramari

Inzego zose za Leta zibika neza ibitabo by'ibaruramari, inyandiko z'icungamutugo n'iz'imari ku bikorwa byose byerekeye imari byakozwe n'urwego rwa Leta harimo amafaranga yose yinjiye, amafaranga yasohotse, imitungo n'imyenda yarwo.

Inyandiko z'icungamutungo n'ibaruramari z'urwego rwa Leta, zaba mu buryo bwanditse bisanzwe cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga cyagwa se byombi, zigomba kuba zikubiyemo nibura ibi bikurikira:

1 º inyemezabwishyu zisanzwe zifite numero zanditseho zikurikiranye mu buryo bw'ibyiciro, zigaragaza umubare w'amafaranga yakiriwe, itariki yakiriweho, umukozi wakiriye ayo mafaranga, impamvu z'ayo mafaranga na kode y'ibaruramari ayo mafaranga yahawe;

2 º inyemezabuguzi, impapuro zerekana ibigomba kugurwa n'ibiciro byabyo, impapuro zitegeka kwishyura n'udutabo twa sheki;

3 º inyandiko z'ubwishyu zerekana umubare w'amafaranga yishyuwe, itariki yishyuriweho, uwayishyuwe, n'impamvu yo kwishyura;

<u>Article 102:</u> Accounting and financial records

All public entities shall keep proper books of accounts, accounting and financial records on all financial transactions of the entity including revenues, expenditures, assets and liabilities.

Accounting and financial records of a public entity shall, whether manual, electronic or both, include among others the following:

1 º serially pre-numbered receipts that show the amount received, date of receipt, and the official who received the funds, purpose of the funds and accounting code to be credited;

2 º invoices, purchase orders, payment orders and cheque books;

3 º payment records that show the amount paid, date of payment, the payee, purpose of payment;

Budget et la directon de l'entité.

<u>Article 102</u>: Documents comptables et financiers

Toutes les entités publiques tiennent correctement des livres des comptes, des documents comptables et financiers en rapport avec toutes les transactions financières de l'entité, y compris les recettes, les dépenses, les actifs et passifs.

Les documents comptables et financiers d'une entité publique qu'ils soient manuels, électroniques ou les deux à la fois, doivent inclure entre autres ce qui suit :

1 º les reçus consécutivement pré- numérotés qui montrent le montant reçu, la date de réception, et l'agent qui a reçu les fonds, le motif des fonds et le code de comptabilité à créditer;

2 º les factures, les bons de commande, ordres de paiement et chéquiers ;

3 º l'enregistrement de paiement indiquant le montant payé, la date de paiement, le bénéficiaire et l'objet de paiement ;

4 º impapuro z'umwimerere zisobanura ibikubiye mu nyandiko zomekwa ku mpapuro zisaba kwishyura zikubiyemo inyemezabuguzi, inyandiko zigaragaza ibicuruzwa byatanzwe, impapuro zerekana ibigomba kugurwa, amasezerano n'ibindi ;

4 º originals of supporting documents attached to payment requests which shall include invoices, goods delivery notes, local purchase orders, and contracts, among others;

4 º les originaux des pièces justificatives jointes aux demandes de paiement qui incluent entre autres les factures, les bons de livraison de marchandises, les bons de commandes locaux et les contrats ;

5 º ibitabo byandikwamo amafaranga yinjiye n'ayasohotse, ibitabo byandikwamo amafaranga yo mu gasanduku akoreshwa mu mirimo ya buri munsi cyangwa ibindi bitabo bisa na byo byandikwamo ibyakiriwe n'ibikorwa byo kwishyura;

5 º cash books, petty cash books or similar books to record receipt and payment transactions;

5 º les livres de caisse, les livres de petite caisse ou les livres similaires pour enregistrer les reçus et les opérations de paiement;

6 º igitabo rusange cy'ishusho y'umutungo n'ibindi bitabo bigaragaza umutungo bifitanye isano na cyo, byaba byanditswe mu buryo busanzwe cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga;

6 º general ledger and other subsidiary ledgers whether in manual or in electronic form;

6 º le grand livre et d'autres grands livres auxiliaires que ce soit sous la forme manuelle ou électronique ou toutes les deux ;

7 º inyandiko za banki, raporo zo guhuza imibare ku makonti byaba bikoreshejwe intoki cyangwa ikoranabuhanga cyangwa byombi;

7 º bank statements, reconciliation statements whether in manual or in electronic or both;

7 º les relevés bancaires, historiques de réconciliation soit sous forme manuelle ou électronique ou les deux;

8 º inyandiko zerekeranye n'ububiko bw'ibintu n'ubundi buryo busa na bwo bwo kubarura umutungo uri mu bubiko;

8 º store records and similar inventory systems;

8 º les dossiers en rapport avec le stock des biens et autres systèmes d'inventaire similaires ;

9 º ibitabo by'imitungo itimukanwa n'ubundi buryo bisa bwo kugaragaza umutungo, ibisobanuro, ubwoko bwawo, aho uherereye, agaciro, nyirawo, ibimenyetso biwuranga, n'ibindi bisobanuro bishobora kuwuranga;

9 º fixed asset registers and similar systems to record asset description, type, location, value, ownership, identification marks and other pertinent details;

9 º les registres des biens immobiliers et autres systèmes similaires pour enregistrer la description d'un bien, le type, l'emplacement, la valeur, la propriété, les marques d'identification et d'autres détails pertinents ;

10 º ibindi bitabo byo kwandikamo ishoramari aho ryaba ryanditse hose, icyemezo cy'imigabane, impapuro mpeshamwenda, impapuro z'agaciro k'amafaranga n'ibindi bigaragaza nyir'umutungo cyangwa nyir'umwenda;

10 ºother registers for recording investments wherever held, share certificates, treasury bills, bonds and other documents which signify ownership and/or obligations;

10 ºautres registres pour l'enregistrement des investissements où qu'ils soient tenus, certificats des actions, bons du trésor, obligations et autres documents qui attestent la propriété et ou obligations;

11 º inyandiko z'ubwishingizi zijyanye n'imari;

11 ºsecurity documents of a financial nature;

11 ºles documents de garantie de nature financière ;

12 º raporo z'imari, raporo z'igenzurwa ryakorewe imari cyangwa inyandiko bisa.

12 ºfinancial reports, audited financial statements or similar documents.

12 º les rapports financiers, états financiers audités ou des documents similaires.

Ku birebana n'inyandiko z'ikoranabuhanga, zibikwa kandi zigashyingurwa ku buryo bw'ikoranabuhanga, zigerwaho n'abantu babifitiye uburenganzira gusa.

For electronic documents and records, they shall be electronically filed and stored, and access to them shall be restricted to an authorized persons.

Pour les documents et dossiers électroniques, ils sont archivés électroniquement et stockés, et seules les personnes autorisées en ont l'accès.

Aho bishoboka, inyandiko zose zikoreshwa mu ibaruramari nk'udutabo twa sheki, ibitabo byandikwamo inyemezabwishyu za Leta, ibitabo byandikwamo inyemezabuguzi bibitswe n'urwego rwa Leta, zandikwa buri gihe mu bitabo byabugenewe kandi zikabikwa ahantu hizewe.

Where applicable, all accountable documents such as cheque books, official receipt books, and invoice books that are in custody of the public entity shall always be recorded in respective registers, and kept under safe custody.

Tous les documents comptables tels que les chéquiers, les livres de reçus officiels et les livres de facture qui sont tenus par l'entité publique sont toujours enregistrés, le cas échéant, aux les registres respectifs et conservés en lieu sûr.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta amenya niba inyandiko zose z'icungamutungo n'ibaruramari, harimo n'imigereka yazo, zibitswe mu buryo bwizewe kandi zirinzwe kugira ngo zitagerweho n'utabifitiye uburenganzira, zitangirika cyangwa ngo zangizwe, hagamijwe koroshya uburyo bwo kuzibona igihe bibaye ngombwa.

The Chief Budget Manager shall ensure that all accounting and financial records, including the supporting attachments, are securely kept and protected from unauthorized access, damage or destruction and in a manner that ensures easy retrieval when necessary.

Le Gestionnaire Principal du Budget s'assure que tous les documents comptables et financiers, y compris les pièces jointes à l'appui, sont conservés en sécurité et protégés contre les accès non autorisés, le dommage ou la destruction et cela de manière qui garantit, si nécessaire, la récupération facile.

Ingingo ya 103: Kubika inyandiko z'icungamutungo n'iz'ibaruramari

Inzego zose za Leta zibika neza inyandiko z'icungamutungo n'iz'ibaruramari, n'imigereka yazo mu gihe kingana nibura n'imyaka icumi (10) ibarwa uhereye ku ntangiriro z'umwaka wa mbere w'imari igikorwa cyarangiriyemo, keretse bigenwe ukundi na Minisitiri.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta amenya ko igitabo cyandikwamo inyandiko zose zashenywe kibitswe neza.

Ingingo ya 104: Ibikurikizwa mu mpera z'umwaka byerekeye gufunga ibitabo by'ibaruramari umwaka urangiye

Mbere y'impera z'umwaka w'ingengo y'imari, Umubaruramari Mukuru aha amabwiriza inzego za Leta ajyanye n'ibikurikizwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari, gutegura raporo zigaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka, raporo y'imari na raporo y'ibikorwa.

Mu bikurikizwa mu isoza ry'umwaka harimo nibura:

1 º ibisobanuro byose ku biteganywa n'Itegeko Ngenga bijyanye no gutanga uruhushya rwo gusohora amafaranga akoreshwa n'ihererekanya ryayo;

2 º ibisobanuro byose ku biteganywa

Article 103: Preservation of accounting and financial records

All public entities shall maintain their accounting and financial records, with all their supporting attachments safely for a period of at least ten (10) years from the beginning of the first financial year in which the transaction was completed, unless otherwise prescribed by the Minister.

The Chief Budget Manager shall ensure that a register of all destroyed records is maintained.

Article 104: Year–end procedures for closing books of accounts

Before the end of the fiscal year, the Accountant General shall issue directives to public entities concerning the procedures of closing books of accounts and preparing annual budget execution reports, financial statements and activity reports.

The year-end closure procedures shall include, at least:

1 º any clarifications on the provisions of the Organic Law relating to authorisation of expenditures and transfers;

2 º any clarifications on the provisions of

Article 103: Conservation des documents comptables et financiers

Toutes les entités publiques conservent en toute sécurité leurs documents comptables et financiers, avec toutes leurs pièces justificatives pour une période d'au moins dix (10) ans à compter du début de la première année financière dans laquelle la transaction a été réalisée, à moins que le Ministre n'en dispose autrement.

Le Gestionnaire Principal du Budget s'assure qu'un registre de tous les dossiers détruits est bien gardé.

Article 104: Procédures de clôture des livres comptables à la fin de l'année

Avant la fin de l'exercice budgétaire, le Comptable Général donne des directives aux entités publiques concernant les procédures de clôture des livres de comptes et la préparation des rapports annuels sur l'exécution du budget, les états financiers et les rapports d'activités.

Les procédures de clôture de fin de l'année comprennent au moins:

1 º toutes les précisions sur les dispositions de la Loi Organique relative à l'autorisation des dépenses et des transferts;

2 º toutes les précisions sur les dispositions de la

n'Itegeko Ngenga bijyanye n'amafaranga atarakoreshejwe kugeza ku mpera z'umwaka w'ingengo y'imari;

the Organic Law relating to unutilised funds at the end of the fiscal year;

Loi Organique relative aux fonds non utilisés à la fin de l'exercice budgétaire;

3 º amatariki ntarengwa y'ingenzi yo gushyikiriza raporo zitandukanye Minisitiri n'Ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;

3 º critical deadlines for submission of various reports to the Ministry and the Office of the Auditor General of State Finances;

3 º les dates limites pour la soumission des différents rapports au Ministère et à l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat;

4 º ibibazo by'ingenzi n'ibikurikizwa mu gusoza ibitabo;

4 º key issues and procedures for closing the books;

4 º les problèmes clés et les procédures de clôture des livres ;

5 º ibikurikizwa mu gusobanura amakonti y'amafaranga yo gutangira gukora igitabo cyandikwamo amafaranga y'agasanduku gashinzwe imirimo ya buri munsi yihutirwa n'ayakoreshejwe;

5 º procedures for clearing any imprest and suspense accounts;

5 º les procédures de régularisation des soldes et des comptes en suspens ;

6 º imirongo ngenderwaho mu gukora ubugororangingo nyuma y'impera z'umwaka;

6 º guidelines of making adjustments after year-end;

6 º les lignes directrices pour faire les ajustements après la clôture de l'exercice;

7 º ibikurikizwa byihariye ku nzego za Leta zikoresha IFMIS;

7 º any specific procedures for public entities using IFMIS;

7 º toutes les procédures spécifiques pour les entités publiques utilisant IFMIS ;

8 º imirongo ngenderwaho y'igenzurwa rya za raporo z'ibaruramari bwite mbere yo kuzishyikiriza Minisiteri;

8 º guidelines for internal quality review of financial reports before submission to the Ministry;

8 º les lignes directrices pour la revue de la qualité des rapports financiers avant de les soumettre au Ministère ;

9 º gushyira ku gihe inyandikongero zemejwe zitangirwaho raporo y'imari.

9 º any updates on the approved financial reporting templates.

9 º toute mise à jour des rapports modèles financiers approuvés.

Ingingo ya 105: Gusiba imitungo n'imyenda mu bitabo

Umutungo cyangwa umwenda ufatwa nk'uwatinze kwishyurwa iyo umaze imyaka ibiri (2) utishyuwe uhereye igihe watangiriye.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta asaba uruhushya Umuyobozi w'urwego rwa Leta mu Butegetsi Bwite bwa Leta cyangwa Inama Njyanama mu gihe bireba urwego rw'ibanze rwo gusiba mu bitabo by'ibaruramari imitungo imaze igihe kirekire itishyuwe kandi idashobora kwishyuzwa n'imyenda itarishyuwe imaze igihe kirekire.

Gusaba gusiba mu bitabo bikorwa mu nyandiko kandi biherekejwe n'inyandiko n'amakuru byose bibisobanura, harimo ibisobanuro n'ibimenyetso bigaragaza ko iyo mitungo idashobora kwishyurwa; naho ku bireba imyenda, hakagaragazwa ko gusaba kwishyurwa bitagishobotse.

Iyo gusiba umutungo cyangwa umwenda byemejwe, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Imari ya Leta atangira guhuza imibare y'ibaruramari mu bitabo by'ibaruramari by'urwego rwa Leta abigiriwemo inama n'Umubaruramari Mukuru kandi akabika ibimenyetso by'uruhushya rwatanzwe n'izindi nyandiko bishobora kuzifashishwa mu gihe hakorwa igenzura.

Article 105: Write-off of assets and liabilities

A current asset and current liability is deemed long outstanding when it remains unpaid for a period of two (2) years from the time it was recognized.

The Chief Budget Manager shall seek authorization from the Executive Head of the Central Government entity or the Council in the case of a decentralized entity to write-off from their books of accounts long outstanding and irrecoverable assets and long outstanding liabilities.

An application for the write-off shall be in writing and supported by all relevant documentation and information, including justification and proof that such assets are no longer recoverable, and in case of liabilities, the claims are unlikely to arise.

Once the write-off has been approved, the Chief Budget Manager shall proceed to effect the necessary accounting adjustments in the books of accounts of the entity in consultation with the Accountant General, and retain evidence of approval and other documentation for future audit purposes.

Article 105: Radiation des actifs et passifs

Actif à court terme ou une dette à court terme est réputée avoir duré longtemps lorsque cet actif ou cette dette demeure impayé pendant deux (2) ans à partir du moment de sa reconnaissance.

Le Gestionnaire Principal du Budget demande l'autorisation au Responsable Exécutif de l'entité de l'Administration Centrale ou au Conseil dans le cas d'une entité décentralisée pour radier dans leurs livres comptables les actifs et les dettes restés impayés et irrécouvrables.

Une demande de radiation est faite par écrit et appuyée par tous les documents et information pertinents, y compris la justification et la preuve qui attestent que ces actifs ne sont plus recouvrables, et dans le cas des dettes, que la demande de paiement n'est plus recevable.

Une fois que la radiation a été approuvée, le Gestionnaire Principal du Budget effectue les ajustements comptables nécessaires dans les livres de comptes de l'entité en consultation avec le Comptable Générale, et conserve la preuve de l'autorisation et autres documents justificatifs à des fins d'audit ultérieur.

Imitungo n'imyenda byasibwe mu bitabo mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari wihariye bitangazwa muri raporo z'imari z'umwaka n'inyandiko zibigaragaza za ngombwa.

<u>Ingingo ya 106</u>: Gutegura no gutanga raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta bose bategura kandi bagashyikiriza Minisiteri raporo y'ukwezi ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, naho ku birebana n'inzego z'ibanze bakanagenera kopi y'iyo raporo Minisiteri ifite inzego z'ibanze mu inshingano zayo, bitarenze tariki ya 15 y'ukwezi gukurikira.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta bose bategura kandi bagashyikiriza Minisiteri raporo y'igihembwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, ku birebana n'inzego z'ibanze bakagenera kopi y'iyo raporo Minisiteri ifite inzego z'ibanze mu inshingano zayo na Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze bitarenze tariki ya 15 z''ukwezi gukurikira impera y'igihembwe.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ingengo y'Imari, agishije inama Umubaruramari Mukuru, aha amabwiriza Abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga Imari ya Leta ku miterere ya raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari, ibiyikubiyemo, uburyo itegurwa, ingengabihe zo gutegura no gutanga raporo y'ukwezi, iy'igihembwe, n'izindi raporo ngarukagihe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari.

The assets and liabilities written off during a particular fiscal year shall be reported in the annual financial statements with the necessary disclosure notes.

<u>Article 106</u>: Preparation and submission of budget execution reports

All Chief Budget Managers shall prepare and submit their monthly budget execution reports to the Ministry, and in the case of decentralized entities, shall also be sent to the Ministry responsible for Local Government, not later than the 15th day of the following month.

All Chief Budget Managers shall prepare and submit their quarterly budget execution report to the Ministry and in the case of the decentralized entities, they shall reserve copy to the Ministry responsible for Local Government, and the Executive Committee of the decentralized entity not later than the 15th day of the month following the end of the quarter.

The Director General of National Budget, in consultation with the Accountant General, shall issue instructions to Chief Budget Managers on the format, content, modalities and timelines for preparing and submission of monthly, quarterly and other periodic budget execution reports.

Les actifs et passifs radiés au cours d'un exercice budgétaire donné sont inclus dans les états financiers annuels avec les notes d'information nécessaires.

<u>Article 106</u>: Préparation et transmission des rapports d'exécution du budget

Tous les Gestionnaires Principaux du Budget préparent et soumettent leurs rapports mensuels d'exécution budgétaire au Ministère, et dans le cas des entités décentralisées, ils réservent une copie de ce rapport au Ministère ayant l'Administration Locale dans ses attributions, au plus tard le 15ème jour du mois suivant.

Tous les Gestionnaires Principaux du Budget préparent et soumettent leur rapport trimestriel d'exécution budgétaire au Ministère, et dans le cas des entités décentralisées, ils réservent une copie de ce rapport au Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions et au Comité Exécutif de l'entité décentralisée, au plus tard le 15ème jour du mois suivant la fin du trimestre.

Le Directeur Général du Budget, en consultation avec le Comptable Général, émet des instructions pour les Gestionnaires Principaux du Budget concernant le format, le contenu, les modalités et les délais de préparation et de présentation de rapports mensuels, trimestriels et d'autres rapports périodiques sur l'exécution du budget.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe ingengo y'imari ya Leta ategurira Minisitiri raporo ihujwe y'igihembwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) kubarwa uhereye ku mpera y'igihembwe.

The Director General of National Budget shall prepare quarterly consolidated budget execution report for the Minister to submit to the Cabinet within a period of not more than one (1) month from the end of quarter.

Le Directeur Général du Budget prépare pour le Ministre un rapport trimestriel consolidé d'exécution du budget à soumettre au Conseil des Ministres dans un délai ne dépassant pas un (1) mois à compter de la fin du trimestre.

Ingingo ya 107: Gutegura no gutanga raporo z'imari

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta bose bategura kandi bagashyikiriza Minisiteri raporo y'imari ya buri kwezi bitarenze umunsi wa cumi na gatanu (15) w'ukwezi gukurikira.

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta bategura kandi bagashyikiriza Minisiteri raporo y'imari y'umwaka mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) gukurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.

Ibigo bya Leta bitanga raporo y'imari ku gihembwe mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) gukurikira igihembwe kirangiye, yamaze kwemezwa n'urwego bireba ubifitiye bubasha.

Ibigo bya Leta bitegura kandi bigashyikiriza Minisiteri raporo y'imari y'umwaka itaragenzurwa mu gihe kitarenze amezi abiri (2) nyuma y'umwaka w'ingengo y'imari imaze kwemezwa n'urwego bireba rubifitiye ububasha mu gihe cy'iminsi irindwi (7) nyuma y'isozwa ry'igenzurwa rikorwa mu mwaka.

Article 107: Preparation and submission of financial statements

All Chief Budget Managers shall prepare and submit monthly financial statements to the Ministry by the fifteenth (15th) day of the following month.

The Chief Budget Managers shall prepare and submit to the Ministry annual financial statements within a period of not more than one (1) month from the end of the fiscal year.

Public institutions shall submit their financial statements on a quarterly basis within a period of not more than one (1) month after the end of the quarter, after approval by the relevant competent authority.

Public institutions shall also prepare and submit their annual un-audited financial statements to the Ministry within a period not exceeding two (2) months from the end of the fiscal year after approval by the relevant authority and within one seven (7) days after the finalization of their annual audit.

Article 107: Préparation et transmission des rapports financiers

Tous les Gestionnaires Principaux du Budget préparent et transmettent au Ministère des états financiers mensuels avant le quinzième (15ème) jour du mois suivant.

Les Gestionnaires Principaux du Budget préparent et transmettent au Ministre les états financiers annuels dans un délai ne dépassant pas un (1) mois à compter de la fin de l'exercice budgétaire.

Les établissements publics soumettent leurs états financiers trimestriels dans un délai ne dépassant pas un (1) mois après la fin du trimestre et après leur approbation par l'autorité compétente.

Les etablissememt public préparent et soumettent également au Ministère leurs états financiers annuels non audités dans un délai ne dépassant deux (2) mois à compter de la fin de l'exercice budgétaire et après approbation par l'autorité compétente et endéans sept (7) jours après la finalisation de leur audit annuel.

Raporo z'imari z'inzego za Leta zitegurwa hakurikijwe ibigenderwaho ku rwego mpuzamahanga bikurikizwa, haseguriwe impinduka ziboneye zigenwa n'Umubaruramari Mukuru.

Umubaruramari Mukuru ashyiraho inyandikongero zigenderwaho mu gutanga raporo y'imari n'amatangazo aha inzego za Leta icyerekezo mu gutegura raporo z'imari.

Mu bishyirwa muri raporo z'imari z'umwaka zitegurwa n'inzego za Leta harimo ibi bikurikira:

1 º raporo igaragaza uko imari ihagaze yerekana amafaranga yinjiye n'amafaranga yakoreshejwe;

2 º raporo y'uko ingengo y'imari yagenwe igereranya ingengo y'imari n'amafaranga yakoreshejwe koko;

3 º inyandiko igaragaza uko imari ya Leta ihagaze yerekana imitungo n'imyenda;

4 º raporo igaragaza uko amafaranga yinjiye n'uko yasohotse ;

5 º inyandiko isobanura politiki ngenderwaho mu gutegura no gutangaza raporo z'imari;

6 º itangazo n'ingengabihe za ngombwa kugira ngo harusheho kunozwa uburyo bwo gukora raporo;

The financial statements of public entities shall be prepared in accordance with applicable international standards, subject to appropriate modifications prescribed by the Accountant General.

The Accountant General shall issue standard financial reporting templates and disclosure notes to guide public entities in the preparation of financial statements.

The annual financial statements prepared by public entities shall include the following:

1 º statement of financial performance showing revenues and expenditures;

2 º statement of appropriation comparing budget against actual out-turn;

3 º statement of financial position showing assets and liabilities;

4 º statement of cash flows;

5 º statement of accounting policies applied in preparing and presenting the financial statements;

6 º disclosure notes and schedules relevant to enhancing fair presentation and understandability of the statements;

Les états financiers des entités publiques sont préparés conformément aux normes internationales applicables, sous réserve de modifications prescrites par le Comptable Général.

Le Comptable Général émet des canevas de rapports financiers et des notes d'information à fournir pour orienter les entités publiques dans la préparation des états financiers.

Les états financiers annuels préparés par les entités publiques comprennent les données suivantes :

1 º l'état de la performance financière montrant les recettes et les dépenses;

2 º l'état des dotations comparant les prévisions budgétaires et les réalisations;

3 º l'état de la situation financière montrant les actifs et passifs ;

4 º le tableau des flux de trésorerie ;

5 º le résumé des principes comptables retenus dans la préparation et la présentation des états financiers ;

6 º des notes explicatives et d'autres informations nécessaires pour améliorer la présentation fidèle et la compréhension

des états financiers;

7 º gahunda zisobanuye mu buryo burambuye z'abarimo imyenda n'andi mafaranga yakiriwe, ababerewemo umwenda n'andi mafaranga yishyuwe hamwe n'incamake y'imitungo ifatika yatoranyijwe no guhuza igitabo cy'imitungo itimukanwa;

7 º detailed schedules of debtors and other receivables, creditors and other payables and the summary of physical assets extracted and reconciled to the asset register;

7 º les détails des débiteurs et créanciers et le sommaire des actifs physiques extraits et réconciliés au registre des actifs permanents;

8 º amakuru y'inzego zishamikiye kuri urwo rwego zicungwa kandi zikagengwa na rwo.

8 º information on subsidiary entities under the management and control of the entity.

8 º l'information sur les entités subsidiaires sous la gestion et contrôle de l'entité.

Ifaranga rikoreshwa muri raporo z'imari ni ifaranga ry'u Rwanda.

The financial statements shall be reported in Rwanda Franc.

Les états financiers sont préparés en franc rwandais.

Ku mpamvu ya raporo z'imari z'umwaka, raporo z'imari z'inzego za Leta zigomba kuba zikubiyemo ibyakozwe guhera tariki ya mbere Nyakanga kugeza tariki ya 30 Kamena. Kugereranya imibare, aho bishoboka, bijyana n'igihe nk'icyo cy'umwaka ubanza.

For the purpose of the annual financial reports, the financial statements of all public entities shall cover the period from 1st July to 30th June. The comparative figures, where applicable, shall reflect the same period for the previous year.

Aux fins des rapports financiers annuels, les états financiers de toutes les entités publiques couvrent la période du premier juillet au 30 juin. Les chiffres comparatifs, le cas échéant, reflètent la même période de l'année précédente.

Mu gihe cy'igenzurwa rya raporo z'imari, urwego rwa Leta, rumaze kumva inama y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta, rushobora gukora ubugororangingo bwa ngombwa hagamijwe kugaragaza neza raporo y'uko imari yakoreshejwe, uko ihagaze n'uko amafaranga yinjira kandi asohoka muri urwo rwego.

During the audit of the financial statements, a public entity may in consultation with the Auditor General of State Finances, effect the necessary adjustments with a view to achieving a fair presentation of the financial performance, financial position and cash flows of the entity.

Lors de l'audit des états financiers une entité publique peut, en consultation avec l'Auditeur Général des Finances de l'Etat, effectuer les ajustements nécessaires en vue de parvenir à une présentation juste de la performance financière, de la situation financière et du flux de trésorerie de l'entité.

Iyo ubugororangingo bwa raporo z'imari z'urwego rwa Leta bukozwe mbere yo gusoza igenzurwa rya raporo z'imari zahujwe, bumenyeshwa Minisiteri kugira ngo guhuza ubugororangingo bwa raporo

Where adjustments of a public entity's financial statements are carried out before finalization of the audit of the consolidated financial statements, these adjustments shall be communicated to the

Lorsque les ajustements des états financiers d'une entité publique sont effectués avant la finalisation de l'audit des états financiers consolidés, ces ajustements sont communiqués au Ministère pour

z'imari byoroshywe.

Umubaruramari Mukuru atangaza kandi incamake ya za raporo z'imari z'imyaka zahujwe zagenzuwe. Ibigo n'inzego bya Leta na byo bitangaza raporo zabyo z'imari z'imyaka zabyo zagenzuwe.

Ingingo ya 108: Itegurwa n'itangwa rya za raporo z'umwaka zerekeye ibyakozwe

Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari ya Leta bose bategura kandi bagashyikiriza Minisiteri bitarenze tariki ya 30 Nzeri, raporo y'ibyakozwe ku mwaka ijyana n'umwaka w'ingengo y'imari ubanza.

Raporo y'ibikorwa y'umwaka isobanura ibyo urwego rwa Leta rwagezeho ugereranyije n'ibyari byarateganyijwe kugerwaho nk'uko bikubiye muri gahunda y'ibikorwa by'urwego rwa Leta by'igihe giciriritse.

Raporo y'ibikorwa y'umwaka itangwa n'urwego rwa Leta igomba kugaragaza uburyo ibyateganyijwe kugerwaho mu iyinjizwa ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu ngengo y'imari byashyizwe mu bikorwa.

Kopi ya raporo y'ibikorwa by'umwaka mwaka ishyikirizwa Minisiteri ibishinzwe n'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe ; ku birebana n'inzego z'ibanze, kopi ishyikirizwa Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo

Ministry to facilitate a corresponding adjustment to the consolidated financial statements.

The Accountant General shall publish a summary of the annual audited consolidated financial statements and public institutions and public entities shall publish their annual audited financial statements.

Article 108: Preparation and submission of annual activity reports

All Chief Budget Managers shall prepare and submit to the Ministry not later than 30th September an annual activity report corresponding to the previous fiscal year.

The annual activity report shall explain the status of the public entity's achievements against planned objectives as contained in the entity's medium term strategic plan and annual activity plan.

The annual activity report submitted by the public entity must specify how plans for ensuring gender balance have been implemented.

A copy of the annual activity report shall be submitted to the relevant line Ministry and the Prime Minister's office and in the case of the decentralized entities, a copy shall be sent to the Ministry in charge of Local Government through

faciliter un ajustement correspondant aux états financiers consolidés.

Le Comptable Général publie un résumé des états financiers annuels consolidés audités. Les institutions et entités publiques publient également leurs états financiers annuels audités.

Article 108: Préparation et transmission des rapports annuels d'activités

Tous les Gestionnaires Principaux du Budget préparent et soumettent au Ministère au plus tard le 30 septembre, un rapport annuel d'activités de l'exercice budgétaire précédent.

Le rapport annuel d'activités explique l'état des réalisations de l'entité publique par rapport aux activités planifiées figurant dans son plan stratégique à moyen terme et son plan d'actions annuel.

Le rapport annuel d'activités soumis par l'entité publique doit montrer comment les prévisions concernant l'aspect du genre ont été exécutées.

Une copie du rapport annuel d'activitéS est transmise au Ministère concerné et au Bureau du Premier Ministre et, dans le cas des entités décentralisées, une copie est transmise au Ministère ayant l'Administration Locale dans ses

binyujijwe kuri Guverineri w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali.

Raporo y'ibikorwa igomba guhuza imibare na raporo z'imari z'umwaka na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'urwego rwa Leta.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Igenamigambi, byemewe na Minisitiri, aha amabwiriza Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga Imari ya Leta ku miterere ya raporo y'ibikorwa y'umwaka, ibiyikubiyemo, uburyo itegurwa n'ibihe byo kuyitegura no kuyitanga.

<u>Ingingo ya 109</u>: Gutanga raporo y'ibikorwa by'Ikigega cya Leta

Umuyobozi ushinzwe ibiro by'imicungire y'Ikigega cya Leta ategurira Umubaruramari Mukuru n'Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta raporo y'imari y'igihembwe n'iy'umwaka ku bikorwa by'imari binyuze kuri Konti y'Ikigega gihurizwamo Amafaranga ya Leta, amakonti ayishamikiyeho n'amakonti adasanzwe.

Raporo zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zigaragaza ibi bikurikira:

1 º amafaranga yose yinjiye ku makonti y'Ikigega cya Leta;

2 º amafaranga yishyuwe inzego za Leta n'ayo zohererejwe bishingiye ku ngengo y'imari yazo yemejwe;

the Governor of the Province or the Mayor of the City of Kigali.

The annual activity report must be consistent with the annual financial statements and budget execution report of the entity.

The Director General of National Planning, through the Minister, shall issue instructions to Chief Budget Managers on the format, content, modalities and timelines for preparing and submitting the annual activity reports.

<u>Article 109</u>: Reporting of Treasury operations

The Head of Treasury function shall prepare, for the attention of the Accountant General and Secretary to the Treasury, quarterly and annual financial reports on the financial transactions through the Consolidated Fund Account, sub-accounts and special accounts.

The reports mentioned in Paragraph One of this article shall indicate the following:

1 º all funds received through the Treasury accounts;

2 º payments on behalf and transfers to public entities against their approved budget;

attributions par le biais du Gouverneur de Province ou du Maire de la Ville de Kigali.

Le rapport annuel d'activité doit être cohérent avec les états financiers annuels et le rapport d'exécution budgétaire de l'entité.

Le Directeur Général de la Planification Nationale, par le biais du Ministre, émet des instructions pour les Gestionnaires Principaux du Budget en rapport avec le format, le contenu, les modalités et les délais pour la préparation et la présentation des rapports annuels d'activité.

<u>Article 109</u>: Rapports des opérations du Trésor

Le Responsable de la fonction du trésor prépare, à l'attention du Comptable Général et du Secrétaire au Trésor, les rapports financiers trimestriels et annuels sur les transactions financières sur le Compte Unique du Trésor, les sous comptes et les comptes spéciaux.

Les rapports mentionnés à l'alinéa premier du présent article indiquent ce qui suit:

1 º tous les fonds reçus à travers les comptes du Trésor ;

2 º les paiements au nom des entités publiques et transferts aux entités publiques sur leur budget approuvé;

3 º ubundi bwishyu bwose no kwishyura hakoreshejwe uburyo butaziguye bukura amafaranga kuri konti;

4 º gufungura no gufunga amafaranga asigaye kuri banki byahujwe na raporo za banki;

5 º indi mitungo n'imyenda bigenzurwa n'Ikigega cya Leta;

6 º inyandiko zitanga amakuru n'ingengabihe bya ngombwa kugira ngo harusheho kunozwa igaragazwa riboneye ry'ibikorwa byerekeye imari by'ikigega.

Raporo y'igihembwe itangwa ku itariki ya 15 y'ukwezi gukurikiye igihembwe kirangiye.

Raporo y'umwaka itangwa bitarenze ukwezi kumwe gukurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.

<u>Ingingo ya 110:</u> Gutegura no gutanga raporo z'imari zihujwe

Gutegura no gutanga raporo z'ibaruramari zihujwe bikorwa mu buryo bukurikira :

1 º Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta, bitarenze tariki ya 30 Nzeri y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikiyeho, raporo z'imari zahujwe.

3 º any other payments and direct debits;

4 º opening and closing bank balances reconciled to the bank statements;

5 º other assets and liabilities under control of the treasury;

6 º disclosure notes and schedules relevant to enhancing fair presentation of the treasury financial operations

The quarterly report shall be submitted by 15th of the month following the end of the quarter.

The annual report shall be submitted within one month after the end of the fiscal year.

<u>Article 110:</u> Preparation and submission of consolidated financial statements

The preparation and submission of consolidated statements shall comply with the following procedures:

1 º the Minister shall prepare and submit to the Auditor General of State Finances, not later than 30 September of the following fiscal year, consolidated financial statements.

3 º tout autre paiement et prélèvements directs ;

4 º solde d'ouverture et de clôture bancaires réconciliés avec l'historique bancaire ;

5 º autres actifs et passifs sous le contrôle du trésor ;

6 º informations correctes nécessaires et les calendriers pour améliorer la présentation des opérations financières du Trésor.

Le rapport trimestriel est transmis le 15ème du mois suivant la fin du trimestre.

Le rapport annuel est présenté dans un délai ne dépassant pas un mois après la fin de l'exercice budgétaire.

<u>Article 110:</u> Préparation et transmission des états financiers consolidés

La préparation et transmission des états financiers consolidés se conforment aux procédures suivantes :

1 º le Ministre prépare et soumet les états financiers consolidés à l'Auditeur Général des Finances de l'Etat au plus tard le 30 septembre de l'exercice budgétaire suivant.

2 º raporo z'imari zahujwe zitegurwa mu ifaranga ry'u Rwanda ;

3 º raporo z'imari zahujwe zikubiyemo ibyakozwe guhera tariki ya mbere Nyakanga kugeza tariki ya 30 Kamena. Kugereranya imibare, aho bishoboka, bijyana n'igihe gisa n'icy'umwaka wabanje ;

4 º ibirebwa na raporo z'imari zahujwe bikubiyemo inzego za Leta zose, uretse izo Umubaruramari Mukuru yakuramo igihe abonye ko ari ngombwa ;

5 º amakuru y'imari mu bigo bya Leta, ishoramari rya Leta, imyenda ya Leta, ibisa n'imyenda, ubwishingizi n'incamake y'amakuru y'inzego zishamikiye kuri Leta atangazwa nk'ari mu bigize inyandiko z'ibigomba guhuzwa na raporo z'imari;

6 º Umucungamari Mukuru atanga amabwiriza, imiterere ya raporo n'inyandiko-ngero kandi akaba umuhuza w' itegurwa rya raporo z'imari zahujwe ;

7 º mu bigize raporo z'imari zahujwe harimo nibura ibi bikurikira:

a. inyandiko itangaza raporo y'inshingano zashyizweho umukono n'Umucungamari Mukuru, Umunyamabanga w'Ikigega cya Leta na Minisitiri;

2 º the consolidated financial statements shall be reported in Rwanda Franc;

3 º the consolidated financial statements shall cover the period from 1st July to 30th June. The comparative figures, where applicable, shall reflect the same period for the previous year;

4 º the scope of the consolidated financial statements shall include all public entities except those which the Accountant General may deem necessary to exclude;

5 º financial information relating to public institutions, Government investments, public debt, contingent liabilities, guarantees, and summarized information of subsidiary entities shall be disclosed as memorandum items to the consolidated financial statements;

6 º the Accountant General, shall issue instructions, formats and templates and coordinate the preparation of the consolidated financial statements;

7 º the consolidated financial statements shall include at least the following:

a. statement of responsibilities signed by the Accountant General, Secretary to the Treasury and the Minister;

2 º les états financiers consolidés sont preparés en franc rwandais ;

3 º les états financiers consolidés couvrent la période du premier juillet au 30 juin. Les chiffres comparatifs, le cas échéant, reflètent la même période de l'année précédente.

4 º le champ d'application des états financiers consolidés comprend toutes les entités publiques excepté celles que le Comptable Général peut juger nécessaire d'exclure ;

5 º l'information financière relative aux établissements publics, aux investissements du Gouvernement, à la dette publique, au passif éventuel, aux garanties et aux informations résumées des entités affiliées est communiquée dans les notes des états financiers consolidés;

6 º le Comptable Général émet des instructions, formats et modèles et coordonne la préparation des états financiers consolidés;

7 º les états financiers consolidés comprennent au mois les données suivantes:

a. la déclaration de responsabilités signée par le Comptable Général, le Secrétaire au Trésor et le Ministre;

b. imirongo migari y'ibisobanuro byatanzwe n'Umucungamari Mukuru;

c. inyandiko itangaza ibyagezweho mu rwego rw'imari igaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse;

d. inyandiko itangaza uko imari ihagaze igaragaza umutungo n'imyenda;

e. raporo igaragaza uko amafaranga yinjiye n'uko yasohotse;

f. inyandiko igaragaza politiki y'ibaruramari ikoreshwa mu gutegura no mu gutanga raporo z'imari zahujwe;

g. inyandiko zitanga amakuru n'ingengabihe bya ngombwa mu kunoza imitangire ya raporo zahujwe ;

h. ibisobanuro birambuye ku mafaranga yahawe inzego zigenerwa ingengo y'imari hagendewe ku ngengo y'imari yemejwe.

Mu gihe cy'igenzurwa rya raporo z'imari mu nzego za Leta na raporo z'imari zahujwe, urwego rwa Leta na Minisiteri, bumvikanye n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, bashobora gukora ubugororangingo bwa ngombwa hagamijwe kugaragaza mu buryo bunoze uko imari y'urwego cyangwa iya Leta ihagaze.

b. highlights and commentary by the Accountant General;

c. statement of financial performance showing revenues and expenditures;

d. statement of financial position showing assets and liabilities;

e. statement of cash flows;

f. statement of accounting policies applied in preparing and presenting the consolidated financial statements;

g. disclosure notes and schedules relevant to fair presentation of the consolidated statements;

h. details of funds released to budget agencies against the approved budget.

During the audit of the financial statements of public entities and the consolidated financial statements, the public entity and the Ministry respectively, may in consultation with the Auditor General of State Finances, effect the necessary adjustments with a view to achieving a fair presentation of the financial position of the entity or the Government.

b. les points saillants et commentaires émis par le Comptable Général ;

c. l'état de performance financière montrant les recettes et les dépenses ;

d. l'état de la situation financière montrant les actifs et le passif ;

e. le tableau de flux de trésorerie ;

f. résumé des principes comptables retenus dans la préparation et la présentation des états financiers consolidés;

g. des notes explicatives et d'autres informations nécessaires pour améliorer la présentation et la comprehension des états financiers consolidés ;

h. les détails sur les transferts de fonds à des agences budgétaires en rapport avec le budget approuvé;

Durant l'audit des états financiers des entités publiques et les états financiers consolidés, l'entité publique et le Ministère respectivement, peuvent, en consultation avec l'Auditeur Général des Finances de l'Etat, effectuer les ajustements nécessaires en vue de parvenir à une présentation fidèle de la situation financière de l'entité ou du Gouvernement.

Iyo ubugororangingo bwa raporo z'imari z'urwego rwa Leta bukozwe mbere yo kurangiza igenzurwa rya raporo z'imari zahujwe, Umuyobozi Mukuru ushinzwe imari ya Leta muri urwo rwego abimenyesha Umucungamari Mukuru kugira ngo guhuza ubugororangingo na raporo z'imari zahujwe byoroshywe.

Where adjustments of a public entity's financial statements are carried out before finalization of the audit of the consolidated financial statements, these adjustments shall be communicated to the Accountant General by the respective Chief Budget Manager to facilitate a corresponding adjustment to the consolidated financial statements.

Lorsque des ajustements des états financiers d'une entité publique sont effectués avant la finalisation de l'audit des états financiers consolidés, ces ajustements sont communiqués au Comptable Général par le Gestionnaire du budget concerné en vue de faciliter un ajustement correspondant aux états financiers consolidés.

<u>Ingingo ya 111:</u> Igenzurwa rya raporo y'imari

Inzego za Leta, ibigo bya Leta, ibigo bishamikiye kuri Leta, imishinga, Ikigega gihurizwamo amafaranga n'ibindi bigega by'imari bigenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta.

Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ikubiyemo, aho biri ngombwa, uburyo ingengo y'imari yakoreshejwemo, amafaranga yakoreshejwe bitari ngombwa cyangwa amafaranga yakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'Itegeko Ngenga cyangwa niba harabayeho kugena nabi aho ingengo izakoreshwa cyangwa gukoresha nabi amafaranga ya Leta.

Umutwe w'Abadepite ushobora gusaba buri i Muyobozi Mukuru ushinzwe Gucunga Imari ya Leta cyangwa umukozi w'urwego rwa Leta gutanga ibisobanuro ku ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta.

Abayobozi Bakuru bashinzwe Gucunga Imari ya Leta bashyira mu bikorwa imyanzuro y'Umutwe w'Abadepite n'iy'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya

<u>Article 111:</u> Audit of financial statements

All public entities, public institutions, subsidiary entities, projects, Consolidated Fund and other public funds shall be audited by the Auditor General of State Finance.

